Komisiyo y'Igihugu
y'Uburenganzira bwa Muntu

RAPORO Y'UMWAKA W'2004

Kigali, Werurwe 2005

IBIRI MURI RAPORO

Urupapuro

IJAMBO RY'IBANZE.....5

I. IRIBURIRO.....7

II. IBYARANZE U RWANDA MU BIREBANA NO GUTEZA IMBERE NO KURENGERA UBURENGANZIRA BWA MUNTU MU BYICIRO BINYURANYE BYABWO.....8

2.1. **MU RWEGO RW'UBURENGANZIRA MU BY'IMBONEZAMUBANO NA POLITIKI.....8**

2.2. **MU RWEGO RW'UBURENGANZIRA KU BUKUNGU, IMIBEREHO MYIZA, UMUCO AMAJYAMBERE N'IBIDUKIKIJE.....11**

2.2.1. **Mu rwego rw'umurimo n'imibereho myiza……..11**

2.2.2. **Mu rwego rw'ubuzima……...11**

2.2.3. **Mu rwego rw'uburezi……11**

2.2.4. **Mu rwego rw'uburinganire n'iterambere ry'umunyarwandakazi……..12**

III. IBIKORWA BYA KOMISIYO MU MWAKA W'2004.....13

3.1. **GUKANGURIRA NO KWIGISHA ABATURAGE B'INGERI ZOSE IBYEREKERANYE N'UBURENGANZIRA BWA MUNTU.....13**

3.1.1. **Gukangurira abaturarwanda uburenganzira bwa muntu.....13**

3.1.2. **Kwigisha abaturarwanda uburenganzira bwa muntu……...23**

3.2. **GUTANGA IBITEKEREZO, IBISABWE CYANGWA IBYIBWIRIJE, KU MISHINGA Y'AMATEGEKO YEREKEYE IBIBAZO BIJYANYE N'UBURENGANZIRA BWA MUNTU.....27**

3.3. **GUSHISHIKARIZA NZEGO ZA LETA ZIBISHINZWE GUSHYIRA UMUKONO KU MASEZERANO MPUZAMAHANGA YITA KU BURENGANZIRA BWA MUNTU NO KUYINJIZA MU MATEGEKO IGIHUGU KIGENDERAHO.....27**

3.4. **GUKURIKIRANA IBIBAZO BIREBANA N'IHOHOTERWA RY'UBURENGANZIRA BWA MUNTU BYABA IBYO KOMISIYO**

IGEJEJWEHO CYANGWA YIMENYEYE.....28

3.5. **GUSURA AHAFUNGIYE ABANTU NO KUREBA KO UBURENGANZIRA BWABO BWUBAHIRIZWA.....84**

3.5.1. **Kasho na gereza za gisivire zasuwe……..……..84**

3.5.2. **Kasho na gereza za gisirikare zasuwe…….……86**

3.6. **GUSABA GUKURIKIRANA MU NZEGO Z'UBUCAMANZA UWO ARI WE WESE WAKOZE IBIKORWA BIHUTAZA UBURENGANZIRA BWA MUNTU……..…….87**

3.7. **GUFATANYA NA KOMISIYO Z'IBINDI BIHUGU ZISHINZWE UBURENGANZIRA BWA MUNTU, AMASHYIRAHAMWE AKORERA MU GIHUGU N'IMIRYANGO MPUZAMAHANGA MU BIKORWA BYO KUBAHIRIZA NO GUTEZA IMBERE UBURENGANZIRA BWA MUNTU……..…….89**

3.8. **KONGERERA UBUSHOBOZI KOMISIYO.....97**

IV. RAPORO Y'IMIKORESHEREZE Y'IMARI.....99

4.1. **IRIBURIRO.....99**

4.2. **IMIKORESHEREZE Y'AMAFARANGA KOMISIYO YAHAWE NA LETA MU MWAKA W'2004.....100**

4.3. **AMAFARANGA KOMISIYO YAHAWE N'ABATERANKUNGA N'IMIKORESHEREZE YAYO.....104**

V. UMWANZURO RUSANGE, IBYIFUZONAMA N'IBITEGANYIJWE MU MWAKA W'2005.....107

5.1. **UMWANZURO RUSANGE.....107**

5.2. **IBYIFUZONAMA……..……112**

5.3. **IBIKORWA BITEGANYIJWE MU MWAKA W'2005.....113**

*

* *

IJAMBO RY'IBANZE.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu inejejwe no gushyikiriza Inteko Ishinga Amategeko raporo yayo y'ibikorwa by'umwaka w'2004 nk'uko biteganywa n'ingingo y'177 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku 4 Kamena 2003.

Ibikorwa bya Komisiyo biri muri iyi raporo bishingiye ku nshingano nkuru ihabwa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika n'ingingo ya 3 y'Itegeko n° 37/2002 ryo ku wa 31 Ukuboza 2002. Inshingano nkuru za Komisiyo zijyanye no guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu. Harimo kandi ibikorwa bya Komisiyo mu birebana n'inshingano ihabwa n'ingingo ya 24 y'itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa. Iyo ngingo ivuga ko Komisiyo igomba guteganya uburyo bwihariye bwo gukurikirana uko uburenganzira bw'umwana bwubahirizwa.

Igice kinini cy'iyi raporo kirimo ibibazo Komisiyo yagejejweho bijyanye n'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu, bimwe bikaba ari ibitarabonerwa ibisubizo. Kuba iki gice Komisiyo ikigira kinini bigamije gutanga inyigisho ku basomyi b'iyi raporo kugira ngo barusheho kurengera uburenganzira bwa muntu. Bigamije kandi kugaragariza inzego n'abantu bavugwa muri iyi raporo ibirego bibareba no kubakangurira kubishakira ibisubizo vuba.

Muri iyi raporo, Komisiyo itanga ibyifuzonama ku nzego nkuru z'igihugu no ku baturarwanda bose. Muri ibyo byifuzonama hari ibyatanzwe muri raporo z'imyaka yashize, bikaba bigarutse muri iyi raporo kugira ngo bikomeze bishakirwe ibisubizo.

Muri rusange, Komisiyo yasanze hari intambwe ishimishije imaze guterwa na Leta y'u Rwanda mu birebana no kurengera uburenganzira bwa muntu, ibyo bikaba bigaragarira mu buryo inzego zinyuranye Komisiyo yagejejeho ibibazo by'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu zabiboneye ibisubizo. Iyo ntambwe igaragarira na none muri politiki zinyuranye zishyirwaho n'inzego za Leta no mu bikorwa binyuranye bya « société civile » bigamije guteza imbere uburenganzira bwa muntu.

Komisiyo iboneyeho kwibutsa ko kurengera uburenganzira bwa muntu ari inshingano ya buri rwego rwa Leta na buri muturarwanda wese.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yongeye gushimira Leta y'u Rwanda kubera inkunga iyitera mu kurangiza inshingano zayo. Ntiyakwibagirwa kandi gushimira imiryango mpuzamahanga n'ibihugu by'inshuti z'u Rwanda byayiteye inkunga mu mishinga inyuranye bigatuma igera ku bikorwa bitandukanye bivugwa muri iyi raporo.

KAYITESI ZAÏNABO Sylvie

Perezida wa Komisiyo

I. IRIBURIRO.

Iyi raporo igaragaza ibikorwa Komisiyo yagezeho mu mwaka w'2004. Ibikorwa by'ingenzi biyikubiyemo bikaba birebana n'inshingano zayo nkuru zo kurinda no guteza imbere uburenganzira bwa muntu.

Iyi raporo ifite isura nshya mu bijyanye n'imyandikire yayo ugereranyije na raporo z'imyaka ishize. Ibikorwa biyikubiyemo bijyanye n'inshingano Komisiyo ihabwa n'Itegeko Nshinga hamwe n'Itegeko riyishyiraho. Harimo na none ibikorwa bjyanye n'inshingano yihariye Komisiyo ihabwa n'itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa. Iryo tegeko rivuga ko Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu igomba guteganya uburyo bwihariye bwo gukurikirana uko uburenganzira bw'umwana bwubahirizwa.

Mu bijyanye no kurinda uburenganzira bwa muntu, mu mwaka w'2004, Komisiyo yakiriye ibirego 1.424 birebana n'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu mu by'imbonezamubano na politiki ndetse n'uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza, umuco n'amajyambere. Muri ibyo bibazo, 937 byarakurikiranwe, 275 byohererejwe inzego zishinzwe kubikemura, 212 ntibyakiriwe kubera kutuzuza ibisabwa kugira ngo ikirego cyakirwe biteganywa n'amabwiriza ya Komisiyo yerekeranye n'ikurikiranwa ry'ibirego. Mu birego Komisiyo yakurikiranye, 230 byabonewe ibisubizo naho 707 biracyakurikiranwa.

Iyi raporo ikubiyemo kandi ibikorwa bijyanye no kugenzura uko uburenganzira bwa muntu bwubahirizwa. Muri urwo rwego, ibikorwa by'umwaka w'2004 byibanze ku mirimo y'Inkiko Gacaca, ikurikirana ry'amatora anyuranye yabaye mu gihugu hamwe n'isurwa rya za kasho na gereza.

Mu rwego rwo guteza imbere uburenganzira bwa muntu, iyi raporo igaragaza inyigisho n'ibiganiro ku burenganzira bwa muntu byatanzwe ku bantu b'ingeri zinyuranye. Igaragaza kandi ibyakozwe ku minsi ngarukamwaka y'uburenganzira bwa muntu Komisiyo yizihije.

Raparo y'umwaka w'2004 igaragaza kandi ibikorwa byaranze ubufatanya hagati ya Komisiyo n'izindi Komisiyo mpuzamahanga z'uburenganzira bwa muntu, imiryango ikorera mu Rwanda ifite mu nshingano zayo uburenganzira bwa muntu ndetse n'imiryango mpuzamahanga.

Iyi raporo inagaragaza ibikorwa byagezweho na Komisiyo mu bijyanye no kwiteza imbere. Ibyo bikorwa bijyanye ahanini n'amahugurwa agenerwa abagize Komisiyo n'abakozi kugira ngo bagire ubumenyi butuma barangiza neza inshingano zabo.

Komisiyo yerekana muri iyi raporo imikoreshereze y'ingengo y'imari yagenewe na Leta n'iyo yahawe n'abaterankunga, ikanagaragaza imyanzuro n'ibyifuzonama ku nzego zinyuranye n'ibiteganyijwe mu mwaka w'2005.

II. IBYARANZE U RWANDA MU BIREBANA NO GUTEZA IMBERE NO KURENGERA UBURENGANZIRA BWA MUNTU MU BYICIRO BINYURANYE BYABWO.

2.1. MU RWEGO RW'UBURENGANZIRA MU BY'IMBONEZAMUBANO NA POLITIKI.

Mu birebana n'ubutabera, mu mwaka wa 2004 habayeho impinduka mu mikorere y'inkiko bitewe n'uko imikorere yari isanzwe yanengwaga kuba itagishobora gukemura ibibazo mu buryo buzana imibanire myiza mu Banyarwanda, bikaba byarabangamiraga uburenganzira bwa muntu mu buryo butandukanye. Ivugururwa ryakozwe mu rwego rw'ubutabera rikaba ryari rigamije, muri rusange, kunoza imikorere y'inkiko yatuma imanza zidatinda kandi zigacibwa neza no kwegereza ubutabera abaturage.

Habayeho ivugururwa ry'amwe mu mategeko agenga inkiko ndetse n'abakozi bazo :

Itegeko rigena imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha rizakemura ibibazo birebana n'ifata n'ifunga bidakurikije amategeko.

Itegeko rigena imitunganyirize n'ububasha by'inkiko ryaravuguruwe, hashyirwaho ingereko z'abana n'iz'umurimo. Mu buryo bwo kwihutisha imanza, inkiko z'ubujurire zegerejwe abaturage.

Hahinduwe n'itegeko rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inama Nkuru y'Ubucamanza igizwe n'abantu baturuka mu nzego zinyuranye. Kuba Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yarashyizwe mu bagize inama nkuru y'ubucamanza, bizafasha gushimangira iyubahirizwa ry'amahame y'uburenganzira bwa muntu no kunoza imikoranire ya Komisiyo n'urwego rw'ubucamanza ruteganywa n'Itegeko Nshinga nk'umurinzi w'uburenganzira bwa muntu.

Hashyizweho kandi itegeko ryerekeye imyitwarire mu kazi k'ubucamanza, Komisiyo ikaba yizeye ko iri tegeko rizafasha abaturage kumenya ko uburenganzira bwabo bwubahirijwe cyangwa bwahutajwe kuko rigena ibihano ku mucamanza warenze ku nshingano ze zo guca urubanza ruboneye, mu kuri no mu gihe giciriritse.

Ikindi cyavugwa kuri iyi ngingo cyabaye mu mwaka w'2004, ni ishyirwaho ry'inzego z'Abunzi bashinzwe kunga ababuranyi mbere y'uko bashyikirizwa urukiko rubaburanisha mu rwego rwa mbere. Ibirego bishyikirizwa Komite y'abunzi bivugwa mu ngingo ya 7 n'iya 8 z'Itegeko Ngenga n° 17/2004 ryo ku wa 20/6/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere ya Komite y'Abunzi.

Habayeho kandi kongera gutora Inyangamugayo z'Inkiko Gacaca hakurikijwe itegeko rishya rizigenga.

Inzego z'ubushinjacyaha nazo zaravuguruwe kuva ku nzego nkuru kugeza ku nzego zo hasi, hanashyizweho abakozi babyigiye kandi babifitiye ubushobozi.

Mu bijyanye n'uburenganzira mu bya politiki habayeho amatora atandukanye nk'ayo kuzuza Komite z'Utugari n'Imirenge, amatora y'abagize Inama y'Igihugu y'Abagore ndetse n'amatora ya biro z'inama njyanama z'imirenge. Muri rusange, aho intumwa za Komisiyo zageze hose, zasanze amatora yaragenze neza, mu mucyo, mu mutekano, mu bwisanzure no mw'ibanga.

Nk'uko Komisiyo yakomeje kubisaba mu maraporo yayo anyuranye, ku birebana na za gereza, hatekerejwe guhindura itegeko rigenga amagereza risimbura iryashyizweho mu mwaka w'1961 ridahuye n'ibihe tugezemo. Ubu hari umushinga w'itegeko wagejejwe ku Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite.

Ibyo bikorwa byose bishimangirwa n'amategeko anyuranye yashyizweho akanatangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Amwe muri ayo mategeko ni aya akurikira :

- Itegeko-Ngenga n° 01/2004 ryo ku wa 29 Mutarama 2004 rigena imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga (J.O. n° 3 yo ku wa 1 Gashyantare 2004, urup.3) ;
- Itegeko-Ngenga n° 03/2004 ryo ku wa 20 Werurwe 2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Ubushinjacyaha (J.O. n° idasanzwe yo ku wa 23 Werurwe 2004, urup.10) ;
- Itegeko n° 06 bis/2004 ryo ku wa 14 Mata 2004 rigenga Abacamanza n'Abakozi b'Inkiko (J.O. n° 10 yo ku wa 15 Gicurasi 2004, urup.3) ;
- Itegeko-Ngenga n° 07/2004 ryo ku wa 25 Mata 2004 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko (J.O. n° 14 yo ku wa 15 Nyakanga 2004, urup.3) ;
- Itegeko n° 15/2004 ryo ku wa 12 Kamena 2004 ryerekeye ibimenyetso n'itangwa ryabyo (J.O. n° idasanzwe yo ku wa 19 Nyakanga 2004, urup.3) ;
- Itegeko-Ngenga n° 16/2004 ryo ku wa 19 Kamena 2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Inkiko Gacaca zishinzwe gukurikirana no gucira imanza abakoze ibyaha bya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'iya 31 Ukuboza 1994 (J.O. n° idasanzwe yo ku wa 19 Kamena 2004) ;
- Itegeko n° 18/2004 ryo ku wa 20 Kamena 2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, z'umurimo n'iz'ubutegetsi (J.O. n° idasanzwe bis yo ku wa 30 Nyakanga 2004) ;
- Itegeko n° 22/2004 ryo ku wa 13 Kanama 2004 rishyiraho amategeko ngengamikorere y'abashinjacyaha n'abakozi bo mu bushinjacyaha (J.O. n°17 yo ku wa 1 Nzeri 2004, urup.3).

Mu mwaka w'2004, Komisiyo yatanze ibitekerezo ku mishinga y'amategeko igaragaza uruhare runini mu kurengera uburenganzira bwa muntu, ayo mategeko akaba asuzumwa n'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko. Imwe muri iyo mishinga Komisiyo yatanzeho ibitekerezo ni iyi ikurikira :

- Umushinga w'Itegeko-Ngenga rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda ;
- Umushinga w'Itegeko-Ngenga rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije ;
- Imbanzirizamushinga y'Itegeko rishyiraho Komisiyo yo kurwanya jenoside.

Mu rwego rwo kubahiriza amategeko mpuzamahanga arengera uburenganzira bwa muntu, mu mwaka w'2004, u Rwanda rwemeje burundu amazerano mpuzamahanga anyuranye yerekeye uburenganzira bwa muntu. Ayo masezerano ni aya akurikira :

- Amasezerano aca ikorwa, ihunikwa n'ikoreshwa ry'intwaro z'uburozi yashyiriweho umukono i Paris ku wa 13 Mutarama 1993 (Iteka rya Perezida n° 32 bis/01 ryo ku wa 17 Ukwakira 2003, J.O. n° 7 yo ku wa 1 Mata 2004, urup.4) ;

- Amasezerano agamije guca burundu igeragezwa ry'intwaro za kirimbuzi yemerejwe i New York ku wa 10 Nzeri 1996 (Iteka rya Perezida n° 32 bis/01 ryo ku wa 17 Ukwakira 2003, J.O. n° 7 yo ku wa 1 Mata 2004, urup.3) ;
- Amasezerano ashyiraho Urukiko rw'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe yemejwe n'inama isanzwe ya kabiri y'abakuru b'ibihugu bigize Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe yateraniye i Maputo muri Mozambique ku wa 11 Nyakanga 2003 (Iteka rya Perezida n° 13/01 ryo ku wa 24 Kamena 2004, J.O. n° idasanzwe yo ku wa 24 Kamena 2004, urup.7) ;
- Amasezerano y'inyongera ku masezerano nyafurika y'uburenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage yerekeye Uburenganzira bw'umugore muri Afurika, yemejwe n'inama isanzwe ya kabiri y'abakuru b'ibihugu bigize Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe yateraniye Maputo muri Mozambique ku wa 11 Nyakanga 2003. U Rwanda rwifashe ku ngingo ya 14.2. c) y'ayo Masezerano ivuga ko za Leta zifata ingamba zose zikwiye kugira ngo irinde uburenganzira bwo kororoka bw'abagore, by'umwihariko mu kwemera ko umugore akuramo inda bikorewe kwa muganga, mu gihe yahatiwe gukora imibonano mpuzabitsina, yasambanyijwe ku ngufu, atwite inda y'uwo bafitanye isano ya hafi ry'amaraso no mu gihe inda ibangamiye ubuzima bwo mu mutwe n'ubw'umubiri bw'umubyeyi cyangwa se bw'umwana atwite (Iteka rya Perezida n° 11/01 ryo ku wa 24 Kamena 2004, J.O. n° idasanzwe yo ku wa 24 Kamena 2004, urup.3) ;
- Amasezerano y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe agamije gukumira no kurwanya ruswa, yemejwe n'inama isanzwe ya kabiri y'abakuru b'ibihugu bigize Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe yateraniye i Maputo muri Mozambique ku wa 11 Nyakanga 2003 (Iteka rya Perezida n° 12/01 ryo ku wa 24 Kamena 2004, J.O. n° idasanzwe yo ku wa 24 Kamena 2004, urup.5) ;
- Amasezerano Nyafurika avuguruwe ku kubungabunga ibidukikije n'umutungo kamere yemejwe n'inama isanzwe ya kabiri y'abakuru b'ibihugu bigize Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe yateraniye i Maputo muri Mozambique ku wa 11 Nyakanga 2003 (Iteka rya Perezida n° 14/01 ryo ku wa 24 Kamena 2004, J.O. n° idasanzwe yo ku wa 24 Kamena 2004, urup.9).

Komisiyo isanga u Rwanda rwarateye intambwe nziza yo kubahiriza amasezerano mpuzamahanga kuko Itegeko Nshinga ryo ku wa 4 Kamena 2003 rivuga, mu ngingo yaryo y'190, ko «*iyo amaze gutangazwa mu Igazeti ya Leta, amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu mu buryo buteganywa n'amategeko, agira agaciro gasumba ak'amategeko ngenga n'ak'amategeko asanzwe keretse iyo adakurikijwe n'urundi ruhande*», ikaba ariko isanga amahame y'ingenzi y'ayo masezerano akwiye kujya yinjizwa mu mategeko y'u Rwanda bidatinze.

Mu rwego rwo kubahiriza amategeko mpuzamahanga arengera uburenganzira bwa muntu kandi, mu mwaka w'2004, Inteko ishinga Amategeko yemeje amategeko yemerera kwemeza burundu amasezerano mpuzamahanga akurikira :

- Amasezerano mpuzamahanga y'i Ramsar yo ku wa 2 Gashyantare 1971 yerekeye kubungabunga ahantu hahehereye hafite akamaro ku rwego mpuzamahanga, ku bw'umwihariko indiri z'inyoni zo mu mazi yemerewe kwemezwa burundu n'Itegeko n° 37/2003 ryo ku wa 29 Ukuboza 2003, (J.O. n° 5 yo ku wa 1 Werurwe 2004, urup.7) ;
- Amasezerano mpuzamahanga y'i Bonn agamije kubungabunga inyamaswa z'agasozi zihora zimuka yashyiriweho umukono i Bonn ku wa 23 Kamena 1979 yemerewe

kwemezwa burundu n'Itegeko n° 35/2003 ryo ku wa 29 Ukuboza 2003, (J.O. n° 5 yo ku wa 1 Werurwe 2004, urup.3).

- Amasezerano mpuzamahanga y'i Kyoto yo ku wa 6 Werurwe 1998 ashamikiye ku masezerano mpuzamahanga yerekeye ihindagurika ry'ibihe yemerewe kwemezwa burundu n'Itegeko n° 36/2003 ryo ku wa 29 Ukuboza 2003, (J.O. n° 5 yo ku wa 1 Werurwe 2004, urup.5) ;
- Amasezerano mpuzamahanga y'inyongera y'i Cartagena yerekeye umutekano w'urusobe rw'ibinyabuzima yashyiriweho umukono i Naïrobi guhera tariki ya 15 kugeza ku ya 26 Gicurasi 2000 n'i New York guhera tariki ya 5 Kamena 2000 kugeza ku ya 4 Kamena 2001 yemerewe kwemezwa burundu n'Itegeko n° 38/2003 ryo ku wa 29 Ukuboza 2003, (J.O. n° 5 yo ku wa 1 Werurwe 2004, urup.9).

2.2. MU RWEGO RW'UBURENGANZIRA KU BUKUNGU, IMIBEREHO MYIZA, UMUCO AMAJYAMBERE N'IBIDUKIKIJE.

2.2.1. Mu rwego rw'umurimo n'imibereho myiza.

Mu mwaka w'2004, hashyizweho iteka rya Perezida n° 37/01 ryo ku wa 30 Kanama 2004 rigena uburyo bwo gushyira abakozi mu myanya yo mu nzego z'imirimo ya Leta. Iryo teka rishimangira politike yo gutanga akazi mu mucyo.

Muri uwo mwaka kandi, hatangijwe gahunda nini « PSTP/HIMO», mu rwego rw'igihugu, igamije guha imirimo abantu benshi.

2.2.2. Mu rwego rw'ubuzima.

Guverinoma yemeje politiki y'ubuzima buri wese agiramo uruhare (SWAP: Sector Wide Approach / Approche Sectorielle Elargie). Hashyizweho uburyo bushya bwo kurinda malariya abagore batwite.

Hirya no hino mu gihugu, abaturage bakomeje gushishikarizwa kwitabira uburyo bw'ubwisungane mu kwivuza (Mutuelle de santé), bityo abatishoboye bakabasha kwivuza binyuze mu bwisungane.

2.2.3. Mu rwego rw'uburezi.

Mu mwaka w'2004, umubare w'abana bagiye mu mashuri abanza wavuye kuri 1.636.563 ugera kuri 1.752.588. Umubare w'abanyeshuri bagiye mu mashuri yisumbuye wavuye ku 179.153 ugera ku 203.551. Umubare w'abagiye mu bigo bya Kaminuza wavuye ku banyeshuri 20.393 ugera ku banyeshuri 25.233.

Minisiteri y'Uburezi yashoboye guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye mu rwego rw'uburezi. Ni muri urwo rwego abanyeshuri b'abakobwa bo mu bigo by'amashuri abanza bageze kuri 50,8 %, naho abanyeshuri b'abakobwa mu bigo by'amashuri yisumbuye bakaba bageze kuri 47,7 %.

2.2.4. **Mu rwego rw'uburinganire n'iterambere ry'umunyarwandakazi.**

Mu mwaka w'2004, mu gihugu hose habayeho gukomeza gukangurira abagore kujya mu nzego zifata ibyemezo.

*

* *

III. IBIKORWA BYA KOMISIYO MU MWAKA W'2004.

Ibikorwa Komisiyo igaragaza muri iyi raporo, birashingira ku nshingano zikubiye mu Itegeko n° 37/2002 ryo ku wa 31 Ukuboza 2002 rishyiraho Komisiyo. Iragaragaza kandi ibikorwa birebana no kongera ubushobozi bwa Komisiyo n'ubw'abakozi bayo.

3.1. GUKANGURIRA NO KWIGISHA ABATURAGE B'INGERI ZOSE IBYEREKERANYE N'UBURENGANZIRA BWA MUNTU (ingingo ya 3 [a]).

Mu rwego rwo guteza imbere uburenganzira bwa muntu, mu mwaka w'2004, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yitaye by'umwihariko ku bikorwa bijyanye no gukangurira no kwigisha abaturarwanda b'ingeri zinyuranye iby'uburenganzira bwa muntu.

3.1.1. Gukangurira abaturarwanda uburenganzira bwa muntu.

Mu birebana no gukangurira abaturarwanda b'ingeri zinyuranye uburenganzira bwa muntu, ibikorwa bya Komisiyo byaranzwe n'ibiganirompaka n'amasomo byahawe abantu 56.271. Harimo kandi ibiganiro kuri radiyo na televiziyo hamwe n'inyandiko zinyuranye zamamaza uburenganzira bwa muntu.

A. Inyigisho zatanzwe ku bantu b'ingeri zinyuranye.

Mu cyiciro cy'abaturarwanda b'ingeri zinyuranye, hagaragara :

- Abarimu n'abanyeshuri,
- Abaturage basanzwe,
- Abagize inzego z'ubuyobozi
- Abagize inzego z'umutekano,
- Abari mu mashyirahamwe,
- Abafunguwe hakurikijwe itangazo rya Perezidansi ya Repubulika ryo ku wa mbere Mutarama 2003.

a. Abarimu n'abanyeshuri.

Kwigisha uburenganzira bwa muntu mu mashuri ni ugutegurira igihugu ejo hazaza harangwa n'umuco w'amahoro kuko abanyeshuri n'abarezi ari imiyoboro ikomeye mu rwego rwo gusakaza umuco w'uburenganzira bwa muntu. Niyo mpamvu muri gahunda zayo, Komisiyo yihatira guhugura no gukangurira abarezi n'urubyiruko rwo mu mashuri ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu .

*

* *

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ibigo by'amashuri yisumbuye Komisiyo yatanzemo inyigisho mu mwaka w'2004 ku butumire cyangwa ibyibwirije.

INTARA	**IBIGO BY'AMASHULI**	**UMUBARE W'ABAHUGUWE**
BUTARE	Abanyeshuri bahagarariye amashyirahamwe y'uburenganzira bwa muntu baturutse mu bigo bikurikira bahuriye i Nyanza : 1. Urwunge rw'amashuri "Saint Esprit" 2. Urwunge rw'amashuri "Mater Dei" 3. Collège du Christ Roi 4. Ishuri Maranata 5. Ikigo cy'ishuri cya ESPANYA 6. Ishuri ry'ubumenyi rya Nyanza 7. Collège Saint Emmanuel y'i Hanika 8. Collège Igihozo	90
GISENYI	1. Ikigo cy'amashuri cya Nyabirasi 2. Ikigo cy'amashuri cya APEFOC 3. Ibigo by'amashuri bya Nyagahinika (Kayove) 4. Ikigo cya Trinité (Nyamyumba) 5. Ikigo cya E.E.R/Gisenyi 6. Ishuri ryisumbuye "APPEREL" ry'i Bukinanyana 7. Ishuri ry'ubugeni ryo ku Nyundo	860
KIBUYE	1. Collège Sainte Marie 2. ETO Kibuye 3. Ishuri ryisumbuye rya IPEZAL (Kibilizi) 4. Ishuri ryisumbuye ry' i Rubengera	1 000
CYANGUGU	1. Urwunge rw'amashuri rwa Gihundwe 2. TTC Mururu 4. Ishuri rya APEDUC 5. Ishuri ryisumbuye rya Gishoma 6. Urwunge rw'amashuri rwa Nyamasheke 3. E.A.V. Ntendezi 8. Vocational School 9. Ishuri ryisumbuye rya Shangi 10. Collège Communal de Gisuma.	3 200
GIKONGORO	1. Ishuri ryisumbuye rya Mushubi 2. ESI Kaduha 3. Urwunge rw'amashuri rwa Runyombyi 4. TTC Mbuga 5. Ishuri ry'ubumenyi "Mère du Verbe" 6. TTC Mudasomwa	2 523
BYUMBA	1. Urwunge rw'Amashuri APAPEB	

	2. Urwunge rw'amashuri "Notre Dame du Bon Conseil" 3. Collège y'i Gaseke 4. Lycée y'i Muhura 5. Ishuri ryisumbuye rya Buyoga 6. Lycée y'i Rebero 7. Ishuri rya ADEGI Gituza	2 626
GITARAMA	1. Ishuri ryisumbuye ESA ry'i Mukingi 2. Urwunge rw'amashuri "Notre Dame de Lourdes" rwo mu Byimana 3. Ishuri ry'ubumenyi ryo mu Byimana 4. Ishuri ESI Sainte Elisabeth-Kabgayi 5. Kaminuza Gatulika ya Kabgayi (U.C.K). 6. Abarimu n'abanyeshuri bo mu mashuri abanza yo mu kigo cya Kabgayi. 7. Mu rwunge rw'amashuri rwa Byimana, urubyiruko ruri mu mashyirahamwe y''uburenganzira bwa muntu na ba "encadreurs" babo.	1 337
KIBUNGO	1. TTC Zaza 2. Ishuri ryisumbuye rya Rusumo 3. Ishuri ryisumbuye rya Nshili	2 117
RUHENGERI	1. Ishuri ryisumbuye rya Rwankeri	300
BOSE HAMWE		14 053

Interuro zibanzweho mu nyigisho zatanzwe ni izi zikurikira :

- Inyigisho y'ibanze ku burenganzira bwa Muntu ;
- Uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa uko biteganywa n'Itegeko n°27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 ;
- Uburenganzira bw'umugore ;
- Itegeko rigena imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura (Itegeko n°22/99 ryo ku wa 12 Ugushyingo 1999) ;
- Uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca ;
- Uruhare rw'amashyirahamwe y'uburenganzira bwa muntu mu guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu ;
- Gukumira no guhana jenoside, ivangura n'amacakubiri : icyo amategeko y'u Rwanda n'amasezerano mpuzamahanga ateganya. Itegeko n°47/2001 rihana icyaha cy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri n'itegeko rihana icyaha cya jenoside ;
- Intambwe u Rwanda rumaze gutera mu birebana n'uburenganzira bwa muntu n'icyakorwa kugira ngo burusheho gutera imbere ;
- Inshingano z'umwenegihugu n'uburenganzira bwe bikubiye mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

Ku butumire bwa Minisiteri y'Uburezi, Ubumenyi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi, Komisiyo yatanze inyigisho ku burenganzira bwa muntu mu mahugurwa y'abarimu akurikira :

Kuva ku wa 2 Ugushyingo kugeza ku wa 12 Ugushyingo 2004, Komisiyo yahuguye abarimu 45 bigisha mu mashuri nderabarezi, i Kigali, mu Kigo cy'igihugu gishinzwe gutegura integanyanyigisho. Ayo mahugurwa yari yerekeye imikoreshereze y'igitabo cy'uburere mboneragihugu kirimo n'inyigisho ku burenganzira bwa muntu kigenewe abarimu b'icyiciro cya kabiri cy'amashuri abanza.

Amahugurwa y'abarimu n'abashinzwe amasomo ku birebana n'imikoreshereze y'integanyanyigisho n'inyoborabarezi y'uburere mboneragihugu mu mashuri yisumbuye yabaye ku buryo bukurikira :

- Ku wa 23 Ugushyingo 2004, i Butare, mu kigo nderabarezi cya Save, hahuguwe abarimu 45,
- Ku wa 30 Ugushyingo 2004, i Kigali, mu Kigo cy'igihugu gishinzwe gutegura integanyanyigisho, hahuguwe abarimu 45,
- Ku wa 7 Ukuboza 2004, i Kibungo-Rwamagana, mu Rwunge rw'amashuri rwa "Saint Aloys", hahuguwe abarimu 45,
- Ku wa 14 Ukuboza 2004, ku Gisenyi, mu kigo nderabarezi cya Gacuba II, hahuguwe abarimu 45.

Interuro zibanzweho ni izi zikurikira :

- Amahame remezo y'uburenganzira bwa muntu ;
- Uburenganzira bw'umwana.

b. Abaturage.

Komisiyo yahaye ibiganiro ku burenganzira bwa muntu abaturage 1.773 harimo abana 90 bahoze mu bacengezi. Ibyo biganiro byabereye mu Mujyi wa Kibuye, mu Ntara ya Kibuye ; i Mudende, mu Ntara ya Gisenyi ; mu Karere ka Nyamugari, mu Ntara ya Ruhengeri n'i Nyagatare, mu Ntara y'Umutara.

Ibiganiro byatanzwe, byibanze ku interuro zikurikira :

- Amahame remezo y'uburenganzira bwa muntu ;
- Inshingano za Komisiyo ;
- Ikurikirana ry'ibibazo by'uburenganzira bwa muntu muri Komisiyo ;
- Gukumira no guhana jenoside, ivangura n'amacakubiri : icyo amategeko y'u Rwanda n'amasezerano mpuzamahanga ateganya. Itegeko n°47/2001 rihana icyaha cy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri n'itegeko rihana icyaha cya jenoside ;
- Uruhare rw'ubutabera mu guteza imbere no kurinda uburenganzira bwa muntu.

c. Inzego z'ubuyobozi bw'ibanze.

Ku butumire bwa Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yatanze ibiganiro mu ngando z'abagize inzego z'ubuyobozi bw'ibanze 14.917. Izo nzego zari zigizwe n'abahuzabikorwa b'imirenge, abashinzwe umutekano mu mirenge, abashinzwe amakuru, abashinzwe urubyiruko n'abahagarariye inzego z'abagore mu mirenge. Muri izo ngando zabereye mu ntara zose z'igihugu mu mpera z'ukwezi kwa Gicurasi no mu ntangiriro za Kamena 2004, hari hatumiwemo abahagarariye ba ex-FAR, abahagarariye abasezerewe mu ngabo, abahagarariye ba "Local Defense Forces", abahagarariye abafunguwe mbere y'umwaka w'2004 n'abahagarariye abafunguwe by'agateganyo n'itangazo rya Perezidansi ya Repubulika ryo ku wa mbere Mutarama 2003.

Mu biganiro Komisiyo yagiranye n'abo bayobozi, yibanze ku interuro zikurikira :

- Amahame remezo y'uburenganzira bwa muntu n'inshingano z'umwenegihugu,
- Amasezerano mpuzamahanga n'amategeko y'u Rwanda ahana icyaha cy'ivangura ; uruhare rw'ubuyobozi mu kuyubahisha.

d. Inzego z'umutekano.

Mu rwego rwo kongerera ubumenyi bamwe mu bari mu nzego zishinzwe umutekano, Komisiyo yahaye ibiganiro mu bijyanye n'uburenganzira bwa muntu bamwe mu bagize ingabo z'igihugu na ba "Local Defense Forces". Ibyo biganiro byatanzwe mu Ntara za Kibuye, Umutara na Byumba .

Kuva ku wa 2 kugeza ku wa 11 Gashyantare no kuva ku wa 11 kugeza ku wa 16 Werurwe 2004, Komisiyo yatanze ibiganiro ku burenganzira bwa muntu ku basirikare bo mu rwego rwa "officiers" n'abo mu rwego rwa "sous-officiers" 25 bo muri Batayo ya kabiri na 32 bo muri Batayo ya makumyabiri na gatanu. Ibyo biganiro byatangiwe i Rubengera mu Ntara ya Kibuye.

Ku wa 20 Gicurasi 2004, i Nyagatare mu Ntara y'Umutara, Komisiyo yatanze inyigisho mu ngando y'abasirikare 70 bo muri Batayo ya mirongo itandatu n'icyenda.

Ku wa 24 Gashyantare 2004, mu Ntara ya Byumba, Komisiyo yatanze inyigisho mu ngando yahuje ba "Local Defense Forces" (LDF) 400.

Muri ayo mahugurwa Komisiyo yatanze inyigisho zikurikira :

- Amahame remezo y'uburenganzira bwa muntu ;
- Uburenganzira n'inshingano by'umwenegihugu muri rusange n'iby'umusirikare by'umwihariko ;
- Amategeko arengera umwana.

*

* *

e. Amashyirahamwe.

Mu mwaka w'2004, ibyibwirije cyangwa ku butumire, Komisiyo yatanze inyigisho mu mashyirahamwe anyuranye mu Ntara zitandukanye z'igihugu. Imbonerahamwe ikurikira irerekana ayo mashyirahamwe n'umubare w'abahuguwe.

ITARIKI	ISHYIRAHAMWE	AHO INYIGISHO ZATANGIWE	UMUBARE W'ABAHUGUWE
17-19/2/2004	Itorero INDASHYIKIRWA	Muri "Home Saint Jean" ku Kibuye	25
16-17/4/2004	AMOVOCINUM-INGENZI	Muri Ntenyo i Gitarama	24
22-23/4/2004	ABIBUMBYE	Mu Mujyi wa Gitarama	42
25/5/2004	Amashyirahamwe anyuranye	Kuri Hotel Eden Rock, Itabire ku Kibuye	45
10/6/2004	AVEGA	Kuri Stade Gatwaro mu Mujyi wa Kibuye	24
24-25/6/2004	BAIR	Ku Gisenyi	60
12-14/10/2004	Urubyiruko rwibumbiye muri Club "INDASHYIKIRWA" iharanira uburenganzira bwa muntu	Muri "Home Saint Jean" ku Kibuye	31
18/10/2004	Abagore bafite abagabo batwara amakamyo	Muri "Centre de Pastorale Saint Paul", i Kigali	80
22-24/12/04	Abahagarariye amasendika	Muri "TTC" Kavumu, i Gitarama	40
BOSE HAMWE			**371**

Inyigisho zatanzwe ni izi zikurikira :

- Kumenya Komisiyo, imiterere n'inshingano zayo ;
- Amahame remezo y'uburenganzira bwa muntu ;
- Uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca ;
- Itegeko n° 22/99 ryo ku wa 12 Ugushyingo 1999 rigena imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura ;
- Itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa ;
- Uburenganzira bw'umwana n'ubw'umugore mu mategeko y'u Rwanda no mu masezerano mpuzamahanga.

*

* *

f. Abafunguwe hakurikijwe itangazo rya Perezidansi ya Repubulika ryo ku wa mbere Mutarama 2003.

Muri Mata 2004, ku butumire bwa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yatanze inyigisho ku bantu 2.257 bari mu ngando z'abafunguwe bari barafungiwe ibyaha bisanzwe. Izo ngando zabereye aha hakurikira :

- I Gati mu Karere ka Muhazi hahurijwe abafunguwe 737 baturutse muri Gereza ya Nsinda, Kibungo na Miyove ;
- Mu ngando y' i Ntendezi mu Ntara ya Cyangugu, hahurijwe abafunguwe 1.195 bavuye muri Gereza Nkuru ya Cyangugu n'iya Gisovu ku Kibuye ;
- I Mushubi mu Ntara ya Gikongoro, Komisiyo yatanze inyigisho mu ngando yari ihuriwemo n'abafunguwe 325 baturutse muri Gereza za Gikongoro, Butare na Gitarama.

Inyigisho zatanzwe ku nteruro zikurikira :

- Kumenya Komisiyo, inshingano n'imikorere byayo ;
- Amahame remezo y'uburenganzira bwa muntu ;
- Gukumira no guhana jenoside, ivangura n'amacakubiri : icyo amategeko y'u Rwanda n'amasezerano mpuzamahanga ateganya. Itegeko n°47/2001 rihana icyaha cy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri n'itegeko rihana icyaha cya jenoside ;
- Itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa.

B. Ibiganiro kuri radiyo na televiziyo.

Mu rwego rwo kurushaho gukangurira Abaturarwanda uburenganzira bwa muntu, Komisiyo yatanze ibiganiro ku nteruro zinyuranye mu kiganiro "**Uburenganzira Iwacu**" ihitisha buri wa gatanu kuri Radiyo Rwanda kuva saa kumi n'ebyiri n'igice kugera saa moya z'umugoroba. Yahitishije kandi ibiganiro kuri televiziyo y'u Rwanda.

1. Ibiganiro kuri Radiyo Rwanda.

INTERURO Y'IKIGANIRO	
1.	Incamake y'ibiganiro byahise mu mwaka w'2003 no gusubiza bamwe mu bandikiye Komisiyo
2.	Uko uburenganzira bwa muntu bwifashe mu mikorere y'Inkiko-Gacaca
3.	Uburenganzira bwa muntu mu Itegeko Nshinga n'uruhare rwa Komisiyo mu kuburengera no kubuteza imbere
4.	Imitunganyirize y'ibibazo by'uburenganzira bwa muntu muri Komisiyo
5.	Uko uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa byifashe muri iki gihe
6.	Bimwe mu bikubiye mw'itegeko rihana icyaha cy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri mu gihugu cyacu
7.	Ibyerekeye umunsi mpuzamahanga wahariwe umugore

8.	Uruhare rw'umugabo n'umwana w'umuhungu mu kugera ku buringanire n'uburenganzira bw'umugore
9.	Ivanguramoko n'uburenganzira bwa muntu : impamvu ari ngombwa kurwanya ivanguramoko
10.	Intambwe imaze guterwa mu kurwanya ivanguramoko mu gihugu cyacu
11.	Uko ivangura rihungabanya uburenganzira bwa muntu
12.	Uruhare rw'abayobozi b'inzego z'ibanze mu kurinda no guteza imbere uburenganzira bwa muntu
13.	Uruhare rw'uburezi n'uburere mu gukumira ivanguramoko nk'umuzi wa jenoside
14.	Uko uburenganzira bwa muntu bwifashe mu Ntara y'Umutara (intambwe iterwa) nk'uko byagaragajwe n'abayobozi b'inzego z'ibanze bari mu ngando i Nsheke
15.	Uburenganzira ku murimo mu masezerano mpuzamahanga no mu mategeko igihugu kigenderaho
16.	Ibyerekeye umunsi mpuzamahanga w'uburenganzira bw'umwana
17.	Uruhare rw'umuryango mu kurengera no guteza imbere uburenganzira bw'umwana
18.	Ni ngombwa kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo kuko bibangamira uburenganzira bwa muntu
19.	Aho ivugurura ry'ubucamanza rigeze n'uruhare rwaryo mu kurushaho kurengera uburenganzira bwa muntu
20.	Uruhare rw'abaturage mu kurengera no guteza imbere uburenganzira bwa muntu
21.	Uruhare rw'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze mu kubahiriza no kubahisha amategeko n'uburenganzira bwa muntu
22.	Uburenganzira ku rubanza ruboneye
23.	Ubuhunzi bubangamira uburenganzira bwa muntu
24.	Ukwishyira ukizana nk'ihame ry'uburenganzira bwa muntu
25.	Jenoside n'ingengabitekerezo yayo bibangamira uburenganzira bwa muntu
26.	Uko ubuyobozi bw'Akarere ka Nyakizu n'abaturage b'i Buhoro babona itotezwa n'iyicwa ry'abacitse ku icumu muri ako Karere
27.	Uburenganzira bw'umugore n'ubw'umwana : ibitekerezo byatanzwe n'abagore bo mu Karere ka Gikondo mu Mujyi wa Kigali ku byerekeye Itegeko rigena imicungire y'umutungo, impano n'izungura ku bashyingiranywe.
28.	Ibikubiye mu itegeko rigena imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura
29	Ibibazo n'ibitekerezo byatanzwe n'abagize Inteko Ishinga Amategeko ubwo Komisiyo yayigezagaho raporo yayo y'umwaka w'2003 n'ibisubizo byatanzwe na Komisiyo
30.	Ibyerekeye raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2003
31.	Uruhare rw'urubyiruko ruri muri za "Clubs" z'uburenganzira bwa muntu mu kubuteza imbere no kuburengera muri rusange no kurwanya ivanguramoko by'umwihariko
32.	Ibyerekeye Umunsi Mpuzamahanga w'Uburenganzira bwa Muntu
33.	Kumenya no gusobanukirwa uburenganzira bwa muntu ni imwe mu ngamba zo kurwanya no gukumira ivangura
34.	Incamake y'ibiganiro byahise mu mwaka w'2004

*

* *

2. Ibiganiro ku yandi maradiyo.

Uretse ibiganiro byatanzwe mu rwego rw'ikiganiro "**Uburenganzira Iwacu**" kinyuzwa kuri Radiyo Rwanda, Komisiyo yatanze ibiganiro kuri "Radiyo 10", radiyo yigenga. Ibyo biganiro byibanze ku nshingano n'imiterere bya Komisiyo, ibyo yagezeho mu rwego rwo guteza imbere uburenganzira bwa muntu, uruhare rw'uburezi mu gukumira ivanguramoko n'ibikorwa bya Komisiyo muri urwo rwego.

3. Ibiganiro kuri televiziyo.

Ku wa 28 Ugushyingo 2004, muri Hoteli Novotel-Umubano i Kigali, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yatanze ikiganiro "**Kubaza bitera kumenya**" ku bibazo yakurikiranye bikubiye muri raporo y'umwaka w'2003.

Komisiyo yatanze kandi ikiganiro kuri Televiziyo y'u Rwanda ku ruhare rw'uburezi mu gukumira ivanguramoko n'ibyo Komisiyo ikora muri urwo rwego. Icyo kiganiro cyabaye mu rwego rwa gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo byo gukangurira abaturarwanda kurwanya ivanguramoko no mu rwego rwo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'uburenganzira bwa muntu uba ku wa 10 Ukuboza wa buri mwaka.

4. Ibikorwa byo kumenyekanisha uburenganzira bwa muntu.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu itegura buri mwaka inyandiko zikubiyemo ubutumwa bwo kwigisha no gukangurira abaturarwanda ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu zishyirwa ahagaragara hakoreshejwe udukinamico, imipira yambarwa, inyandikompine, inyandiko zinyuzwa kuri kalendari ya Komisiyo buri mwaka n'izinyuzwa mu binyamakuru. Izo nyandiko ziba zijyanye n'insanganyamatsiko z'iminsi mikuru mpuzamahanga y'uburenganzira bwa muntu yizihizwa.

Mu rwego rwo gukangurira kandi Abanyarwanda b'ingeri zitandukanye kurushaho kumenya amasezerano mpuzamahanga arengera uburenganzira bwa muntu, mu mwaka w'2004, Komisiyo yateguye inyandiko yise "Urutonde rw'amasezerano mpuzamahanga n'ay'akarere yerekeye Uburenganzira bwa Muntu u Rwanda rwashyizeho umukono rukanayemeza burundu" kugeza mu kwezi k'Ukuboza 2004.

Mu rwego rwo kwizihiza iminsi mpuzamahanga y'uburenganzira bwa muntu, Komisiyo yatanze ubutumwa bunyuranye bukangurira abaturarwanda uburenganzira bwa muntu bwanditswe ku bitambaro bimanikwa.

Komisiyo yateguye kandi inyandiko yanyujijwe mu binyamakuru ku munsi mpuzamahanga w'uburenganzira bwa muntu. Insanganyamatsiko yari iyi : "Kwigisha no gukangurira uburenganzira bwa muntu nk'imwe mu ngamba zo gukumira ivanguramoko n'ingengabitekerezo ya jenoside" **.**

*

* *

5. Ibikorwa bijyanye n'iminsi ngarukamwaka yizihijwe.

Buri mwaka, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yizihiza iminsi mpuzamahanga y'uburenganzira bwa muntu, hakurikijwe insanganyamatsiko zatoranyijwe na Guverinoma y'u Rwanda ihereye ku nsanganyamatsiko zatanzwe ku rwego mpuzamagahanga.

Ni muri urwo rwego, ku wa 8 Werurwe 2004, Komisiyo yafatanyije n'izindi nzego kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe abagore. Uwo munsi wizihirijwe ku rwego rw'igihugu mu Ntara ya Byumba. Insanganyamatsiko y'uwo mwaka yari "Uruhare rw'abagabo n'abahungu mu kugera ku buringanire". Hatanzwe ubutumwa ku burenganzira bwa muntu n'ubw'umugore by'umwihariko haba mu madisikuru, indirimbo, imivugo n'ubwanditse ku bitambaro bimanikwa.

Mu rwego rwo kwitegura kwizihiza umunsi mpuzamahanga wo kurwanya ivanguramoko uba ku wa 21 Werurwe, Komisiyo yatanze ikiganiro mbwirwaruhame ku wa 19 Werurwe 2004 mu nzu mberabyombi y'Intara ya Byumba cyari gifite insanganyamatsiko ikurikira : "Ivanguramoko n'ingaruka zaryo ku burenganzira bwa muntu : ingamba zafashwe ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga mu kurikumira no kurirwanya". Icyo kiganiro cyitabiriwe n'abanyeshuri 500.

Ku wa 21 Werurwe 2004 hizihijwe umunsi mpuzamahanga wo kurwanya ivanguramoko. Hatanzwe ubutumwa bunyuranye bwanyujijwe kuri Radiyo na televisiyo by'u Rwanda bunandikwa ku bitambaro bimanikwa. Ubwo butumwa bwakanguriraga abaturarwanda gukomeza urugamba rwo kurwanya ivanguramoko.

Kuri uwo munsi, mu ijambo yagejeje ku Baturarwanda, Perezida wa Komisiyo yabakanguriye kwamagana ivanguramoko n'ivangura iryo ari ryo ryose kuko ari byo ntandaro ya jenoside yahitanye Abanyarwanda basaga miliyoni, abandi batari bake bakaba barasigaranye ibikomere ku mitima no ku mibiri yabo. Yagaragaje intambwe yatewe na Leta y'u Rwanda mu gushyigikira no guteza imbere uburenganzira bwa muntu ishyiraho amategeko yihariye agamije kuburinda. Yahamagariye buri Munyarwanda kurushaho kumenya uruhare rwe mu kurinda no guharanira uburenganzira bwe n'ubw'abandi.

Ku wa 16 Kamena 2004, Komisiyo yizihije umunsi mpuzamahanga w'umwana w'umunyafurika. Mu kwizihiza uwo munsi, yafatanyije n'izindi nzego za Leta n'izigenga zifite mu nshingano zazo guteza imbere uburenganzira bw'umwana. Insanganyamatsiko y'uwo munsi yari : "Umwana mu muryango".

Mu bikorwa by'ingenzi byaranze uwo munsi havugwa ibi bikurikira :

Ku wa 13 Kamena 2004, Komisiyo yatanze ikiganiro mbwirwaruhame ku burenganzira bw'umwana cyabereye mu Ishuri Rikuru Nderabarezi (KIE) kikaba cyari cyitabiriwe n'abantu bagera kuri 200.

Hakoreshejwe irushanwa ry'umupira w'amaguru ryahuje amakipe 10 yo mu bigo by'urubyiruko byo mu Mujyi wa Kigali ari byo : Centre de Gatenga, Ikigo cy'imfubyi kitiriwe Gisimba cy'i Nyamirambo, Centre CEPAG Kagarama-Kicukiro, Centre des Enfants de Dieu y'i Ndera, Centre FIDESCO yo ku Kicukiro, Centre Maison de la Jeunesse y'i Gacuriro, Centre Abadacogora

yo kuri Kiriziya y'Umuryango Mutagatifu, Umuryango "Fondation Sport pour la Paix" w'i Nyamirambo, Centre de la Croix-Rouge y'i Gacuriro na Centre Tubakunde y'i Nyamirambo.

Ku wa 18 Kamena 2004, hatanzwe ikiganiro ku burenganzira bw'umwana, cyahuje abantu bagera kuri 400, harimo abanyeshuri n'abarezi bo mu bigo byavuzwe haruguru n'abanyeshuri n'abarezi bo mu Ishuri Rikuru Nderabarezi (KIE).

3.1.2. **Kwigisha abaturarwanda uburenganzira bwa muntu.**

Mu rwego rwo kwigisha abaturarwanda uburenganzira bwa muntu, Komisiyo yatanze amahugurwa ku bantu b'ingeri zinyuranye.

a. Inzego z'ubuyobozi.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yahuguye abagize Komite Nyobozi zose z'Uturere n'Imijyi ku bijyanye n'uburenganzira bwa muntu usibye abo mu Ntara za Butare na Kibuye bari barahuguwe. Abahuguwe bose hamwe muri iyi gahunda ni 304.

Intara	Itariki	Abatumiwe	Abitabiriye amahugurwa
Ruhengeri	16 – 18/3/04	55	50
Gikongoro	16 – 18/3/04	35	21
Byumba	26 – 28/5/04	45	43
Gitarama	27 – 29/5/04	50	27
Kigali Ngali	24 – 26/6/04	50	38
Umujyi wa Kigali	28 – 30/7/04 05 – 07/8/04	40	37
Gisenyi	05 – 07/8/04	50	48
Umutara	25 – 27/8/04	40	40
IGITERANYO		**365**	**304**

Iki cyiciro cyatoranyijwe bitewe n'uko abayobozi b'inzego z'ibanze ari bo bashinzwe kuyobora abaturage. Ni bo bagomba gukiranura bwa mbere abo bayobora mu gihe bagiranye amakimbirane, bakabatoza umuco wo kubahiriza uburenganzira bwa muntu. Abahuguwe bahawe kandi zimwe mu nyandiko zikubiyemo inyigisho zatanzwe kugira ngo na bo bazagire uruhare mu guhugura abo bayobora.

Icyitonderwa :

Mu Ntara ya Byumba, bisabwe n'Umukuru w'Intara, hahuguwe Abayobozi b'Uturere bungirije bashinzwe urubyiruko n'abagize Inama Njyanama z'Uturere n'Umujyi wa Byumba.

Mu Ntara ya Cyangugu hahuguwe abagize Inama Njyanama z'Uturere n'Umujyi wa Cyangugu.

Muri ayo mahugurwa, Komisiyo yibanze ku nyigisho zikurikira :

- Amahame remezo ku burenganzira bwa muntu ;
- Uburenganzira n'inshingano by'umwenegihugu bikubiye mw'Itegeko Nshinga ry'u Rwanda no mu masezerano nyafurika y'uburenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage ;
- Uburenganzira bw'umwana n'amategeko aburengera, ibyo Komisiyo ikora mu kuburinda no kubuteza imbere ;
- Politiki ya « Gender » mu Rwanda n'amategeko arengera uburenganzira bw'umugore ;
- Gukumira no guhana ivangura n'amacakubiri : icyo amategeko y'u Rwanda n'amasezerano mpuzamahanga biteganya ;
- Uruhare rw'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze mu kurengera no guteza imbere uburenganzira bwa muntu.

b. Abakangurambaga ku burenganzira bwa muntu mu mirenge.

Ku wa 28 Ukuboza 2004, Komisiyo yahuguye abantu batoranyijwe mu mirenge yose y'igihugu bazakora ubukangurambaga mu bijyanye n'uburenganzira bwa muntu aho batuye.

Inyigishyo zibanzweho ni izi :

- Kumenya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ;
- Uburenganzira n'inshingano by'umwenegihugu bikubiye mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ;
- Amasezerano mpuzamahanga n'amategeko y'u Rwanda ahana icyaha cya jenoside n'icy'ivangura no gukurura amacakubiri.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana uburyo ayo mahugurwa yakurikiwe :

Intara	Abatumiwe	Abakurikiranye amahugurwa
1. Butare	211	195
2. Byumba	136	105
3. Cyangugu	115	80
4. Gikongoro	125	39
5. Gisenyi	135	94
6. Gitarama	166	82
7. Kibungo	115	104
8. Kibuye	102	78
9. Kigali Ngali	139	92
10. Kigali y'Umujyi	43	35
11. Ruhengeri	177	49
12. Umutara	81	24
BOSE HAMWE	**1 545**	**977**

Abatarashoboye guhugurwa bazahugurwa mu mwaka w'2005, ari nabwo icyiciro cya kabiri cy'ayo mahugurwa kizatangwa.

c. Inzego z'ubutabera.

Komisiyo yatanze inyigisho ku burenganzira bwa muntu mu mahugurwa yateguwe ku bufatanye n'Urukiko rw'Ikirenga, akaba yari agenewe abacamanza 650 bashyizwe mu myanya nyuma y'ivugururwa ry'ubucamanza mu Rwanda.

Imbonerahamwe ikurukira iragaragaza uburyo ayo mahugurwa yitabiriwe.

Itariki	Aho amahugurwa yabereye	Umubare w'abahuguwe
7/7/2004	"Centre de Pastorale Saint Paul" i Kigali	390
25/8/2004	Ikigo cy'amahugurwa cyo ku Kicukiro (KTC) no mu kigo Iwacu ku Kabusunzu	157
6-7/10/2004	Muri "Centre ISANO" no mu kigo Iwacu ku Kabusunzu	103
BOSE HAMWE		**650**

Inyigisho zibanzweho ni izi zikurikira :

- Amahame remezo y'uburenganzira bwa muntu n'inshingano z'umwenegihugu ;
- Uruhare rw'umucamanza n'inshingano ze mu bijyanye no guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu.

c. Inyangamugayo mu Nkiko Gacaca.

Ku butumire bw'Urwego rushinzwe Inkiko Gacaca, Komisiyo yigishije ibirebana n'uburenganzira bwa muntu inyangamugayo mu Nkiko Gacaca 551. Ayo mahugurwa yabereye i Murambi muri RIAM no muri CEPAF i Gitarama ku matariki ya 13 na 14 Nyakanga 2004.

Inyigisho zibanzweho ni :

- Uburenganzira bwa muntu mu mikorere y'Inkiko-Gacaca ;
- Igihugu, ubwenegihugu n'inshingano zibikomokaho.

d. Abayobozi b'imirenge n'abunzi.

Ku bufatanye na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage, Komisiyo yahuguye Njyanama z'imirenge,

abahuzabikorwa b'imirenge n'abunzi. Ayo mahugurwa yabaye mu gihugu hose akurikiranwa n'abantu 20.085.

Inyigisho zatanzwe ni izi zikurikira :

- Uburenganzira bwa muntu ;
- Inshingano z'umwenegihugu n'iz'umuyobozi ;
- Jenoside n'ingaruka zayo ku burenganzira bwa muntu ;

e. Amashyirahamwe anyuranye.

Komisiyo yahuguye abagize Urugaga rw'Abakozi b'Imyuga Inyuranye (ASTRASI) inatanga inkunga mu gutegura ayo mahugurwa. Ayo mahugurwa yabereye i Kigali, mu Nzu Mberabyombi ya Kiliziya y'Umuryango Mutagatifu kuva ku wa 25 kugeza ku wa 26 Werurwe 2004. Hahuguwe abantu 105.

Inyigisho zatanzwe muri ayo mahugurwa zibanze ku nteruro zikurikira :

- Amahame remezo y'uburenganzira bwa muntu n'uko buteganywa mu mategeko y'u Rwanda ;
- Uburenganzira bw'umwana n'ubw'umugore mu mategeko y'u Rwanda ;
- Uburenganzira ku murimo ;
- Uruhare rw'amasendika mu guteza imbere uburenganzira ku murimo no guteza imbere imyuga icyiritse.

Komisiyo yahuguye mu bijyanye n'uburenganzira bwa muntu bamwe mu bagize Sendika SENJOUSMEL igizwe n'abarimu, abanyamakuru, abaforomo, abanyamacapiro n'abandi bikorera ku giti cyabo. Amahugurwa yabereye i Sovu mu Ntara ya Butare kuva ku wa 22 kugeza ku wa 24 Kamena 2004. Hahuguwe abantu 21.

Inyigisho zatanzwe zibanze ku nteruro zikurikira :

- Amahame remezo y'uburenganzira bwa muntu n'inshingano z'umwenegihugu ;
- Amasezerano mpuzamahanga n'amategeko y'u Rwanda ahana ivangura n'uruhare rw'amasendika mu kuyubahirisha ;
- Uburenganzira ku murimo : uko buteganywa n'Itegeko nshinga, amategeko agenga umurimo mu Rwanda no mu masezerano mpuzamahanga ;
- Uruhare rw'amasendika mu guteza imbere umurimo mu Rwanda.

Komisiyo yahuguye abantu 100 bo mu Rugaga Imbaraga mu birebana n'uburenganzira bwa muntu baturutse mu Ntara za Butare, Gikongoro, Cyangugu, Gisenyi, Ruhengeri na Byumba bahurijwe mu Mujyi wa Kigali, ku wa 16, 17, 21 na 22 Ukuboza 2004.

Interuro z'ayo mahugurwa ni izi zikurikira:

- Amahame remezo y'uburenganzira bwa muntu n'inshingano z'umwenegihugu ;
- Uburenganzira bw'umwana n'ubw'umugore mu mategeko y'u Rwanda.

3.2. GUTANGA IBITEKEREZO, IBISABWE CYANGWA IBYIBWIRIJE, KU MISHINGA Y'AMATEGEKO YEREKEYE IBIBAZO BIJYANYE N'UBURENGANZIRA BWA MUNTU (ingingo ya 3 [b]).

- **Ibitekerezo ku mishinga y'amategeko.**

Ibyibwirije, mu mwaka w'2004, Komisiyo yasuzumye kandi itanga ibitekerezo ku mushinga w'Itegeko-Ngenga rigena Imikoreshereze n'Imicungire y'Ubutaka mu Rwanda. Komisiyo yibanze kuri uwo mushinga kubera uburemere bwawo.

Bimwe mu bitekerezo yatanze ni ibi bikurikira :

Mu gice kirebana n'irangashingiro, Komisiyo yagaragaje ko hakwiyongeramo ingingo ya 14 y'Amasezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage ivuga ku bijyanye n'uburenganzira ku mutungo.

Nk'uko bigaragazwa n'ingingo ya 19 y'uwo mushinga, Itegeko rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda rigomba kugira andi mategeko aryuzuza. Komisiyo yasanze amategeko azaza yuzuza iri Tegeko Ngenga, yaza mu rwego rw'amategeko, kandi nayo akaba akwiye gushyikirizwa Inteko ishinga Amategeko vuba kugira ngo iryo Tegeko Ngenga rishobore gukemura vuba ibibazo ryashyiriweho.

Ku mpamvu z'uko umutungo w'umuntu ari ntavogerwa (nk'uko biteganywa n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga), Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yasanze ibyemezo birebana n'ibihano byo gufatira no kwambura ubutaka bivugwa mu kiciro ka mbere n'aka kabiri tw'umutwe wa VI w'Umushinga w'Itegeko Ngenga (ingingo ya 80-89), bikwiye kujya bifatwa n'Urukiko binyuze mu rubanza rwaburanishijwe kandi rwaciwe ku buryo buboneye (impande zombi zahawe ijambo), kuko ubucamanza ari bwo murinzi w'uburenganzira bwa muntu (nk'uko biteganywa n'ingingo ya 44 y'Itegeko Nshinga).

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yasanze ibyemezo byose bizafatwa birebana n'ubutaka bikwiye kujya bitangazwa mu igazeti ya Leta, ibitatangajwe muri iyo gazeti bikajya bireba gusa abo bigenewe kandi bagize uruhare mu ifatwa ryabyo (non opposable aux tiers).

Mu nama yateguwe na Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco na Siporo, Komisiyo yatanze ibitekerezo ku mbanzirizamushinga y'itegeko rishyiraho Komisiyo yo kurwanya jenoside.

3.3. GUSHISHIKARIZA INZEGO ZA LETA ZIBISHINZWE GUSHYIRA UMUKONO KU MASEZERANO MPUZAMAHANGA YITA KU BURENGANZIRA BWA MUNTU NO KUYINJIZA MU MATEGEKO IGIHUGU KIGENDERAHO (ingingo ya 3[c]).

Mu rwego rwo gushishikariza inzego za Leta zibishinzwe gushyira umukono ku masezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu no kuyinjiza mu mategeko y'u Rwanda, Komisiyo yandikiye Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga ibaruwa ikubiyemo amwe muri ayo masezerano u Rwanda rutari rwemeza burundu isaba ko hakorwa ibishoboka u Rwanda rukayemeza. Ayo masezerano ni aya akurikira :

- Amasezerano yo ku wa 28 Nzeri 1954 yerekeye amategeko agenga abantu batagira ubwenegihugu ;
- Amasezerano y'inyongera ku masezerano yerekeye gukuraho ubucakara, icuruzwa ry'abacakara n'ibindi bikorwa bifite aho bihuriye n'ubucakara, 1956 ;
- Amasezerano yo ku wa 30 Kanama 1961 yerekeye kugabanya ukutagira ubwenegihugu ;
- Amasezerano n° 122 y'Umuryango Mpuzamahanga Wita ku Murimo yerekeye Politiki y'Umurimo, 1964 ;
- Amasezerano mpuzamahanga agamije kurwanya iyicarubozo n'ibindi bikorwa bibabaza umubiri n'ubwenge kandi bitesha umuntu agaciro, 1984 ;
- Amasezerano Mpuzamahanga agamije kurengera uburenganzira bw'abakozi bose b'abimukira n'ubw'imiryango yabo, 1990.
- Amasezerano adahatirwa y'inyongera ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye Guca Burundu Ikandamizwa ry'Abagore iryo ari ryo ryose, 1999 ;

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga yandikiye Minisiteri zirebwa n'ayo masezerano kugira ngo zigire icyo zibivugaho, Komisiyo ikaba yizera ko ayo masezerano atazatinda kwemezwa.

Komisiyo yakomeje gushishikariza inzego za Leta zibishinzwe gutegura no gutangira igihe raporo ku byo u Rwanda rwiyemeje kubahiriza biteganywa n'Amasezerano Mpuzamahanga y'ibanze yerekeye Uburenganzira bwa Muntu u Rwanda rwemeje. Komisiyo yanagize kandi uruhare mu itegurwa ryazo. Izo raporo ni izi zikurikira :

Ku wa 21 Gicurasi 2004, mu nama ya 36 ya Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe Uburenganzira bw'Umwana yabereye i Genève ku cyicaro cy'Ishami Rikuru ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bwa Muntu, iyo Komite yagejejweho raporo ku burenganzira bw'umwana. Intumwa za Komisiyo zari ziri muri iyo nama.

Kuva ku wa 23 Ugushyingo kugeza ku wa 7 Ukuboza 2004, i Dakar muri Sénégal habereye inama ya 36 ya Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage. Iyo nama yari irimo n'intumwa za Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda yagejejweho raporo ku burenganzira bwa muntu.

3.4. GUKURIKIRANA IBIBAZO BIREBANA N'IHOHOTERWA RY'UBURENGANZIRA BWA MUNTU BYABA IBYO KOMISIYO IGEJEJWEHO CYANGWA YIMENYEYE (ingingo ya 3[d]).

Ku birebana n'iyi nshingano, Komisiyo yakurikiranye ibibazo binyuranye yagejejweho birebana n'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu, hari n'ibyo yakurikiranye ibyibwirije bitewe n'uburemere bwabyo.

Mu birebana n'ibibazo Komisiyo yakurikiranye, iki gice kiragaragaza ibirego byerekeranye n'ifata n'ifunga bidakurikije amategeko, ibirego birebana n'ibyemezo by'inkiko bitubahirizwa, ibirego byerekeranye n'imanza zitinda n'izitarangizwa, ibibazo birebana n'iyicwa n'itotezwa ry'abacitse ku icumu n'abagaragaje ubushake bwo kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside, ibirebana n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca, ibirebana n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu matora, ibirego birebana n'uburenganzira ku murimo, ibirego

birebana n'uburenganzira ku mutungo, ibirego birebana n'uburenganzira bw'abana, ibirego birebana n'uburenganzira ku bushyingiranwe n'ikirego cyerekeranye n'uburenganzira ku buzima.

A. Ifata n'ifunga bidakurikije amategeko.

Muri iki gice hagaragara ibibazo by'abantu bafungwa hadatanzwe inyandiko yo gufata ukekwaho icyaha, iteganywa n'ingingo ya 37 y'itegeko n°13/2004 ryo ku wa 17 Gicurasi 2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha cyangwa urwandiko rwo gufunga by'agateganyo ruteganywa n'ingingo ya 52 y'iryo tegeko.

Hagaragaramo abafungirwa muri kasho za Polisi y'igihugu igihe kirenze amasaha 72 ateganywa n'ingingo ya 37, igika cya 3 y'itegeko ryavuzwe haruguru, ivuga ko : "*inyandikomvugo yo gufata ukekwaho icyaha imara igihe cy'amasaha mirongo irindwi n'abiri (72) kidashobora kongerwa".*

Hagaragaramo kandi abafungirwa muri gereza ntibanyuzwe imbere y'inama y'abacamanza n'abanyura imbere yayo ariko iminsi mirongo itatu yashira ntibasubizweyo nk'uko ingingo y'100 y'iryo tegeko iteganya ko "*icyemezo cy'uko ushinjwa aba afunzwe mbere y'urubanza, gikurikizwa mu minsi mirongo itatu (30) habariwemo umunsi cyafashweho . Iyo iyo minsi irangiye gishobora kwongerwa ukwezi kumwe bigakomeza birtyo ..."* .

Hari na none abafatwa bagafungwa n'abantu bo mu nzego z'ubuyobozi bw'ibanze batabifitiye ububasha.

1. Ifungwa rya bamwe mu Bayoboke ba A.D.E.P.R.

Ku wa 27 Ukwakira 2004, Komisiyo yamenye ko hari bamwe mu bayoboke b'Itorero rya A.D.E.P.R. bafungiye kuri Sitasiyo ya Polisi ya Muhima hanze.

Komisiyo, imaze gukora iperereza yatangiye ku wa 28 Ukwakira 2004 ibyibwirije, yamenye ko Itorero rya A.D.E.P.R. ryari rihagarariwe na Pasitoro SIBOMANA Jean ryacitsemo ibice bibiri, havukamo igice kiyobowe na Pasitoro MAJYAMBERE Joseph.

Komisiyo yasanze igice kiyobowe na Pasitoro MAJYAMBERE Joseph kirega ubuyobozi bwa A.D.E.P.R. kuba bwarabirukanye mu itorero bitewe n'uko bwahinduye imyemerere n'imigenzereze yabo. Banabarega kandi ko babateranya na Leta ikabasenyera ikanabafunga. Mu byahindutse, batanga urugero ku ifunguro ryera riteganyijwe muri bibiliya ivuga ko abantu bagomba gusangirira ku nkongoro imwe, ariko ngo abayobowe na Pasitoro SIBOMANA Jean bagategeka ko umuntu wese agira iye nkongoro.

Igice kiyobowe na Pasitoro MAJYAMBERE Joseph kibona ko ari ukunenana gushingiye ku moko, kuko abadashaka gusangira ngo biganjemo Abanyarwanda batahutse. Ubuyobozi bwa A.D.E.P.R. bwo buvuga ko ifunguro ryera ryabaye urwitwazo rw'abitandukanyije nabwo, impamvu nyayo ikaba ari umugambi bafite wo gukurura amacakubiri ashingiye ku moko mu itorero.

Ku wa 23 no wa 24 Ukwakira 2004, abitandukanyije na A.D.E.P.R bagera kuri 200, biyise itorero rya REOBOTH, bafatiwe aho basengeraga mu Kagari ka Rubonobono, Umurenge wa

Gatsata, Akarere ka Gisozi mu Mujyi wa Kigali, barafungwa bashinjwa guterana no gusengera aho babujijwe n'ubuyobozi kandi nta buzima gatozi bafite, guhungabanya umutekano basenga basakuza ninjoro no kwigisha amacakubiri ashingiye ku moko.

Komisiyo isanga ariko ifatwa n'ifungwa ry'abo bayoboke ba Pasitoro MAJYAMBERE, usanzwe afungiwe muri Gereza Nkuru ya Kigali, ritarubahirije amategeko kuko nta nyandikomvugo cyangwa inyandiko zo gufunga abakekwaho ibyaha bakorewe, bakaba baragiye bamara igihe kirekire mu makasho, badashyikirizwa ubushinjacyaha n'inkiko.

Komisiyo isanga kandi barafunzwe mu buryo butari bwiza, kuko bafungiwe hanze hadasakaye.

Kubera ifatwa n'ifungwa ry'aba bantu ritakurikije amategeko, ku wa 31 Ukuboza 2004, Komisiyo yandikiye Umushinjacyaha Mukuru ibaruwa n°CRDH/477/04 imusaba gukurikirana no gukemura icyo kibazo.

Komisiyo isanga kudakurikiza amategeko agenga ifata n'ifunga byaratumye abafunzwe badakurikiranwa ku cyaha bakoze, hagakurikiranwa gusa ibirebana n'uburyo bafashwemo bagafungwa (procédure).

Polisi yagombaga kuba yarakoreye dosiye abafunzwe bagakurikiranwa mu buryo bwemewe n'amategeko.

2. Ikibazo cya KABANDANA Sylvain.

Ku wa 17 Kanama 2004, MUKANKOMEJE Godelive, umugore wa KABANDANA Sylvain utuye mu Kagari ka Rwezamenyo, Umurenge wa Nyakabanda, Akarere ka Nyamirambo, Umujyi wa Kigali, yandikiye Komisiyo ayisaba kumufasha gukurikirana ikibazo cy'umugabo we.

MUKANKOMEJE Godelive avuga ko ku wa 17 Kanama 2004, KABANDANA Sylvain yafashwe agafungwa na Polisi, Ishami rya "Interpol", azira urubanza afitanye na CYIZA Consolée, umugore wa NYAGATARE Damien (murumuna wa KABANDANA Sylvain).

Urwo rubanza rushingiye ku mutungo ugizwe n'imodoka ebyiri "Toyota Hiace" zifite "plaques" n°RR 568 M na RR 880 N KABANDANA yita uw'umuryango naho CYIZA akavuga ko ari uw'umugabo we bashakanye mu buryo bwemewe n'amategeko akaza gupfa ku wa16 Mata 2002.

MUKANKOMEJE Godeilive avuga ko CYIZA Consolée, nyuma y'urupfu rw'umugabo we, yareze KABANDANA Sylvain mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali mu rubanza n° RC 39954/03 kuba yaramutwaye izo modoka.

Ashingiye ku kirego cya mbere, ku wa 29 Nyakanga 2003, CYIZA Consolée yatanze ikindi kihutirwa, asaba urukiko ko, mbere y'uko urubanza ruburanwa mu mizi yarwo yose, yahabwa izo modoka zikamufasha gutunga abana umugabo we yamusigiye aribo NYAGATARE Sedrine, NYAGATARE Sedric na NYAGATARE Serge.

Mu cyemezo n° 284/BE/2003, urukiko rwategetse ko izo modoka zigomba kuguma aho ziri kugeza igihe urubanza n° 39.954/03 ruzacirirwa. CYIZA Consolée yajuririye icyo cyemezo mu rubanza n° RCA 14.380/KIG.

Ku wa 4 Ukuboza 2003, urubanza rwaburanishijwe KABANDANA adahari nyamara yari yarandikiye urukiko arusaba kwigizayo urubanza bitewe n'uko yari atarabona umuburanira. Urubanza rwasomwe ku wa 22 Ukuboza 2003, urukiko ruvuga ko KABANDANA atsinzwe kandi agomba gusubiza CYIZA Consolée imodoka z'umugabo we akazitungisha abana yamusigiye ariko nta rangizarubanza ry'agateganyo Urukiko rw'Ubujurire rwemeje.

Ku wa 19 Ukuboza 2003, KABANDANA Sylvain yamenyeshejwe imikirize y'urwo rubanza, arusabira iseswa mu Rukiko Rusesa Imanza, ryakirwa ku wa 20 Mutarama 2004.

Ku wa 18 Kanama 2004, Komisiyo yabonanye n'abayobozi ba Polisi, ishami rya "Interpol" ryafunze KABANDANA Sylvain, bayibwira ko KABANDANA afunzwe ashinjwa kuba yaribye imodoka ebyiri akazicikishiriza i Burundi nyuma y'igihe Urukiko rw'Ubujurire rutegekeye ko zihabwa CYIZA Consolée .

Ku wa 18 Kanama 2004, Komisiyo yabonanye na MUKANGAMIJE Godelieve, umugore wa KABANDANA, ayibwira ko imodoka ziri mu Rwanda ariko batinya kuzigaragaza mbere y'uko urubanza rucibwa kuko ngo CYIZA yazigurisha aramutse azihawe nk'uko yagurishije indi modoka yabaga iwe. Komisiyo yabagiriye inama yo kuzereka Polisi.

Ku wa 21 Nzeri 2004, KABANDANA Sylvain yashyikirije Parike ya Kigali imodoka zari zarahishwe ahita afungurwa. Izo modoka ziri mu maboko ya Parike zikazahabwa uzazitsindira nyuma y'icibwa ry'urubanza.

Komisiyo irasanga kuba Parike yarategetse KABANDANA gutanga ziriya modoka ngo ikunde imufungure ari ukwica amategeko cyane cyane ko nta cyemezo cy'urukiko byari bishingiyeho cyangwa se ngo izo modoka zibe zarakoreshejwe mu cyaha.

Komisiyo isanga KABANDANA Sylvain yarafunzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko kuko nta cyemezo cyo gufatira by'agateganyo izo modoka cyafashwe n'urukiko Polisi yashingiyeho.

Komisiyo irasaba ko uru rubanza rwaburanishwa vuba kugira ngo nyir'imodoka azihabwe kuko aho ziri zikomeza kwangirika.

3. Ifungwa rya NGABOYISONGA Seriviriyani.

Ku wa 23 Nzeri 2004, NYIRAMPAGAZEHE Verediyana, utuye mu Kagari ka Gasura, Umurenge wa Bushara, Akarere ka Rushaki mu Ntara ya Byumba, yagejeje ikirego kuri Komisiyo avuga ko umugabo we NGABOYISONGA Seriviriyani afungiye muri Kasho y'Akarere ka Rushaki kandi akaba atazi icyo afungiye.

NYIRAMPAGAZEHE Verediyana avuga ko, ku wa 21 Nzeri 2004, NGABOYISONGA Seriviriyani yahamagawe ku Karere ka Rushaki n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe

Imibereho Myiza y'Abaturage, MUTABAZI Jackson, amubwira ko agomba gutanga umurima wa NAYIGIZENTE Jean Paul, umuhungu wa SERANDI, yanze ahita amufunga.

NAYIGIZENTE Jean Paul, akiri muto, yahawe umurima yahambye nyirakuru ubyara se, SERANDI awatira NGABOYISONGA bava inda imwe .

NAYIGIZENTE akuze, yasabye se kumusubiza umurima yahawe no kwa sekuru, SERANDI awatse NGABOYISONGA arawumwima avuga ko ari uwe.

NAYIGIZENTE yareze se, SERANDI, mu Rukiko rwa Kanto rwa Rushaki mu rubanza n° RC 81/I/2004 ruburanishwa ku wa 8 Mata 2004, rusomwa ku wa 10 Mata 2004. Urukiko rwategetse ko SERANDI atsinzwe, ko agomba gusubiza NAYIGIZENTE Jean Paul umurima yatsindiye. NGABOYISONGA wari ugihinga uwo murima yanze kuwutanga.

Ku wa 23 Nzeri 2004, Komisiyo yabonanye n'Umuyobozi Wungirije w'Akarere ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, MUTABAZI Jackson, ayibwira ko NGABOYISONGA afungiye ko yanze ko hakorwa irangizarubanza ry'umurima NAYIGIZENTE yatsindiye SERANDI.

Komisiyo yasobanuriye Umuyobozi Wungirije w'Akarere ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, MUTABAZI Jackson, ko atagombaga gufungwa kubera ko yanze kuva mu murima NAYIGIZENTE yatsindiye, cyane cyane ko iki kirego kiri mu rwego rw'ibirego mbonezamubano. Komisiyo yamusobanuriye ko hari amategeko agenga irangizarubanza, anateganya uko bigenda mu gihe umuntu yanze ko urubanza rurangizwa.

Ku wa 24 Nzeri 2004, Komisiyo yabonanye na NGABOYISONGA ayibwira ko akeka ko yaba azira umurima w'umuhungu we yahawe yahambye nyirakuru, ngo kugeza icyo gihe akaba yarawuhingaga ariko arindiriye kuzawuha umuhungu we yakuze.

Kuwa 27 Nzeri 2004, NGABOYISONGA yaje kubwira Komisiyo ko yafunguwe ku wa 25 Nzeri 2004, kandi ko atarava mu murima yasabwaga kuvamo, kuko irangizarubanza rizakorwa n'umuhesha w'inkiko.

Komisiyo irasanga NGABOYISONGA yarafunzwe na MUTABAZI Jackson, Umuyobozi Wungirije w'Akarere ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, kandi atabifitiye ububasha.

Komisiyo irasaba abayobozi b'inzego z'ibanze bica amategeko nkana kandi bafite mu nshingano zabo kuyubahiriza, ko badakwiye guhohotera abo bashinzwe kuyobora.

.

4. Ifatwa n'ifungwa rya N. A.[1]

Ku wa 26 Gicurasi 2004, Komisiyo yasuye Kasho ya Sitasiyo ya Polisi ya Kibuye isanga hafungiye N. A., umwana w'imyaka 12, ukomoka mu Kagari ka Nyabumera, Umurenge wa Muramba mu Karere ka Rusenyi mu Ntara ya Kibuye.

[1] Komisiyo ntiyashatse kugaragaza amazina y'uyu mwana kuko akiri mutoya mu myaka.

Ku wa 5 Gicurasi 2004, N. A. yafashwe na Sitasiyo ya Polisi ya Kibuye imurega kuba yarafashe ku ngufu N. U.[2], ufite imyaka itatu.

Ku wa 10 Gicurasi 2004, Polisi yohereje dosiye y'uwo mwana ifite n° 58037/S5/NR muri Parike. Mu gukurikira icyo kibazo, Komisiyo yasanze nta rupapuro rwa muganga rwemeza ko N.U. yafashwe ku ngufu ruri muri iyo dosiye. Komisiyo yasanze kandi N.A afunganywe n'abantu bakuru kandi hari amategeko agena uko umwana wakoze icyaha akurikiranwa.

Komisiyo irasaba inzego zishinzwe ifata n'ifunga kwitondera ibibazo by'ifata n'ifunga kandi zikarushaho kubahiriza amategeko arengera umwana.

5. Ifungwa rya MUTIMUCYEYE Afisa.

Ku wa 15 Ukwakira 2003, MUKARUGIRA Venantie utuye mu Kagari ka Matyazo, Umurenge wa Byumba, Umujyi wa Byumba yagejeje kuri Komisiyo ikirego cy'umwana we MUTIMUCYEYE Afisa w'imyaka 14 y'amavuko ufunzwe.

MUKARUGIRA Venantie yabwiye Komisiyo ko MUTIMUCYEYE yafungiwe muri Gereza ya Miyove kuva ku wa 8 Kamena 2003 ashinjwa na Parike kuba yarakubise mu mutwe MUKANYANDWI Annonciata w'imyaka 15 biganaga ku kigo cy'amashuri abanza ya Gacurabwenge bapfuye umupira wo gukina bikamuviramo kurwara mu mutwe.

Ku 28 Ukwakira 2003, mu iperereza yakoze kuri parike, Komisiyo yamenye ko MUTIMUCYEYE ashinjwa icyaha cyo gukubita akanakomeretsa (Coups et blessures) gihanishwa igifungo kuva ku kwezi kumwe kugeza ku mwaka umwe n'ihazabu y'amafaranga kuva kuri magana atanu kugeza ku bihumbi bibiri, cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano. Komisiyo yamenye kandi ko dosiye ya MUTIMUCYEYE, ifite n° RMP 18316/S3/HA/RNK/NG, yateguwe na Parike hakaba hari hasigaye kuyohereza mu rukiko.

Ku wa 15 Ugushyingo 2003, Komisiyo yabonanye na RWAMAKUBA NKAKA, Umushinjacyaha ufite dosiye ya MUTIMUCYEYE, avuga ko iyo dosiye yakozwe ikazoherezwa vuba mu rukiko. Uwo munsi, Komisiyo yabonanye na Porokireri wa Repubulika mu Ntara ya Byumba, HITIYAREMYE Alphonse, imusaba ko MUTIMUCYEYE yarekurwa akazaburana ari hanze kubera ko ari muto.

Ku wa 23 Werurwe 2004, ni bwo MUTIMUCYEYE yarekuwe, Parike yemeza ko dosiye yoherejwe mu rukiko, uwo mwana akazaburana ari hanze.

Komisiyo irasanga MUTIMUCYEYE yarafunzwe igihe kirekire ugereranyije n'icyo amategeko yateganyaga ku bana bo mu kigero cye.

6. Ifungwa rya NGENDAHAYO Audace.

Ku wa 1 Kanama 2004, NYIRANSABIMANA Joséphine ubarizwa mu Kagari ka Nyagatare, Umurenge wa Shagasha, Umujyi wa Cyangugu yandikiye Komisiyo ayisaba kumufasha

[2] Komisiyo ntiyashatse kugaragaza amazina y'uyu mwana kuko akiri mutoya mu myaka.

gukurikirana ikibazo cya musaza we, NGENDAHAYO Audace, ufungiye muri Gereza Nkuru ya Cyangugu.

Ku wa 16 Nyakanga 2003, NGENDAHAYO yafungiwe muri kasho ya Sitasiyo ya Polisi ya Kamembe ashinjwa gufata ku ngufu MUKAHIRWA Jeanette uvuga ko bari bamaranye imyaka isaga itatu babana nk'umugore n'umugabo. Ku wa 17 Nyakanga 2003, yimuriwe muri Gereza Nkuru ya Cyangugu dosiye ye ihabwa n° RVL 75371L3M.E./R.M., akaba atarigeze agezwa mu nama y'abacamanza cyangwa ngo aburanishwe.

Ku wa 6 Nzeri 2004, Komisiyo yabonanye na NGENDAHAYO Audace aho afungiye muri Gereza Nkuru ya Cyangugu ayibwira ko afunzwe azira kuba yarabanye n'umukobwa w'imyaka cumi n'ine.

Ku wa 9 Nzeri 2004, Komisiyo yabonanye n'Umushinjacyaha w'Intara ya Cyangugu, UWIZEYE Jean Marie, isanga dosiye ya NGENDAHAYO Audace igaragaza ko yabanye n'umwana w'imyaka 14, MUKAHIRWA Jeanette, kuva mu kwezi k'Ugushyingo 2001.

Komisiyo isanga ko iki ari icyaha gihanwa n'ingingo ya 48 y'itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa ivuga ko *"azahanishwa igifungo kuva ku myaka makumyabiri kugeza kuri makumyabiri n'itanu n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi ijana kugeza ku bihumbi magana atanu, uzaba yabanye cyangwa yagerageje kubana nk'umugabo cyangwa nk'umugore, n'umwana utarageza ku myaka 18 y'amavuko".*

Kuva aho NGENDAHAYO afungiwe, ntiyigeze agezwa imbere y'inama y'abacamanza kandi dosiye yarakozwe ikarangira muri Nzeri 2003. Ibaruwa yoherezaga iyo dosiye mu rukiko yaranditswe ntiyahabwa inomero n'itariki kandi ntiyagezwa mu rukiko ku mpamvu zitamenyekanye.

Komisiyo irasanga amategeko yerekeranye n'ifata n'ifunga atarubahirijwe na Parike kuko NGENDAHAYO Audace atigeze agezwa mu nama y'abacamanza, akaba yaravukijwe uburenganzira bwo kuburana mu gihe giciriritse.

Komisiyo ikaba isaba ko uburyo buteganywa n'amategeko mu byerekeye ifata n'ifunga bwajya bwubahirizwa.

Komisiyo ikaba ibabajwe n'uko uyu mwana yahohotewe bikamara imyaka itatu yose, inzego z'ububoyozi n'abaturanyi batagejeje ku nzego zibishinzwe iki kibazo. Komisiyo irasaba ariko ko dosiye ya NGENDAHAYO Audace yakwihutishwa akaburana.

7. Ifungwa rya HATEGEKIMANA Félix.

Ku wa 17 Kanama 2004, NYIRAHABYARIMANA Immaculée utuye mu Kagari ka Kumana, Umurenge wa Runyanzovu, Akarere ka Bukunzi mu Ntara ya Cyangugu, yandikiye Komisiyo ayisaba kumufasha gukurikirana ikirego cy'umuhungu we, HATEGEKIMANA Félix, ufungiye muri Gereza Nkuru ya Cyangugu.

Ku wa 23 Ugushyingo 2003, HATEGEKIMANA yafashwe n'ubushinjacyaha ashinjwa kuba yarumvise NSENGUMUREMYI Victor na BYAMANA Emmanuel bacura umugambi wo kuzica GASHAKAMBA Jean Népomuscène. Kuri uwo munsi HATEGEKIMANA yabajijwe iby'uwo mugambi, ahakanye ko atabyumvise, umushinjacyaha NGABONZIZA ahita amufungira muri Gereza Nkuru ya Cyangugu.

Ku wa 6 Nzeri 2004, Komisiyo yabonanye na HATEGEKIMANA Félix ayibwira ko afunzwe arengana kuko nta bimenyetso bifatika bihamya ko yumvise NSENGUMUREMYI Victor na BYAMANA Emmanuel bacura umugambi wo kwica GASHAKAMBA Jean Népomuscène. Yongeyeho ko atigeze amenya nomero za dosiye ye kandi ko atigeze agezwa mu nama y'abacamanza.

Ku wa 13 Nzeri 2004, Komisiyo yabonanye n'Umushinjacyaha w'Intara, UWIZEYE Jean Marie, imubaza ibyerekeranye n'iyo dosiye ntiyashobora kuyibona kubera ko nta nomero zayo zizwi, bityo akaba afunzwe atagira dosiye.

Ku wa 24 Nzeri 2004, Komisiyo yabonanye na GASHAKAMBA Jean Népomuscène, NSENGUMUREMYI Victor na BYAMANA Emmanuel isanga ikibazo atari icy'ubugambanyi ahubwo gifite imizi mu rubanza rw'amasambu GASHAKAMBA Jean Népomuscène afitanye na NSENGUMUREMYI Victor na BYAMANA Emmanuel bavugwaho kumugambanira.

Komisiyo irasanga amategeko ajyanye n'ifata n'ifunga atarubahirijwe na Parike kuko HATEGEKIMANA afunzwe atagira dosiye bityo akaba adashobora kugezwa mu Nama y'Abacamanza cyangwa ngo aburanishwe. Biratangaje ko Parike yafunze umuntu wumvise abacuraga umugambi ntifunge abawucuze.

Komisiyo irasaba Parike y'Intara ya Cyangugu gufungura HATEGEKIMANA Félix nta yandi mananiza kuko ari muri Gereza atagira dosiye, byaba ngombwa akazakurikiranwa ari hanze.

8. Ifungwa rya NGABIZIRANGA Jean Léonard.

NGABIZIRANGA Jean Léonard ukomoka mu Kagari ka Nyamutarama, Umurenge wa Gashonga, Akarere ka Gashonga, Intara ya Cyangugu afungiye muri Gereza Nkuru ya Cyangugu kuva ku wa 17 Kamena 2003, akaba afite dosiye ifite n° RMP 75287/S3/M.E.

Ku wa 19 Nzeri 2004, NGABIZIRANGA Jean Léonard yandikiye Umushinjacyaha w'Intara ya Cyangugu, agenera kopi Komisiyo, asaba ko yaburanishwa.

Ku wa 27 Ukwakira 2004, Komisiyo yabonanye na NGABIZIRANGA Jean Léonard ayibwira ko, ku wa 23 Gicurasi 2003, yafashwe n'ubugenzacyaha ashinjwa gufata ku ngufu umukobwa M.M.I. [3] w'imyaka 14 yigishaga mu mwaka wa gatandatu ku kigo cy'amashuri abanza cya Mukimbagiro. Uwo mwarimu we avuga ko arengana kuko ngo nta cyemezo cya muganga cyerekana ko M.M.I.yafashwe ku ngufu.

[3] Komisiyo ntiyashatse kugaragaza amazina y'uyu mwana kuko akiri mutoya mu myaka.

Ku wa 8 Nyakanga 2003, NGABIZIRANGA yagejejwe mu nama y'abacamanza itegeka ifungwa rye ry'agateganyo mu gihe cy'iminsi 30.

Ku wa 1 Ugushyingo 2004, Komisiyo yabonanye n'Umushinjacyaha w'Intara baganira kuri iyo dosiye asanga icyemezo kimufunga by'agateganyo cyatanzwe n'inama y'abacamanza cyararangiye.

Komisiyo irasanga amategeko agenga ifata n'ifunga atarubahirijwe n'ubushinjacyaha kuko NGABIZIRANGA yafunzwe igihe kirekire na Parike ntiyasubizwa mu nama y'abacamanza na dosiye ye ntiyarangizwa ngo ishyikirizwe urukiko. Ibi byamuviriyemo kuvutswa uburenganzira bwo kuburanishwa mu gihe giciriritse.

Komisiyo irasaba ko dosiye ya NGABIZIRANGA Jean Léonard yashyikirizwa urukiko bidatinze akaburanishwa.

9. Ifungwa rya HAKIZIMANA Isaac.

Ku wa 26 Mata 2004, MUKAMWEZI Jeannette utuye mu Kagari ka Tomi, Umurenge wa Rugarama, Akarere ka Rukira mu Ntara ya Kibungo, yandikiye Komisiyo ayisaba gukurikirana ikibazo cy'umwana we, HAKIZIMANA Isaac, wari ufungiye muri kasho ya Rukira.

HAKIZIMAMA Isaac, w'imyaka 21, yari umushumba w'inka za NGARAMBE Médard. Nyir'inka amaze gupfa, HAKIZIMANA yamurikiye izo nka umuryango wa NGARAMBE Médard uhagarariwe na mushiki we MUJAWAMARIYA Consolée. Uwo Muryango wagurishije inka mirongo itatu muri izo nka yaragiraga.

Ku wa 20 Mata 2004, HAKIZIMANA Isaac yarafashwe afungirwa muri Kasho ya Sitasiyo ya Polisi ya Rukira ashinjwa n'UWIMANA Anatolie gufatanya n'umuryango wa NGARAMBE Médard kugurisha inka yari abereye umushumba, HAKIZIMANA yagaragaza ko inka zagurishijwe na bene zo, ubuyobozi ntibubyemere.

UWIMANA Anatolie uvuga ko yabyaranye abana babiri na NGARAMBE Médard ariko batashyingiranywe mu buryo bwemewe n'amategeko, yaregeye ubuyobozi bw'Akarere ka Rukira asaba kuzungura NGARAMBE, agahabwa inka zasigaye, akanishyurwa izindi nka mirongo itatu zagurishijwe.

Ku wa 30 Mata 2004, Komisiyo n'Umugenzacyaha, RUSA Claude ukorera mu Karere ka Rukira akaba ari nawe wafunze HAKIZIMANA, bagiye aho afungiye bahahurira na MUJAWAMARIYA Consollée wari watumiwe na Komisiyo, ababwira ko inka aribo bazigurishije ko umushumba afunzwe arengana ; HAKIZIMANA afungurwa uwo munsi.

Komisiyo irasanga HAKIZIMANA Isaac yarafunzwe binyuranyiranyije n'amategeko kuko yafunzwe nta cyaha afite nta n'ipererereza ry'ibanze ryakozwe.

Komisiyo irasaba inzego zishinzwe gufata no gufunga, kujya zibanza gukora ipererereza rihagije mbere yo gufunga abantu kugira ngo hatagira abafungwa barengana.

10. Ifungwa rya USABYIMANA Jean Népomuscène.

Ku wa 23 Werurwe 2004, USABYIMANA Jean Népomuscène utuye mu Kagari ka Gahengeri, Umurenge wa Shyanda, Akarere ka Cyarubare, yandikiye Komisiyo asaba kurenganurwa kuko Akarere ka Cyarubare kamwambuye amafaranga ibihumbi magana atatu na mirongo inani na kimwe (381.000 FRw), aho kumwishyura kakamufunga.

Ku wa 5 Mata 2004, Komisiyo yagiye ku Karere ka Cyarubare, ubuyobozi bw'Akarere buyibwira ko icyo kibazo kiri mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kibungo, buhakana ariko ko butazi iby'ifungwa rya USABYIMANA Jean Népomuscène. Uwo munsi Komisiyo yabonanye kandi n'umugenzacyaha wamufunze, BUDERI Jean Claude, isanga USABYIMANA yarafunzwe nta dosiye yakorewe. BUDERI Jean Claude yabwiye Komisiyo ko yafunze USABYIMANA kubera ko yanze kwishyura MPUMUJE na HAKIZIYAREMYE Jean Claude amafaranga yari abafitiye.

Mu iperereza ryayo, Komisiyo yasanze ahubwo USABYIMANA ari we wari waratsinze MPUMUJE na HAKIZIYAREMYE Jean Claude agatsindira ayo mafaranga avugwa n'Umugenzacyaha mu Rukiko rwa Kanto rwa Cyarubare mu rubanza n° R.C. 008/R01/2003, rwasomwe ku wa 29 Ukwakira 2003.

Komisiyo yagaragarije Perezida w'Urukiko rwa Kanto n'Umugenzacyaha ko USABYIMANA yari yaratsinze MPUMUJE na HAKIZIYAREMYE mu rubanza rwavuzwe haruguru, bityo akaba yaravukijwe uburenganzira bwe kuko yafunzwe azira ibyo yatsindiye, akanafungwa nta dosiye akorewe. Komisiyo yabibukije kandi ko n'ubwo USABYIMANA yari kuba afitiye MPUMUJE na HAKIZIYAREMYE umwenda, atari kuwufungirwa kuko Itegeko Nshinga ryo ku wa 4 Kamena 2003, mu ngingo yaryo ya 17, rivuga ko ntawe ushobora gufungirwa kutubahiriza inshingano zishingiye ku mategeko mbonezamubano cyangwa ay'ubucuruzi. Komisiyo yasabye ko USABYIMANA afungurwa, maze afungurwa uwo munsi.

Komisiyo iranenga imyitwarire y'Umugenzacyaha, BUDERI Jean Claude, wafunze USABYIMANA amuziza ibyo yatsindiye mu rukiko, akanamufunga nta dosiye amukoreye.

Komisiyo irasaba inzego zibishinzwe gukurikirana BUDERI Jean Claude.

11. Ifungwa rya BIGIRIMANA Gaspard.

Ku wa 10 Gicurasi 2004, BIGIRIMANA utuye mu Kagari ka Nyarunazi, Umurenge wa Nkima, mu Mujyi wa Butare mu Ntara ya Butare, yandikiye Komisiyo ayisaba kumufasha kurenganurwa kuko yafunzwe ku wa 21 Mata 2004 ku buryo bunyuranyije n'amategeko, aho afunguriwe Polisi ya Butare igasigarana indangamuntu ye n'amafaranga ibihumbi magana abiri na mirongo itatu (230.000 FRw).

Ku wa 21 Mata 2004, abashumba bategeye BIGIRIMANA mu Rwabayanga bashaka kumwambura amafaranga ibihumbi magana abiri na mirongo ine (240.000 FRw) yari afite, atatse abaturage baratabara, bamubonanye ayo amafaranga bakeka ko ari ayo yibye. Bamujyanye ku Muhuzabikorwa w'Umurenge wa Ngoma, amushyikiriza Polisi ya Butare nayo iramufunga imukekaho ubujura.

Ku wa 10 Gicurasi 2004, Komanda wa Sitasiyo ya Polisi ya Butare, Alphonse, yabonye nta muntu uje kubaza ayo mafaranga ahita amurekura, asigarana indangamuntu n'amafaranga, amuhamo ibihumbi icumi (10.000 FRw) kugira ngo abone uko agera iwe. Andi Polisi yaba yarayasigaranye kugira ngo hakorwe iperereza.

Ku wa 14 Gicurasi 2004, Komisiyo yabonanye na Maritini (irindi zina ntiryamenyekanye), umupolisi wari ushinzwe iperereza mu Ntara ya Butare ubu akaba akorera ku Kibuye, ayibwira ko icyo kibazo akizi kandi ko nyuma y'icyumweru azaba yakoze iperereza, yasanga BIGIRIMANA nta cyaha afite akamusubiza amafaranga n'indangamuntu bye.

Ku wa 20 Kamena 2004, Komisiyo yabonanye na BIGIRIMANA isanga Maritini yaramuhaye amafaranga ibihumbi mirongo itanu na bitanu (55.000 FRw).

Ku wa 23 Nyakanga 2004, Polisi yamuhaye andi ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRw), asigaye imwizeza kuzayamuha ku wa 15 Ugushyingo 2004.

Komanda wa Polisi mu Ntara ya Butare, KAJEGUHAKWA, yahaye BIGIRIMANA amafaranga yose yari asigaye ku wa 15 Ugushyingo 2004 nk'uko Polisi yari yarabimwijeje.

Komisiyo irasanga BIGIRIMANA Gaspard yarafunzwe arengana kuko kuba yari afite amafaranga menshi bidasobanura ko yayibye.

Komisiyo irasanga imikorere y'abapolisi bamwe bo mu Ntara ya Butare kuri iki kibazo igayitse.

Mu rwego rwo kurwanya akarengane n'umuco wo kudahana, Komisiyo irasaba Polisi Nkuru y'igihugu gukurikirana abapolisi b'i Butare bagize uruhare muri iki kibazo.

UMWANZURO

Komisiyo yagaragaje mu maraporo yayo ko ikibazo cy'ifata n'ifunga bitubahiriza amategeko gisa n'icyabaye karande. Byagaragaye ko abagenzacyaha n'abashinjacyaha bamwe batubahiriza ibitenganywa n'itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha mu gika cya 3 cy'ingingo ya 37 kivuga ko" inyandikomvugo yo gufata ukekwaho icyaha imara igihe cy'amasaha mirongo irindwi n'abiri (72) kidashobora kongerwa" ndetse no mu gika cya 3 cy'ingingo y'111, gitegeka ko "mu gihe cyagenewe ubujurire, ushinjwa akomeza kubaho uko urukiko rwamutegetse".

Komisiyo isanga abagenzacyaha n'abashinjacyaha bakunze kwica ayo mategeko nta mpamvu kandi bakirengagiza ko ibyemezo by'ubucamanza bigomba kubahirizwa n'abo bireba bose nk'uko bivugwa mu ngingo y'140 y'Itegeko Nshinga.

Komisiyo isanga gukomeza gufunga abantu binyuranye n'uko amategeko abigena ari ihohoterwa rikomeye, ababikora bitwaje imyanya barimo y'ubuyobozi, bakaba bagomba gukurikiranwa bakabihanirwa.

B. Ibyemezo by'inkiko bitubahirizwa.

Muri iki gice, Komisiyo irerekana abantu baburanye inkiko zigategeka ko bafungurwa ariko Parike ntizibafungure kandi ingingo y'140 y'Itegeko Nshinga ivuga ko "*ibyemezo by'ubucamanza bigomba gukurikizwa n'abo bireba bose zaba inzego z'ubutegetsi bwa Leta cyangwa abantu ku giti cyabo. Ntibishobora kuvuguruzwa keretse binyuze mu nzira no mu buryo buteganywa n'amategeko*".

1. Ifungwa ry'abari abakozi ba BACAR.

Komisiyo iributsa ko abari abakozi ba BACAR bafashwe bagakorerwa dosiye imwe ifite n° RMP 409/GG/RE/PROGECA, bagafungwa ku wa 1 Kanama 2001, bashinjwa kuba barafatanyije na KAJEGUHAKWA Valens kunyereza amafaranga y'abantu n'ibigo babitsaga muri BACAR.

Muri raporo zayo z'imyaka y'2002[4] n'2003[5], Komisiyo yagaragaje bihagije ko MUPENDA Sylvestre, NIYITEGEKA Jean Chrisostome, MANIRAGUHA Jean de Dieu, MUNYANKINDI Innocent na KARANGWA Kizito bari bafunzwe n'ubushinjacyaha kandi bari barafunguwe by'agateganyo n'inkiko zinyuranye baburaniyemo. Ibyo bikaba binyuranyije n'ingingo y'140 y'Itegeko Nshinga ryo ku wa 4 Kamena 2003, ivuga ko "*Ibyemezo by'Ubucamanza bigomba kubahirizwa n'abo bireba bose, zaba inzego z'ubutegetsi bwa Leta cyangwa abantu ku giti cyabo. Ntibishobora kuvuguruzwa keretse binyuze mu nzira no mu buryo buteganywa n'amategeko*".

Ku wa 24 Mata 2004, MUPENDA Sylvestre na bagenzi be, bongeye kwandikira Komisiyo bayisaba gukomeza gukurikirana ikibazo cyabo kugira ngo barenganurwe.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yamenye ko MUPENDA Sylvestre na bagenzi be bahawe itariki yo kuburaniraho, ikaba isanga ariko ibyo byakozwe, baravukijwe uburenganzira bwo kuburanishwa mu gihe gicirirtse nk'uko biteganywa n'amasezerano mpuzamahanga n'amategeko y'u Rwanda.

Komisiyo irongera gusaba inzego zishinzwe gufata no gufunga kubahiriza amategeko arimo n'ibyemezo by'inkiko. Irongera gusaba kandi ko uru rubanza rwaburanishwa vuba.

2. Ifungwa rya NTIRUBABARIRA Jean de Dieu, NAMBAJIMANA Octavien, DUPFUKAMIYEYEZU Adeodatus na HASENGIMANA Jean Baptiste.

Ku wa 23 Mata 2004, ubwo yasuraga Gereza Nkuru ya Ruhengeri, Komisiyo yamenye ikibazo cya NTIRUBABARIRA w'imyaka 26, NAMBAJIMANA w'imyaka 28, DUPFUKAMIYEYEZU w'imyaka 24 na HASENGIMANA w'imyaka 25, bose bakaba batuye mu Kagari ka Butare, Umurenge wa Butare, Akarere ka Cyeru mu Ntara ya Ruhengeri, baregwa kuba, ku wa 1 Kamena 2003, barafashe ku ngufu M.A.[6] w'imyaka 21. M.A. ni mushiki wa NTIRUBABARIRA basangiye se.

[4] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2002, p 19-20.
[5] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2003, p 16.
[6] Komisiyo ntiyashatse kuvuga izina rye ku mpamvu zo kwanga kumutesha agaciro.

Ku wa 2 Kamena 2003, barafashwe bafungirwa muri Gereza ya Ruhengeri dosiye yabo ihabwa n° RPA 1087/R4/RUH RMP 34553/S5/H.A.

Ku wa 26 Gashyantare 2004, bashyikirijwe inama y'abacamanza, mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Ruhengeri, ibafunga by'agateganyo iminsi mirongo itatu. Bajuriiriye icyo cyemezo.

Ku wa 18 Werurwe 2004, bashyikirijwe inama y'abacamanza mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri. Ishingiye ku bimenyetso yari ifite, inama y'abacamanza itegeka ko bafungurwa by'agateganyo ku wa 19 Werurwe 2004, Parike yanga kubarekura.

Ku wa 26 Werurwe 2004, Komisiyo yasubiye muri Gereza ya Ruhengeri isanga nta cyemezo gishya cyongera kubafunga cyageze muri dosiye yabo .

Ku wa 1 Mata 2004, Umushinjacyaha muri Parike ya Repubulika ya Ruhengeri, MUSERUKA Jean, yanditse ikindi cyemezo cyo kubafunga nta cyaha gishya baregwa kandi ubushinjacyaha butajuririye icyemezo cy'inama y'abacamanza y'Urukiko rw'Ubujurire cyo ku wa 18 Werurwe 2004 cyafunguraga abafunzwe. Uwo munsi kandi, Komisiyo yabonanye na MUSERUKA Jean ayibwira ko abafunzwe batagomba gufungurwa ngo kubera uburemere bw'icyaha bakoze.

Komisiyo irasanga abavuzwe muri iyi dosiye bafunzwe ku buryo bunyuranyije n'amategeko kuko bafunguwe n'urukiko rubifitiye ububasha, icyemezo cyarwo kikaba ari itegeko ryagombaga gukurikizwa n'ubushinjacyaha n'ubuyobozi bwa gereza.

Komisiyo irasaba ko abo bantu bafungurwa by'agateganyo nta yandi mananiza bakazaburana bari hanze.

Komisiyo isanga kandi umushinjacyaha, MUSERUKA Jean, akwiye gukurikiranwa n'inzego zimukuriye ku ikosa ryo kutubahiriza ibyemezo by'inkiko.

3. Ifungwa rya SEBUDANDI Djafali.

Ku wa 23 Mata 2004, ubwo yasuraga Gereza Nkuru ya Ruhengeri, Komisiyo yamenye ikibazo cya SEBUDANDI Djafali ukomoka mu Kagari ka Gatare, Umurenge wa Rukoma, Akarere ka Buhoma mu Ntara ya Ruhengeri, wari ufungiye muri iyo Gereza.

SEBUDANDI ufite dosiye n° RP 18573/R80/2003, RMP 3331/S5/NJB yafunzwe ku wa 10 Kamena 2002, ashinjwa icyaha cyo gufata ku ngufu I.N.D.[7], umwana w'umukobwa w'imyaka itandatu y'amavuko.

Kuwa 31 Ukuboza 2003, Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Ruhengeri rwamugize umwere kubera ko rwasanze nta bimenyetso bifatika bihamya SEBUDANDI gufata uwo mwana ku ngufu, rutegeka ko ahita afungurwa akimara gusomerwa. Kuva yasomerwa kugeza igihe Komisiyo yasuraga Gereza ya Ruhengeri yari atarafungurwa.

[7] Komisiyo ntiyashatse kugaragaza amazina y'uyu mwana kuko akiri mutoya mu myaka.

Ku wa 26 Mata 2004, Komisiyo yabonanye n'umushinjacyaha, RUGEMINTWAZA Jean Marie Vianney, wari ufite dosiye ye, imubaza iby'iyo dosiye ayibwira ko atari azi ko SEBUDANDI agifunze, ko agiye guhita amufungura. SEBUDANDI yafunguwe ku wa 3 Gicurasi 2004.

Komisiyo irasanga umushinjacyaha, RUGEMINTWAZA Jean Marie Vianney n'umuyobozi wa gereza ya Ruhengeri baravukije SEBUDANDI uburenganzira bwe ku buryo bukabije, kuko bakomeje kumufunga amezi atandatu nyuma y'uko urukiko rumugize umwere rugategeka ko afungurwa.

Kubera ko bombi bishe amategeko, Komisiyo isanga bakwiye kubihanirwa.

4. Ifungwa rya NYIRARWANGO Ziripa.

Ubwo Komisiyo yasuraga Gereza Nkuru ya Ruhengeri ku wa 15 Werurwe 2004, yamenye ikibazo cya NYIRARWANGO Ziripa ukomoka mu Murenge wa Tubungo, Akarere ka Buhoma mu Ntara ya Ruhengeri akaba afungiye muri iyo Gereza.

NYIRARWANGO yabwiye Komisiyo ko afite dosiye n° RMP 3521/S5/H.A, akaba yarafunzwe ashinjwa uburozi abeshyerwa, akaba akomeje gufungwa kandi yararekuwe by'agateganyo n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Ruhengeri mu nama y'abacamanza yo ku wa 30 Ukuboza 2003. Avuga ko icyemezo kimufungura cyafashwe ku wa 2 Mutarama 2004, akabimenyeshwa ku wa 7 Mutarama 2004 ariko Parike ikaba yaranze kumufungura.

Ku wa 25 Werurwe 2004, Komisiyo yabonanye n'Umushinjacyaha, RUGEMINTWAZA Jean Marie Vianney, ufite dosiye ya NYIRARWANGO, isanga atarajuririye icyemezo gifungura NYIRARWANGO kandi atarongeye kunyuzwa mu nama y'abacamanza. Komisiyo yamusabye kurekura NYIRARWANGO.

Ku wa 26 Werurwe 2004, Komisiyo yasanze RUGEMINTWAZA kuri gereza, yongera kumusaba gufungura NYIRARWANGO, avuga ko atazamufungura ngo Komisiyo izamurege aho ishaka.

Ku wa 29 Werurwe 2004, Komisiyo yasubiye kubonana n'ubushinjacyaha mu Ntara ya Ruhengeri isanga Porokireri wa Repubulika mu Ruhengeri yarasabye ko NYIRARWANGO afungurwa. Ubushinjacyaha bwamufunguye ku wa 3 Gicurasi 2004.

NYIRARWANGO yafunzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko kuko yafunguwe by'agateganyo n'urukiko rubifitiye ububasha, umushinjacyaha, RUGEMINTWAZA, akanga kumufungura nta mpamvu zituma agumishwa muri gereza. Ibi biragaragaza ko NYIRARWANGO yahohotewe n'ubushinjacyaha bwa Ruhengeri.

Bitewe n'uko iki kibazo kimaze kugaragara kenshi mu bushinjacyaha bwa Ruhengeri, Komisiyo irasaba ko gikwiye kwitabwaho by'umwihariko.

Komisiyo irasaba kandi ko abashinzwe gufunga bajya bubahiriza amategeko, abasuzugura nkana ibyemezo by'inkiko bitwaje imirimo bakora bakabihanirwa.

Komisiyo ikaba isanga Umushinjacyaha, RUGEMINTWAZA Jean Marie Vianney, akwiye gufatirwa ibyemezo n'inzego zimukuriye.

UMWANZURO.

Komisiyo yagaragaje kenshi ko bamwe mu bashinjacyaha batubahiriza ibyemezo by'inkiko birengagije ko ibyemezo by'ubucamanza bigomba kubahirizwa n'abo bireba bose nk'uko biteganywa n'ingingo y'140 y'Itegeko Nshinga.

Komisiyo isanga gukomeza gufunga abantu kandi bararekuwe n'inkiko ari ihohoterwa rikomeye. Ababikora bitwaje imirimo bashinzwe, baba abashinjacyaha cyangwa abayobozi ba gereza, bagomba gukurikiranwa bakabihanirwa.

C. Ikibazo cy'umuntu wakomeje gufungwa kandi yararangije igihano.

Nk'uko byagiye byandikwa muri raporo za Komisiyo, hagiye hagaragara abantu barangiza ibihano bagakomeza gufungwa. Muri iyi raporo hagaragaramo ikibazo kimwe cyonyine kirebana n'umuntu wakomeje gufungwa kandi yararangije igihano.

Ubwo Komisiyo yasuraga Gereza Nkuru ya Ruhengeri ku wa 26 Werurwe 2004, yamenye ikibazo cya RWAGAKIGA Jean Marie Vianney ukomoka mu Kagari ka Gihinga, Umurenge wa Rugendabari, Akarere ka Nyarutovu mu Ntara ya Ruhengeri, akaba yari afungiye muri iyo Gereza.

RWAGAKIGA Jean Marie Vianney yafunzwe ku wa 5 Gashyantare 1995 ashinjwa kuba, mu gihe cya jenoside, afite imyaka cumi n'itandatu, yarishe RAMADHAN n'abana be batatu abaziza ko bari abatutsi. Dosiye ya RWAGAKIGA yahawe n° RMP 37700/S4/UW.D ; RP 027/R1/98.

Ku wa 25 Gashyantare 1999, RWAGAKIGA yaburanishijwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Ruhengeri, urubanza rusomwa ku wa 25 Werurwe1999, akatirwa imyaka icyenda y'igifungo yagombaga kurangira ku wa 23 Gashyantare 2004.

Ku wa 23 Gashyantare 2004, RWAGAKIGA yararekuwe, ageze mu mujyi wa Ruhengeri, Umucungagereza woherejwe n'Umuyobozi wa Gereza Nkuru ya Ruhengeri aramugarura, amusubizamo kugeza ku wa 1 Mata 2004 ubwo yarekurwaga nta rundi rubanza rubaye.

Komisiyo irasanga kuba umuntu yararangije igihano yahawe n'urukiko Umuyobozi wa Gereza akongera kumufunga nta mpamvu ari ihohoterwa rikabije ry'uburenganzira bwa muntu, ikaba isaba ko bene abo bantu bakurikiranwa n'inkiko bagahanwa.

*

* *

D. Iyicwa n'urugomo bikorerwa abacitse ku icumu n'abagaragaje ubushake bwo kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside.

- **Ubwicanyi n'urugomo mu Ntara ya Gikongoro byakorewe abacitse ku icumu rya jenoside n'abagaragaje ubushake bwo kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside.**

Muri raporo zayo z'umwaka w'2002[8] n'2003[9], Komisiyo yagaragaje iyicwa n'itotezwa ry'abacitse ku icumu n'abagaragaje ubushake bwo kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside mu Ntara ya Gikongoro.

Ihereye ku iperereza ryakozwe kuri icyo kibazo, Komisiyo yari yarasabye ubuyobozi bw'iyo Ntara, bwaba ubwa gisivile ndetse n'ubwa gisirikare, kwita ku mutekano w'abo bantu. Ariko ntibyabujije ko mu mwaka w'2004 haboneka abacitse ku icumu n'abagaragaje ubushake bwo kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside bishwe bakanakorerwa urugomo.

Abo Komisiyo yamenye mu mwaka w'2004 bishwe n'abagiriwe urugomo bazira ko bacitse ku icumu cyangwa ko bakekwaho kuzatanga ubuhamya :

1. Iyicwa rya HITIMANA Eliphaz.

HITIMANA Eliphaz wari utuye mu Kagari ka Kasemazi, Umurenge wa Kibumbwe, mu Karere ka Kaduha mu Ntara ya Gikongoro, yabuze ku wa 8 Werurwe 2004 agiye mu isoko ryo mu Miko mu Karere ka Karaba.

Umurambo wa HITIMANA wabonetse ku wa 10 Werurwe 2004, ku nkombe z'uruzi rwa Rukarara.

Mu iperereza ryayo, Komisiyo yamenye ko HITIMANA Eliphaz yazize ko yari umwe mu bafunguwe hakurikijwe itangazo rya Perezidansi ya Repubulika ryo ku wa 1 Mutarama 2003, bireze bakanemera icyaha, bakanagisabira imbabazi, akaba yari n'umwe mu biyemeje kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside akanabikangurira bagenzi be.

Kuva ku wa 19 Ugushyingo 2004, abakekwaho kuba barishe HITIMANA Eliphaz aribo RWAMIRINDI Raphaël, MURATANKWAYA Mathias, RUGIRABABIRI Uziel na NDIKURYAYO James barafashwe, dosiye yabo ihabwa n° RMP94212/S3/KD/KT, bafungirwa muri Gereza ya Nyanza aho bategereje kuburanishwa n'Icyumba cy'Urukiko Rukuru rwa Repubulika.

2. Iyicwa rya NYEMAZI Jean Bosco

NYEMAZI Jean Bosco yari atuye mu Kagari ka Uwikamiro, Umurenge wa Kibumbwe, Akarere ka Kaduha mu Ntara ya Gikongoro.

[8] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2002, p 43-45.
[9] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2003, p 44-46.

Mu ipereereza ryayo, Komisiyo yamenye ko NYEMAZI yishwe ku wa 13 Ukwakira 2004 azira kuba yarashinjaga mu Nkiko Gacaca abagize uruhare muri jenoside no mu Rukiko Mpuzamahanga ku Rwanda ruri Arusha muri Tanzaniya, akaba yaba yarakekwagaho kuzajya gushinja Coloneli SIMBA .

Komisiyo yemenye kandi ko NYEMAZI yagambaniwe na MUKASHEMA Anne Marie yari yarinjiye, akaba afite umugabo ufunzwe akekwaho icyaha cya jenoside.

MUKASHEMA yemeye icyaha, avuga n'abo bafatanyije kugikora aribo NSENGIMANA Tito, NZABAMWITA bahimba KIDAHENDA, DUSABE SINDAYIGAYA Jean Claude, MUZEGA François, BIMENYIMANA Athanase, NGARAMBE Emmanuel na SEZERANO Edson. Abandi bakekwaho icyaha bafashwe ni NGAYABARAMBIRWA Raphaël, NSHIMIYIMFURA Célestin na USENGUMUREMYI Jean Damascène.

Ku wa 19 Ugushyingo 2004, MUKASHEMA Anne Marie na bagenzi be barafashwe bafungirwa muri Gereza ya Nyanza aho bategereje kuburanishwa n'Icyumba cy'Urukiko Rukuru rwa Repubulika.

3. Gutemwa kwa MUKAKINANI Bernadette na bagenzi be.

Ku wa 28 Gicurasi 2004, Komisiyo yamenye itemwa n'ikubitwa rya MUKAKINANI Bernadette, NAKABONYE Bernadette na DUSABE Florida.

MUKAKINANI Bernadette atuye mu Kagari ka Muhora, DUSABE Florida atuye mu Kagari ka Rimbanya naho NAKABONYE Bernadette akaba atuye mu Kagari ka Runyinya hose akaba ari mu Murenge wa Gorwe, Akarere ka Nyaruguru mu Ntara ya Gikongoro.

Nyuma y'ipereereza ryayo, Komisiyo yamenye ko, ku wa 20 Gicurasi 2004, sa kumi n'ebyiri z'umugoroba, MUKAKINANI Bernadette na NAKABONYE Bernadette, bari mu Kagari ka Muhora mu Murenge wa Gorwe, bakubiswe bakanatemwa n'abantu benshi. Baratabaje, abaturage barahurura, abantu babatemaga barahunga.

Muri abo bantu babatemye, MUKAKINANI Bernadette yashoboye kumenyamo SEBAZIGA Cyprien na RUBAYIZA Alphonse, basanzwe bamuhiga bamuziza ko yabashinje icyaha cya jenoside.

Ku itariki yavuzwe haruguru, mu ma sa kumi n'ebyiri n'igice, ubwo DUSABE Florida yari ageze imbere y'urugo rwa MUKAKINANI Bernadette nawe yakubiswe n'abantu atabashije kumenya arakomereka cyane. DUSABE Florida yaguye mu kindi gico cyari gitegereje MUKAKINANI Bernadette.

Muri uwo mugoroba, abaturage bafatanyije n'abashinzwe umutekano bajyanye izo nkomere mu kigo nderabuzima cy'i Kibeho.

Ku wa 21 Gicurasi 2004, Polisi yakoze ipereereza ku Murenge wa Gorwe, RUBAYIZA Alphonse, SEBAZIGA Cyprien, GASEKURUME, SINDAYIGAYA Jean Marie Vianney, HABIMANA Emmanuel, NKURIYIMANA Alexis, NYANGEZI Jean Bosco, KARERANGABO Etienne,

MUGEMANGANGO Emmanuel, MUKANGANGO Anatolie barafatwa, bafungirwa muri kasho ya Sitasiyo ya Polisi mu Mujyi wa Gikongoro.

Komisiyo isanga ihohoterwa ry'abacitse ku icumu rya jenoside n'abashaka kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside bikomeza kwiyongera mu Ntara ya Gikongoro, ikaba isaba ubuyobozi bw'iyo ntara gushyiraho ingamba zihamye zo kurwanya ibitekerezo by'ivanguramoko no kurinda abatangabuhamya n'abacitse ku icumu.

Komisiyo irasaba Inzego z'Ubutabera guhana by'intangarugero abo ibyaha bihama no kugenera indishyi abahohotewe.

- **Ubwicanyi, urugomo n'iterabwoba byakorewe abacitse ku icumu rya jenoside n'abagaragaje ubushake bwo kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside mu Ntara ya Butare.**

Mu mwaka w'2004, mu Ntara ya Butare, MUKANZEYIMANA Valentine na NYIRAMISAGO Consolée bacitse ku icumu rya jenoside barishwe ; NDAYITEGEYE Boniface n'umugore we MUKANDANGA Marie Thérèse nabo baricwa n'ubwo bo batari abacitse ku icumu rya jenoside.

Muri iyo Ntara kandi mu turere hafi ya twose, bamwe mu bacitse ku icumu bashyizweho iterabwoba banagirirwa urugomo n'abakeka ko bazabashinja. Ibyo babikoze bagamije kubabuza gutanga ubuhamya ku byabaye muri jenoside.

1. Iyicwa rya MUKANZEYIMANA Valentine.

Ku wa 12 Kamena 2004, MUKANZEYIMANA Valentine washakanye na HITAYEZU Boniface yiciwe mu Kagari ka Katarara, Umurenge wa Ntyazo, Akarere ka Nyamure mu Ntara ya Butare, azira gushinja abishe musaza we BIMENYIMANA Gérard, umugore we n'abana be.

Mu iperereza ryayo, Komisiyo yamenye ko abari ku isonga mu mugambi wo kumwica ari MUNIGANKIKO Jean Népomuscène, uzwi ku izina rya GASONGO, ari nawe wacuze uwo mugambi, RWAGATORE Amiel, BIZURU na RUGEMINTWAZA Claude.

Ku wa 13 Kamena 2004, abakekwaga bafashwe na Polisi bafungirwa muri Kasho ya Ntyazo.

Mu joro ryo ku wa 23 Kamena 2004, MUNIGANKIKO Jean Népomuscène, RWAGATORE Amiel, MUREKEZI Amiel na NYABYENDA Claude baracitse.

Dosiye z'abafunze zararangiye kandi zoherejwe mu nkiko.

2. Iyicwa rya NYIRAMISAGO Consolée.

NYIRAMISAGO Consolée yari umukobwa w'imwaka 21 wabanaga na nyina KANKINDI Anastasie mu Kagari ka Gihana, Umurenge wa Nyamiyaga, Akarere ka Nyamure mu Ntara ya Butare.

Ku wa 30 Nyakanga 2004, NYIRAMISAGO Consolée yicishijwe ubuhiri, nyina KANKINDI arakomereka cyane.

Nyuma y'ipererereza ryayo, Komisiyo yamenye ko abakekwa kuba barakoze icyo cyaha, hafashwemo abagera ku munani barimo MUNYEMANA Sylvestre, umunyamabanga w'Akagari ka Gihana na HATEGEKIMANA Silivani. Bakorewe dosiye n'ubugenzacyaha ishyikirizwa Parike.

Nyuma y'uko Komisiyo iganiriye na bamwe mu baturage b'ako karere, inzego z'ubuyobozi n'inzego za Polisi, icyayigaragariye ni uko iyicwa rya NYIRAMISAGO Consolée ryari ryateguwe kandi ubuyobozi bw'Akagari ka Gihana bukaba bwaragizemo uruhare kuko irondo rireba umutekano ryari ryateguwe, nyamara Umunyamabanga w'ako Kagari, MUNYEMANA Sylvestre, akariyobya nkana kugira ngo ridaca ahari kubera ubwo bwicanyi. Ikindi kandi, SHUMBUSHO Alexis, Umuhuzabikorwa w'ako Kagari ntiyigeze agera ahabereye ayo marorerwa, ndetse n'Umuyobozi Wungirije w'Akarere ka Nyamure ushinzwe Imibeho Myiza y'Abaturage akaba yemeza ko ubuyobozi bw'Akagari kiciwemo NYIRAMISAGO Consolée bushobora kuba bwaragize uruhare muri iryo yicwa.

3. Iyicwa rya NDAYITEGEYE Boniface na MUKANDANGA Marie Thérèse.

NDAYITEGEYE Boniface n'umugore we MUKANDANGA Marie Thérèse bari batuye mu Kagari ka Ruri, Umurenge wa Fugi, Akarere ka Kibingo mu Ntara ya Butare, bishwe mu ijoro ryo ku wa 1 Kamena 2004.

Mu ipererereza ryayo, Komisiyo yamenye ko NZAKIZWANAYO Jean, uzwi ku izina rya NYANDWI, ari umucengezi wari waraturutse i Burundi azanywe no gushaka abasore bazajyana kurwana muri F.N.L./PALIPEHUTU akaba ari nawe wateguye kwica NDAYITEGEYE Boniface n'umugore we MUKANDANGA Marie Thérèse.

NZAKIZWANAYO Jean yishe NDAYITEGEYE Boniface n'umugore we abanje kubacuza amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50 000 FRw) bari bacuruje.

Polisi ya Butare yabwiye Komisiyo ko ubwo bujura bwitwaje intwaro bugamije kwica no gucuza abacitse ku icumu, kugira ngo haboneke inkunga yohererezwa imitwe ikorana n'interahamwe zishaka gukomeza jenoside.

Komisiyo yamenye kandi ko Polisi ya Butare yavumbuye agatsiko k'abantu 18 bitwaje intwaro kari gafatanyije na NZAKIZWANAYO Jean karayirwanya, yicamo batandatu, 12 barafatwa bamburwa imbunda cumi na za « grenades ». Ubu abo 12 bakaba bafungiye muri Gereza ya Karubanda .

4. Ibikorwa by'urugomo n'iterabwoba.

Ibi bikorwa bigaragarira mu nyandiko zidasinye zitera ubwoba zinashinyagurira abacitse ku icumu. Ibi byagaragaye cyane mu Karere ka Maraba, mu Mujyi wa Butare no mu mashuri yisumbuye nko mu Ishuri ry'Ubumenyi rya Nyanza, ishuri ryisumbuye rya Mutagatifu Yohani Batisita ry'i Cyahinda, mu Ishuri ryisumbuye ry'i Kansi no mu ishuri ryisumbuye rya Rusatira .

Ku wa 20 Kamena 2004, mu mudugudu wa Mataba, Umurenge wa Buhoro, mu Karere ka Nyakizu, NGARAMBE Gérard, MASUMBUKO André na SAMARI Vénuste batwikiwe ingo, ibiraro by'amatungo n'utuzu tw'imisarane, bashobora kuzimya amazu babamo. Ku wa 24 Kanama 2004, bongeye gutwikirwa.

Mu Mujyi wa Butare mu mirenge ya Kaburemera na Vumbi abantu batamenyekanye batwikiye abacitse ku icumu.

Mu Murenge wa Gisasa, SEBUJANGWE yatewe mu rugo iwe akizwa n'uko atari arurimo ; Beltilde washakanye na NYANDWI Célestin nawe yagize amahirwe kuko NGANYIRENDE yamuteye ashaka kumwica agafatwa ataragera ku mugambi we. Kuva icyo gihe, urugo rwa NYANDWI Célestin rwakomeje guterwa amabuye.

Mu Murenge wa Ntyazo, MAKWANGARI Ladislas yatewe ninjoro bamutwikira imyugariro, MUKANTAGENGWA Geneviève nawe yaratewe ariko ntibagera ku mugambi wabo wo kumwica. MUKANTIBABAZA Daphrose, abaturage bemeza ko atagoheka kubera ibitero by'iterabwoba. MUKAGAHUTU we aterwa amabuye ku nzu cyangwa bakamuhondagurira inzugi.

Mu Murenge wa Mbuye, HITIYISE n'umwana we BAKAME baratewe baratemwa bajyanwa mu bitaro ari ndembe.

Hagaragaye kandi ibikorwa byo gutera amabuye hejuru y'amazu cyangwa kumena amadirishya n'inzugi byakozwe muri Cyarwa-Sumo na Nyanza, imirenge yo mu Mujyi wa Butare no mu Murenge wa Cyinteko mu Karere ka Save.

Uretse kandi ibyo bikorwa by'urugomo, abacitse ku icumu babwirwa amagambo y'agashinyaguro.

Hagaragaye imvugo z'agashinyaguro mu Murenge wa Nyakibungo mu Karere ka Nyamure, mu Mirenge ya Ngoma na Nyaruhengeri mu Karere ka Kibingo.

Ibindi bikorwa by'iterabwoba byagaragaye ni ibyo gutema no kwica amatungo. Ibi byabonetse mu Mirenge ya Kato na Kanazi mu Karere ka Kiruhura.

Imaze kubona ko ikibazo cy'iyicwa n'itotezwa ry'abacitse ku icumu n'abiyemeje kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside kigenda gifata intera ndende kikaba cyanakwira mu gihugu kidahagurukiwe, Komisiyo yakoze iperereza mu gihugu hose ku mutekano w'abacitse ku icumu n'abagaragaje ubushake bwo kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside yo mu 1994. Raporo kuri iryo perereza izatangazwa mu minsi iri imbere.

Komisiyo irasanga inzego zose z'igihugu zigomba guhagurukira kurwanya bikomeye ririya hohoterwa cyane cyane ko rishingiye ku ngengabitekerezo ya jenoside. Komisiyo iributsa ko buri muturarwanda afite inshingano yo kurinda no kubungabunga umutekano we n'uw'abandi. Iributsa kandi ko ari n'inshingano ya Leta n'abaturage yo kurinda umutekano w'abantu bibasiwe n'abagishaka gukomeza jenoside mu Rwanda.

E. Imanza zitinda n'izitarangizwa.

Mu bibazo yagejejweho, Komisiyo isanga impamvu z'ingenzi zituma imanza zitinda ari izi zikurikira :

- Ibura ry'abacamanza n'ababuranyi ;
- Ababuranyi babura amafaranga y'ingendo z'abacamanza bajya gukora amaperereza y'inyongera cyangwa kugera aho ikiburanwa kiri, bigatuma bahera mu gihirahiro ;
- Ubuke bw'abacamanza bo mu Rukiko rw'Ikirenga ugereranije n'ubwinshi bw'amadosiye yari ahari ;
- Gutinda cyangwa kudaha ababuranyi matolewa z'imanza zaciwe bigatuma ababuranyi batishimiye imikirize yazo babura aho bahera bagaragaza impamvu z'ubujurire iyo bibaye ngombwa.

Ku byerekeranye n'imanza zitarangizwa, Komisiyo isanga impamvu nkuru zibitera ari :

- Gutinda cyangwa kudaha ababuranyi matolewa z'imanza zaciwe bishobora gutuma inzego zibishinzwe zitabona aho zihera zizirangiza ;
- Abacamanza badasinya kuri matolewa z'imanza zaciwe. By'umwihariko, mu mwaka w'2004, nyuma y'ivugurura ry'inzego z'ubutabera, abo bacamanza barabuze kubera ko bamwe bavuye mu mirimo, abandi bakaba barimuwe ;
- Amadosiye atinda kohererezwa inkiko zajuririwe.

Muri raporo yayo y'umwaka w'2004, Komisiyo iragaragaza bimwe mu birego byerekeranye n'imanza zitinda n'izitarangizwa byayigejejweho muri uwo mwaka. Bimwe muri byo byari byaragaragajwe muri raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2003, ariko inzego zibishinzwe zikaba zitarabikemuye.

- **Imanza zitinda.**

1. Urubanza rwa Caporal UBONEYIMFURA Déo.

Ku wa 31 Mutarama 2003, Caporal UBONEYIMFURA Déo, ufungiye muri Gereza ya Gisirikare yo ku Mulindi wa Kanombe mu Mujyi wa Kigali yandikiye Komisiyo avuga ko yafunzwe n'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare akaburana mu Nkiko zose za Gisirikare maze agatsindwa, agakatirwa igihano cy'urupfu mu rubanza n° RPA 0100/C.M./99 yasabiye iseswa. Caporal UBONEYIMFURA Déo yasabye Komisiyo ko yamufasha kuburanishwa vuba.

Komisiyo iributsa ko ikibazo cya Caporal UBONEYIMFURA Déo cyavuzwe ku buryo burambuye muri raporo yayo y'umwaka w'2003.[1]

Mu myanzuro yayo, Komisiyo yasanze Caporal UBONEYIMFURA Déo yaravukijwe uburenganzira bwo kuburanishwa mu gihe giciriritse, isaba ko yaburanishwa vuba.

[1] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2003, urup. 32-33

Caporal UBONEYIMFURA Déo wari uyoboye abasirikare bari bashinzwe kurinda Ikigo cy'amashuri cya Nyange mu Karere ka Budaha mu Ntara ya Kibuye ashinjwa kuba, ku wa 17 Werurwe 1997, ubwo abacengezi bateraga, yarataye abanyeshuri bo muri icyo kigo yari ashinzwe kurinda, abo bacengezi bakicamo abanyeshuri batanu, abandi benshi bakabakomeretsa.

Ikibazo cya Caporal UBONEYIMFURA Déo Komisiyo yakomeje kugikurikirana, isanga urubanza rutaraburanishwa kubera ijonjora ry'amadosiye ryakorwaga mu Rukiko rw'Ikirenga.

Komisiyo ishingiye ku miterere y'icyaburanwaga, igihano cyahawe Caporal UBONEYIMFURA Déo n'igihe ikibazo kimaze, irasaba Urukiko rw'Ikirenga kuburanisha urubanza rwe vuba.

2. Urubanza rwa AYABAGABO Jean de Dieu.

Ku wa 14 Gicurasi 2003, AYABAGABO Jean de Dieu utuye mu Karere ka Gashonga, mu Ntara ya Cyangugu yandikiye Komisiyo asaba kurenganurwa kugira ngo urubanza n° RCA 12386/Kig yaburanye na KANAMUGIRE Ildéphonse rwerekeranye n'ikibanza kirimo inzu rwari mu cyahoze ari Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali kuva ku wa 21 Gicurasi 1998 ruburanishwe.

Yavugaga ko urwo rubanza rumaze kuburanishwa inshuro zirenga icumi. Kugeza yandika, iburanisha ryari ryarahagaze kubera ko hari hateganyijwe ingendo z'abacamanza zitakozwe.

Urugendo rwa mbere rwagombaga gukorerwa i Cyangugu ku wa 14 Ugushyingo 2002. Iyo tariki igeze, yategereje abo bajyana arababura ariko nyuma baza kumumenyesha ko ari we ugomba kuriha amafaranga ibihumbi ijana na bine (104.000 Frw) y'urugendo (frais de mission) y'abo bagombaga kujyana havuyemo imodoka na lisansi. AYABAGABO akaba yarumvaga byari ukumunaniza kugira ngo ahebe umutungo we.

Ikibazo cya AYABAGABO Jean de Dieu cyari cyaravuzwe muri raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2003 [2] ku buryo burambuye.

Mu myanzuro yayo, Komisiyo yanenze imyitwarire y'uwari Perezida w'agateganyo w'Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali mu kibazo cya AYABAGABO Jean de Dieu witwaje ubushobozi buke bw'umuburanyi agatinza iburanisha ry'urubanza.

Komisiyo irasaba Urukiko rw'Ikirenga gukora ibishoboka byose kugira ngo urubanza rwa AYABAGABO Jean de Dieu rumaze imyaka irindwi yose mu Rukiko rw'Ubujurire ruburanishwe.

3. Urubanza rwa NIMUKUZE Pascasie.

Komisiyo iributsa ko ikibazo cya NIMUKUZE Pascasie utuye mu Kagari ka Nyabushingitwa, Umurenge wa Mukono, Akarere ka Rushaki, Intara ya Byumba cyanditswe ku buryo burambuye muri raporo yayo y'umwaka w'2003[3].

[2] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2003, urup.38-40
[3] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2003, urup. 34

Urwo rubanza nk'uko Komisiyo yari yabitangaje muri raporo y'umwaka w'2003 rwaretse gukomeza kuburanishwa kubera ko NIMUKUZE Pascasie yasabwe imodoka yo kujyana abacamanza aho ikiburanwa kiri imodoka ikabura kubera amikoro make ya NIMUKUZE Pascasie. Mu mwanzuro wayo, Komisiyo yasabye Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Byumba ko rutashingira ku bukene bwa NIMUKUZE Pascasie ngo rumuvutse uburenganzira bwo kuburanishwa mu gihe giciriritse.

NIMUKUZE Pascasie yari yarandikiye Komisiyo ku wa 27 Ukwakira 2003 yibutsa ikibazo cye kirebana n'urubanza n° R.C. 357/XXVII/2001/BY ruri mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Byumba kuva mu mwaka w'2001 aburana na BUZOYA Dismas (musaza we kwa se) kuzungura umutungo wa nyina NANGWAHAFI (wapfuye), rukaba rukomeza gutinda kuburanishwa.

Muri raporo y'umwaka w'2003, Komisiyo yari yasabye inzego nkuru z'Igihugu gukora ibishoboka byose kugira ngo inkiko zibone ibyangombwa bituma zirangiza inshingano zazo, bityo umuco wo gusaba ababuranyi kuba ari bo birwanaho ngo imanza zabo ziburanishwe ucike.

Komisiyo yakoze iperereza iza gusanga ku wa 14 Gicurasi 2004, Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Byumba rwaragiye aho ikiburanwa kiri, ku wa 19 Gicurasi 2004 ; urubanza ruraburanishwa, rusomerwa mu ruhame ku wa 27 Gicurasi 2004.

NIMUKUZE Pascasie yaratsinze, BUZOYA Dismas ategekwa gutanga imirima ibiri yaburanwaga. Ku wa 26 Ukwakira 2004, intumwa za Komisiyo zageze ku Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Byumba mu rwego rwo gukurikirana icyo kibazo, zisanga NIMUKUZE Pascasie atarahabwa kopi y'urubanza kubera ko umucamanza witwa RUGANZU Obed atarayisinya kandi kumubona bitoroshye kuko atakiri umucamanza.

Komisiyo ikaba isaba inzego bireba gukora ibishoboka kugira ngo NIMUKUZE Pascasie arenganurwe nk'uko Urukiko rwaciye urubanza rwabitegetse.

4. Urubanza rwa NDIZIHIWE Vénuste.

Ku wa 7 Mutarama 2004, UWIZEYIMANA Victoire utuye mu Murenge wa Buremera, Akarere ka Nyaruguru, Intara ya Gikongoro yandikiye Komisiyo ayisaba ko yamusabira inzego zibishinzwe ko umugabo we, NDIZIHIWE Vénuste, yaburanishwa.

NDIZIHIWE Vénuste aregwa mu rubanza n° RMP 90600/S3/KD/ST-RP 561/4/02, kuba ku itariki ya 19 Ukwakira 2000, afatanije na MURERE Philippe baribishije intwaro bakanafata ku ngufu abakobwa babiri b'umugabo witwa KAMBARI. Urwo rubanza rumaze gusubikwa inshuro umunani, ku matariki akurikira : ku wa 9 Gashyantare 2002, ku wa 5 Ukuboza 2002, ku wa 17 Ukuboza 2002, ku wa 21 Ukwakira 2003, ku wa 29 Ukwakira 2003, ku wa 7 Ugushyingo 2003, ku wa 11 Ugushyingo 2003 no ku wa 19 Ugushyingo 2003 kandi nta mpamvu zigaragazwa n'Urukiko.

Intumwa za Komisiyo zagiriye inama UWIZEYIMANA yo kubwira umugabo we akongera kwandikira Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro, arusaba indi tariki yo kuburana. Hagati aho izo ntumwa za Komisiyo zisaba ko urwo rubanza rutakongera gusubikwa. Urubanza rwaburanishijwe ku wa 2 Mata 2004, rusomwa ku wa 20 Gicurasi 2004, NDIZIHIWE Vénuste na

MURERE Philippe bahabwa igihano cyo gufungwa imyaka itanu buri wese, bakanishyura indishyi z'amafaranga ibihumbi magana atatu (300.000 FRw) bafatanyije.

Komisiyo irasanga uru rubanza rwarasubitswe kenshi kandi nta mpamvu z'isubikwa ryarwo zatanzwe n'abacamanza.

5. Urubanza rwa HITIMANA François.

Ku wa 1 Mata 2004, Komisiyo yagejejweho ikibazo na HITIMANA François utuye mu Kagari ka Mubuga, Umurenge wa Kinteko, Akarere ka Save, Intara ya Butare, kirebana no kutihutisha dosiye yajuririwe ngo yoherezwe aho igomba kuburanishirizwa.

HITIMANA François yaregeye indishyi mu rubanza n° RC 18917/50/01 yaburanye na NSHIMIYIMANA Henri kubera ko yishe murumuna we witwaga NDEKEZI Augustin. NSHIMIYIMANA yari umupolisi wa Komini Shyanda. Urukiko rwamuhanishije igifungo cy'imyaka 5 ariko HITIMANA ntiyishimira imikirize y'urubanza, maze ajurira ku wa 11 Mata 2002, urubanza ntirwoherezwa mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Nyabisindu aho yajuririye. HITIMANA yitabaje Komisiyo ngo imusabire Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo kohereza vuba dosiye ye mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Nyabisindu kuko yari afite ubwoba ko imyaka 5 y'igihano izarangira dosiye itaroherezwa.

Intumwa za Komisiyo zagiye kenshi ku Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Butare kureba aho iyo dosiye igeze. Ku wa 1 Mata 2004, dosiye barayishatse barayibura, ku wa 5 Mata 2004, basanga ifitwe n'umucamanza uyandikura. Urubanza barangije kurwandikura ku wa 4 Gicurasi 2004, ku wa 6 Gicurasi 2004 dosiye yarwo yoherezwa mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Nyabisindu.

Komisiyo irasaba abashinzwe kohereza amadosiye y'imanza mu Nkiko zijuririrwa ko bajya babikora vuba kugira ngo ababuranyi batavutswa uburenganzira bwabo bwo kuburana mu gihe gicirirtse.

6. Urubanza rwa MUKABAZIGA Suzanne.

Ku wa 2 Kamena 2004, MUKABAZIGA Suzanne utuye mu Kagari ka Ruyege, Umurenge wa Muzenga, Akarere ka Save, Intara ya Butare yagejeje ikirego kuri Komisiyo cyerekeranye no gutinza kuburanisha urubanza n° RCA 9583/134 rwajuririwe yaburanye n'umugabo we witwa MINANI.

MUKABAZIGA Suzanne yari yarashakanye na MINANI mu buryo bwemewe n'amategeko. MINANI yaramwirukanye ashaka undi mugore. MUKABAZIGA yareze MINANI mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Butare, mu rubanza n° RC 18 613/49/2000, kuba yiharira umutungo w'urugo akawihera umugore wundi batasezeranye byemewe n'amategeko. Urubanza rwakijijwe ku wa 23 Gashyantare 2001, urukiko rutegeka ko umutungo wose w'urugo washyirwa mu rugo rukuru, kandi umugore w'inshoreke akabivanwamo akanirukanwa.

MINANI ntiyishimiye imikirize y'urwo rubanza rwaciwe adahari. Ku wa 28 Gashyantare 2001 yatanze ikirego kigamije kurusubirishamo, gihabwa n° RC 18928/51/01 mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Butare. Urwo rubanza rwakijijwe ku wa 30 Mutarama 2004, urukiko

rutegeka ko MUKABAZIGA ahabwa isambu atuyemo, uturima n'utugende turi mu kabande, akarima kari mu Kagari ka Buhurambuga, inka eshatu, ihene enye no kugabana ubukode bw'inzu iri kuri « Centre » ya Gisagara havuyemo imisoro ya Leta. MINANI ntiyishimiye imikirize y'urubanza, ku wa 12 Gashyantare 2004 ajurira mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Nyanza, ubujurire buhabwa n° RCA 9583/134. MUKABAZIGA akaba asanga urwo rubanza rutinda kuburanishwa.

MUKABAZIGA yiyambaje Komisiyo avuga ko ibyo yatsindiye mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Butare atabihabwa kandi n'Urukiko rw'Ubujurire rwa Nyabisindu ntirumuburanishe.

Intumwa za Komisiyo zagiye kureba iyo dosiye mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Nyanza bazibwira ko ikibazo ari uko iyo dosiye bayitumije mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Butare ikaba itarabageraho. Byatumye izo ntumwa zijya no gukora ipererereza mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Butare bazizeza ko bagiye kuyirangiza bakayohereza.

Komisiyo irasanga icyo kibazo cyo kohereza amadosiye mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Nyanza gifitwe n'abantu benshi binubira ko atinda. Abayobozi bashya bo mu nkiko za Butare bakwiye kwihutira gukemura ibibazo nk'icya MUKABAZIGA Suzanne abo basimbuye basize bateye.

Komisiyo izakomeza gukurikirana iki kibazo.

7. Urubanza rwa MUKANKUSI Rose.

Ku wa 20 Ukwakira 2003, MUKANKUSI Rose utuye mu Kagari ka Gatare, Umurenge wa Kavumu, Akarere ka Kisaro mu Ntara ya Byumba yandikiye Komisiyo asaba kurenganurwa kugira ngo urubanza n° R.C.A 348/XXX/89/By rukomeje gutinda mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Byumba ruburanishwe.

Mu rubanza n° R.C.A 348/XIX/89/By MUKANKUSI Rose aburana umurima na MUCYARA Spéciose mu Rukiko rwa mbere rw'Iremezo rwa Byumba kuva ku wa 28 Nzeri 1989. Urwo rubanza rwahamagawe kuburanishwa ubwa mbere ku wa 15 Gicurasi 2001 ntirwaburanishwa.

Mu ipererereza ryakozwe, Komisiyo yasanze urubanza rwarahamagawe inshuro cumi n'imwe nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira :

Itariki y'urubanza	Icyagaragariye Komisiyo
6/2/2001	Umuburanyi wa MUKANKUSI Rose ntiyabonetse
29/5/2001	Ababuranyi bombi ntibabonetse
16/1/2002	Impamvu ntiyamenyekanye
5/3/2002	Impamvu ntiyamenyekanye
4/6/2002	Umuburanyi wa MUKANKUSI Rose uhamagarwa ahatazwi ntiyabonetse
24/9/2002	Umuburanyi wa MUKANKUSI Rose uhamagarwa ahatazwi ntiyabonetse, kandi n'Ubushinjacyaha ntibwabonetse
8/1/2003	Umuburanyi wa MUKANKUSI Rose ntiyabonetse
23/4/2003	Umuburanyi wa MUKANKUSI Rose ntiyabonetse
2/5/2003	Umuburanyi wa MUKANKUSI Rose ntiyabonetse

20/10/2003	Umuburanyi wa MUKANKUSI Rose ntiyabonetse
26/11/2004	Abacamanza ntibabonetse kuko hari habaye inama y'abakozi b'Urukiko rw'Intara

Komisiyo yandikiye Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Byumba ibaruwa n° CRDH/137/04 imusaba kuyimenyesha imiterere y'ikirego cya MUKANKUSI kugira ngo ibone uko igikurikirana, ntiyasubizwa.

Ku wa 8 Nzeri 2004, intumwa za Komisiyo zageze ku Rukiko rw'Intara ya Byumba mu rwego rwo gukurikirana iyo dosiye, bazibwira ko bariho bakora ijonjora ry'amadosiye. Izo ntumwa zabwiwe ko mu mpera z'Ukwakira 2004 bazaba barangije icyo gikorwa, bityo dosiye zikazajya mu nkiko zibifitiye ububasha.

Kugeza ku wa 17 Ugushyingo 2004, ubwo Komisiyo yasubiraga ku Rukiko rw'Intara ya Byumba, basanze iyo dosiye ntakirayikorwaho.

Komisiyo irasaba ko urubanza rwaburanishwa vuba kubera ko rumaze imyaka myinshi.

8. Urubanza rwa NDEMEZO Appolinaire.

Ku wa 9 Ukuboza 2003, NDEMEZO Appolinaire utuye mu Kagari ka Munini, Umurenge wa Shangasha, Akarere ka Rushaki, Intara ya Byumba yandikiye Komisiyo asaba kurenganurwa urubanza n° R.C. 322/XXVII/01/BY ruri mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Byumba aregera indishyi z'akababaro zikomoka ku rubanza nshinjabyaha yaburanye, rukaburanishwa ntahore asiragira.

NDEMEZO Appolinaire yarashwe n'umupolisi witwa RUBAYIZA John w'icyahoze ari Komini Mukarange bimuviramo gucika ukuguru. Ubushinjacyaha bwareze uwo mupolisi mu rubanza n° RMP 13.188/CT/S3/AD/RBS - RP 434/XXI/1999/By rwaburanishijwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Byumba, aratsindwa. Ahereye ku rubanza nshinjabyaha n° RP 434/XXI/1999/By, NDEMEZO Appolinaire yaregeye indishyi, urubanza rwandikwa kuri n° R.C. 322/XXVII/01/BY. Urukiko rwategetse ko Komini Mukarange, ubu yabaye Akarere ka Rushaki, igoboka mu rubanza.

Urubanza rwahamagajwe inshuro eshatu Ubuyobozi bw'Akarere ka Rushaki butitaba ngo NDEMEZO Appolinaire aburanishwe, yongeye guhora asiragira ku Rukiko.

Nyuma y'amaperereza, Komisiyo yandikiye Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Byumba, ku wa 8 Kamena 2004, yifuza kumenya iby'icyo kirego ariko ntiyabona igisubizo.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, urubanza n° R.C. 322/XXVII/01/BY rwari rutaraburanishwa. Komisiyo yamenye ko nyuma y'ivugurura ry'inzego z'ubucamanza urwo rubanza rwoherejwe mu Rukiko rw'Akarere ka Rushaki ku wa 13 Ukwakira 2004, ruhabwa n° RC 138/R1/04/TD/RKI. Komisiyo kandi yamenye ko uru rubanza rwari ruteganyijwe kuburanishwa ku wa 22 Gashyantare 2005.

Komisiyo iributsa ko NDEMEZO Appolinaire yacitse ukuguru kandi hari amategeko ateganya ukwitabwaho kwihariye ku bantu bafite ubumuga, nk'ingingo ya 18 y'Amasezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage ivuga ko "*abakambwe cyangwa abamugaye nabo bafite uburenganzira bwo kwitabwaho by'umwihariko hakurikijwe ibyo bakeneye ku mubiri cyangwa mu bitekerezo*".

Komisiyo irasanga kuba Akarere ka Rushaki kataritabye byaratumye urubanza rusubikwa kenshi. Komisiyo yagiye igaragaza mu maraporo yayo ko ubuyobozi budakunze kwitaba inkiko bigatuma bamwe mu bo bushinzwe kurengera bubarenganya.

Komisiyo irasaba Minisiteri ifite mu nshingabo zayo ubutegetsi bw'igihugu gukurikirana abayobozi bitwara batyo.

9. Urubanza rwa RUTABAGUZA Jean.

Ku wa 26 Gashyantare 2004, RUTABAGUZA Jean utuye mu Murenge wa Zoko, Akarere ka Kisaro, Intara ya Byumba yandikiye Komisiyo asaba ko yamufasha kugira ngo urubanza yashyikirije Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Byumba kuva mu mwaka w'2002 aburana inka n'imirima na MUKANKUBANA Agnès ruburanishwe.

RUTABAGUZA Jean aburana n'umugore we MUKANKUBANA Agnès batakibana mu nzu urubanza rushingiye ku nka n'imirima. Urwo rubanza MUKANKUBANA Agnès yarezemo RUTABAGUZA Jean rwatangiriye mu Rukiko rwa Kanto ya Buyoga ku wa 7 Mutarama 2002 rufite n° R.C. 04/I/2002/BYG, RUTABAGUZA Jean aratsindwa. Urukiko rwemeje ko umutungo w'urugo ugomba gucungwa n'umugabo afatanyije n'umugore we MUKANKUBANA . RUTABAGUZA Jean ntiyishimiye imikirize y'urubanza, arujuririra mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Byumba ku wa 05/4/2002, nyuma y'ivugurura ry'inzego z'ubucamanza urubanza ruri mu Rukiko rw'Intara ya Byumba, rukaba rwarahawe N° RCA. 0049/04/BBA- RCA. 206/XXIX/02/BY.

Mu rwego rwo gukurikirana iyo dosiye, ku wa 28 Kamena 2004 intumwa za Komisiyo zagiye ku Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Byumba kureba impamvu zatumye urwo rubanza rutinda cyane kuburanishwa. Izo ntumwa zasanze rwaragiye ruhamagazwa ku matariki atandukanye, rugasubikwa kenshi nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira :

Itariki y'urubanza	Icyagaragariye Komisiyo
30/10/2002	Umuburanyi wa MUKANKUBANA ntiyitabye
06/11/2002	Batumwe ibyemezo by'uko bashyingiranywe
27/11/2002	Inteko y'Urukiko ntiyari yuzuye
6/2/2003	Impamvu ntizamenyakanye
9/4/2003	Ababuranyi bombi ntibitabye
28/5/2003	MUKANKUBANA ntiyitabye kubera kuvunika ukuguru
25/6/2003	Impamvu ntizamenyekanye
23/7/2003	MUKANKUBANA ntiyitabye kandi nta cyerekana ko yabonye urupapuro rumuhamagara
22/10/2003	Ababuranyi bombi ntibitabye
28/1/2004	Impamvu ntiyashoboye kumenyakana

5/2/2004	Inteko y'Urukiko ntiyari yuzuye
17/2/2004	Uwo munsi amasaha y'akazi yarangiye bataburanye
25/2/2004	Abacamanza barutangiye ntibabonetse
18/3/2004	Ababuranyi bombi ntibitabye.

Ku wa 28 Kamena 2004 Komisiyo yandikiye Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Byumba ibaruwa n° CRDH/162/04 imumenyesha ikirego yagejejweho, ntiyasubiza.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yamenye ko urubanza n° RCA. 0049/04/BBA-RCA. 206/XXIX/02/BY rwaciwe, Urukiko rw'Intara ya Byumba rutegeka RUTABAGUZA na MUKANKUBANA gufatanya gucunga umutungo bafitanye ugizwe n'inka ebyiri n'inzu MUKANKUBANA abamo.

Komisiyo irasanga urubanza rwaragiye rusubikwa kenshi ahanini ku mpamvu nyinshi zaturutse ku Rukiko, iryo subikwa rikaba ryaravukije ababurana uburenganzira ku rubanza ruburanishijwe mu gihe giciriritse.

- **Imanza zitarangizwa**

1. **Urubanza rwa KABERA Théoneste.**

Ku wa 20 Kanama 2003, KABERA Théoneste ubarizwa mu Murenge wa Gakirage, Akarere ka Kahi, Intara y'Umutara, yandikiye Komisiyo ayigezaho akarengane we na mugenzi we KAYONGA Tito bagiriwe na Minisiteri y'Ubuzima.

KABERA Théoneste avuga ko, we na KAYONGA Tito, ku wa 30 Ugushyingo 1997, birukanywe mu buryo bw'akarengane ku bitaro bya Nyagatare aho bakoraga akazi k'ubuzamu. Umukoresha yabaregaga kuba baribishije ipikipiki y'ibitaro. Iperereza ryakozwe na polisi ryagaragaje ko nta bimenyetso byatuma bakurikiranwa mu bucamanza.

Bimaze kugaragara ko atari bo bibishije iyo pikipiki, ndetse abayibye bakaba bari bamaze gufatwa, KABERA Théoneste na KAYONGA Tito basabye gusubizwa mu kazi umukoresha arabangira. Ikibazo cyabo bagishyikirije Umugenzuzi w'Umurimo mu Ntara y'Umutara.

Ku wa 10 Mata 2000, Umugenzuzi w'Umurimo mu Ntara y'Umutara yandikiye ubuyobozi bw'ibitaro bya Nyagatare abasabira imbabazi, nyuma y'iyo baruwa KAYONGA Tito asubizwa mu kazi ariko KABERA Théoneste baramwangira.

Ku wa 26 mata 2001, KABERA Théoneste yareze Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rw'Intara y'Umutara, urubanza ruhabwa n° RC002/R1/01/MTR. Rwaraburanishijwe ruza gusomwa ku wa 17 Nzeri 2002. Urukiko rwategetse Leta y'u Rwanda (Minisiteri y'Ubuzima) yari imaze gutsindwa gusubiza KABERA Théoneste ku kazi, ikamuha n'amafaranga ibihumbi magana atatu na mirongo inani na bine na magana atanu (384.500 FRw) y'indishyi z'akababaro hamwe n'ayo yakoresheje mu rubanza.

Ku wa 13 Ukwakira 2003, Komisiyo yabonanye n'ushinzwe ubutegetsi mu bitaro bya Nyagatare, GAPINGI Sophonie, ayibwira ko Minisiteri y'Ubuzima iramutse yemeye gusubiza KABERA Théoneste ku kazi, ikemera no kumuhemba, bo nta kibazo bamwakira.

Ku birebana n'indishyi KABERA Théoneste yatsindiye, GAPINGI Sophonie yavuze ko icyo kibazo kireba Minisiteri y'Ubuzima.

Komisiyo iragaya ubuyobozi bw'Ibitaro bya Nyagatare kuba bwaragaragaje ivangura mu gihe KABERA Théoneste yangirwa gusubira ku kazi kandi mugenzi we baregwaga icyaha kimwe yarashubijwemo.

Komisiyo irasaba kandi Minisiteri y'Ubuzima kubaha ibyemezo by'inkiko, KABERA Théoneste agahabwa amafaranga ye yose nta mananiza.

2. **Urubanza rwa URAYENEZA Séraphine.**

Ku wa 28 Ugushyingo 2003, URAYENEZA Séraphine ubarizwa mu Kagari ka Kigali, Umurenge wa Rwahi, Akarere ka Shyorongi, Intara ya Kigali-Ngali yagejeje ikirego cye kuri Komisiyo cyerekeranye n'uko adahabwa ibyo yatsindiye mu Rukiko.

URAYENEZA afite urubanza n° RC 7380/84 yaburanye n'umugabo we wari waramutaye. Rwaburanishirijwe mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali, rusomwa ku wa 26 Nzeri 1985. URAYENEZA yasabaga ko UZARIBARA Gérard, wari umugabo we (ubu wapfuye), amugenera umutungo wo kureresha umwana babyaranye. Urwo rubanza URAYENEZA yararutsinze, ariko ntirwarangizwa ku buryo isambu yatsindiye yabagamo umugore muto n'abana yabyaranye n'UZARIBARA.

Handitswe inzandiko ebyiri zisaba irangizarubanza ariko ntaryakozwe :

- Ku wa 18 Kanama 2003, ibaruwa ifite n° 396/07.04/02 Umuyobozi w'Akarere ka Shyorongi yandikiye Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Rwahi amusaba kurangiza urubanza n° RC 7380/84;
- Ku wa 11 Ugushyingo 2003, ibaruwa ifite n° 484/06.04/H.S/B.A yanditswe n'Umuhesha w'Inkiko mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali yibutsa Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Rwahi kurangiza urubanza rwa URAYENEZA Séraphine. Nyamara ibyo byose ntacyo byatanze.

Kubera ko Umuyobozi w'Akarere yari yareguye, intumwa ya Komisiyo yabonanye n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ku wa 4 Kamena 2004, baganira kuri icyo kibazo, yemera ko azagihagurukira vuba.

Komisiyo yakomeje ipererereza isanga urubanza rwararangijwe ku wa 18 Kanama 2004 n'umusimbura w'Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Rwahi witwa MPABUKA Phocas.

N'ubwo ikibazo cyarangiye, ubuyobozi bw'akarere, by'umwihariko umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Rwahi, barangaranye icyo kibazo.

Komisiyo ikaba isanga abayobozi nk'abo bakwiye gukurikiranwa, naho ubundi byaba ari ukorora akarengane.

3. **Urubanza rwa NTAMITARIZO Xavier.**

Ku wa 27 Nyakanga 2004, NTAMITARIZO Xavier utuye mu Kagari ka Rukore, Umurenge wa Ruhinga I, Akarere ka Bugarura, Intara ya Ruhengeri yagejeje kuri Komisiyo ikibazo kirebana no kutarangirizwa urubanza yatsinze.

NTAMITARIZO Xavier arega ushinzwe ibibazo by'abaturage, MBARUSHIMANA Christophe, avuga ko yamunanije mu kumurangiriza urubanza yaburanye na BIGIRABAGABO Gabriel.

NTAMITARIZO Xavier yaburanye isambu na BIGIRABAGABO, baburanira mu Rukiko rwa Kanto ya Bugarura mu rubanza n° RC 108/RI/2000, BIGIRABAGABO aratsindwa, ajuririra mu izina ry'ishyirahamwe ABATERANKUNGA mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo avuga ko iyo sambu atari iye ahubwo ari iy'ishyirahamwe kandi bakaba barayitijwe n'Akarere ka Bugarura. Urubanza rwahawe n° RCA 22252/R55/2000, rusomwa ku wa 28 Werurwe 2003, nabwo NTAMITARIZO Xavier arabatsinda.

Ku wa 13 Ugushyingo 2003, Umuhesha w'Inkiko mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Ruhengeri agiye kururangiza, Akarere kabyitambikamo kavuga ko isambu itari iya BIGIRABAGABO ahubwo ko ari iyo Akarere kabatije. Kakoze ibi kandi katari karagobotse mu rubanza ndetse kari karahaye NTAMITARIZO icyemezo cy'uko isambu ari iye.

Ku wa 2 Kanama 2004, intumwa za Komisiyo mu Ntara ya Ruhengeri zagiye kureba umukozi ushinzwe ibibazo by'abaturage wavuzwe haruguru mu Karere ka Bugarura, zimubaza impamvu banga kurangiza urubanza, zimwereka ko nta mpamvu bagomba guhagarika irangizarubanza. Yabwiye izo ntumwa ko ku wa 9 Kanama 2004, azaza kururangiza, ahubwo asaba ko zaba zihari.

Iyo tariki igeze, intumwa za Komisiyo zaramutegereje ziramuheba ; ku wa 18 Kanama 2004 zisubirayo, noneho azereka urwandiko Akarere kandikiye NTAMITARIZO kamumenyesha ko isambu iri mu gishanga kandi igishanga akaba ari icya Leta. Zasanze urwo rwandiko, bataboneye kopi, rwaranditswe ku wa 13 Kanama 2004. Ibi bikaba bigaragara ko bamwe mu bayobozi b'Akarere ka Bugarura bashobora kuba bafite inyungu ku giti cyabo muri iyo sambu NTAMITARIZO yatsindiye kuva kera.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Ubuyobozi bw'Akarere ka Bugarura bwamenyesheje intumwa za Komisiyo mu Ntara ya Ruhengeri ko bugiye gutumaho NTAMITARIZO bukamurangiriza urubanza, ariko bugahita buhamwaka ngo bushingiye ku itegeko rigena uburyo ibidukikije bibungabungwa.

Ku 16 Ugushyingo 2004, ubwo izo ntumwa za Komisiyo zajyaga kureba Umuyobozi w'Akarere ka Bugarura, yazimenyesheje ko yasabye Umuyobozi ushinzwe Ubutegetsi na Politiki,

witwa MBARUSHIMANA Christophe, kugira ngo yandikire NTAMITARIZO amumenyesha igihe bazazira kurangiza urubanza ariko ntiyabikora.

Komisiyo iragaya Ubuyobozi bw'Akarere ka Bugarura burenganya abo bushinzwe kurenganura nka NTAMITARIZO wavukijwe uburenganzira ku mutungo we ndetse ubwo buyobozi ntibwubahirize n'ibyemezo by'Inkiko.

Komisiyo iragaya kandi kutavugisha ukuri kw'abayobozi b'Akarere kuri iki kibazo.

Komisiyo irasaba ko Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage yakora ibishoboka byose icyo kibazo kikarangizwa kandi igafatira ibyemezo abayobozi bose bagize uruhare mu irenganywa rya NTAMITARIZO.

4. **Urubanza rwa NYIRABASARE Zayina.**

Ku wa 12 Kamena 2004, NYIRABASARE Zayina utuye mu Kagari ka RUREMBO, Umurenge wa RUBONA, Akarere ka NYAMYUMBA, Intara ya Gisenyi, yandikiye Komisiyo asaba ko urubanza yatsindiye rwarangizwa.

NYIRABASARE yamenyesheje Komisiyo ko yahutajwe n'ipikipiki ku wa 2 Ugushyingo 2001 bikaba byaramuteye ububabare ku mubiri. Mu rubanza n° R.P 843/R3/2003 rwasomwe ku wa 6 Gicurasi 2003, urukiko rwategetse NTIRUGIRIMBABAZI Donatien wari utwaye ipikipiki gutanga amafaranga y'indishyi ibihumbi ijana (100.000 FRw) yanga kuyishyura.

NYIRABASARE Zayina yamenyesheje Komisiyo ko yasabye Umuhesha w'Inkiko mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gisenyi kumurangiriza urubanza, avuga ko adafite amafaranga y'imodoka yo kujya kururangiza.

Intumwa za Komisiyo zabonanye na Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa GISENYI ku wa 18 Kamena 2004, azibwira ko agiye gukurikirana icyo kibazo. Yongeyeho ko agiye kuzatumiza ubwa nyuma NTIRUGIRIMBABAZI Donatien kugira ngo abazwe impamvu atishyura, yakomeza kwanga kwishyura ayo mafaranga akazavanwa mu bye ku ngufu za Leta.

Ahamagajwe ku wa 28 Kamena 2004 na Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gisenyi**,** NTIRUGIRIMBABAZI Donatien yamusobanuriye ko kutishyura yabitewe n'ibibazo yagize, yemera kujya yishyura amafaranga ibihumbi makumyabiri (20.000 FRw) buri kwezi guhera ku wa 28 Nyakanga 2004 kugeza igihe azarangiriza kwishyura ndetse aranabisinyira.

Mu gihe Komisiyo yateguraga raporo, yamenye ko NTIRUGIRIMBABAZI Donatien atagituye mu Ntara ya Gisenyi.

Komisiyo izakomeza gukurikirana iki kibazo kugira ngo imenye niba NYIRABASARE Zayina yarishyuwe amafaranga yose.

5. **Urubanza rwa NDEREYEMUNGU Augustin.**

Ku wa 5 Mutarama 2004, NDEREYEMUNGU Augustin ubarizwa i Gihundwe A , Umujyi wa Kamembe, Intara ya Cyangugu yandikiye Komisiyo asaba ko yamufasha hakarangizwa urubanza

n° R.C. 1539/R4/98 rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Cyangugu ku wa 17 Ukwakira 1999 yaburanye n'icyahoze ari Komine Gishoma n'umuturage RYANZEKWIRA Sylvestre akabatsindira amafaranga ibihumbi magana ane na mirongo itatu na bitatu na magana atatu mirongo inani (433.380 FRw) hamwe n'isambu.

Komisiyo yabimenyesheje Umuyobozi w'Akarere ka GASHONGA karimo icyahoze ari Komini Gishoma, Intara ya CYANGUGU, ku wa 31 Werurwe 2004, imusaba kuyigezaho uko icyo kibazo giteye n'umwanzuro baba baragifatiye.

Ku wa 25 Gicurasi 2004, Umuyobozi w'Akarere ka GASHONGA yasubije mu ibaruwa n° 539/07.16/07, yandikiye Umukuru w'Intara ya Cyangugu agenera Komisiyo kopi, avuga ko ayo mafaranga Akarere kayamuhaye ku wa 11 Gicurasi 2004 hakaba hasigaye ikibazo cy'isambu kiri mu maboko y'Umuhesha w'Inkiko mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Cyangugu bakaba biteguye kumufasha ku byo azabakeneraho biri mu nshingano zabo.

Ku wa 25 Ukwakira 2004, intumwa ya Komisiyo yabonanye na NDEREYEMUNGU Augustin agaragaza inyandikomvugo y'irangiza ry'urubanza ryakozwe ku wa 18 Mata 2000 n'Umuhesha w'Urukiko KAYIHURA Ephraim.

Cyakora, nyuma y'ipererereza, Komisiyo yasanze NDEREYEMUNGU yararangirijwe urubanza ariko hagasigara igice cy'isambu kingana na m 32 kuri m 22,5 gituwemo n'umuryango wa SEGATARAMA François.

Ku wa 28 Ukwakira 2004, intumwa ya Komisiyo yabonanye n'Umuyobozi wungirije ushinzwe Imibereho Myiza hamwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa mu Karere ka Gashonga mu rwego rwo kumenya impamvu Akarere katarangiza urwo rubanza ngo NDEREYEMUNGU Augustin ahabwe igice gisigaye bavuga ko Akarere kadashobora kurangiza urubanza kabayemo umuburanyi ahubwo ko kafasha Umuhesha w'Inkiko uzaza kururangiza kugira ngo ibyemezo azafata bizubahirizwe.

Komisiyo iragaya Ubuyobozi bw'Akarere ka Gashonga kuko, nk'abayobozi bashinzwe kurenganura abaturage, bagombaga kwibwiriza kurangiza urubanza badategereje Umuhesha w'Inkiko. Na none kandi amafaranga yishyuwe yatanzwe bitinze.

6. **Urubanza rwa KAYITABA NYIRANDEGE Marie.**

Ku wa 6 Gashyantare 2004, KAYITABA NYIRANDEGE Marie utuye mu Kagari ka Gisagara, Umurenge wa Rugeza, Akarere k'Impala, Intara ya Cyangugu yagejeje kuri Komisiyo ikibazo cy'uko urubanza n° R.C. 3788/2001 rwaciwe n'Urukiko rwa Kanto ya Gafunzo aburana n'umuhungu we NSENGUMUREMYI Emmanuel umutungo yasigiwe n'umugabo we rutarangizwa.

Urukiko rwa Kanto ya Gafunzo rwakijije ku wa 5 Ugushyingo 2001 urubanza n° R.C. 3788/2001 hagati ya KAYITABA NYIRANDEGE Marie n'umuhungu we NSENGUMUREMYI baburanaga umutungo ugizwe n'isambu irimo ibikorwa wasizwe n'umugabo we. Urukiko rwaciye urwo rubanza, rutegeka ko : « NSENGUMUREMYI areka NYIRANDEGE akishyira akizana mu bintu yasigiwe n'umugabo we KAYITABA». Urwo rubanza ntirwigeze rurangizwa ngo kubera ko Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Rugeza ashaka kururangiza uko urukiko rutabitegetse.

Ku wa 16 Kamena 2004, Komisiyo yandikiye Umuyobozi w'Akarere k'Impala yifuza kumenya impamvu urwo rubanza rutarangizwa, ibaruwa ntiyasubizwa.

Intumwa ya Komisiyo yabonanye n'Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Rugeza, GAKUSI Alfred, imubaza impamvu urwo rubanza rutarangizwa. Yasubije ko yagiye kururangiza KAYITABA NYIRANDEGE Marie akanga kubera ko yabonaga atarurangiza neza.

Ku wa 10 Ugushyingo 2004, intumwa ya Komisiyo yabonanye n'impande zombi ziburana, isanga ikibazo kitarakemuka.

Komisiyo iranenga imikorere y'Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Rugeza, GAKUSI Alfred, kuko yagombaga kurangiza urubanza uko Urukiko rwabitegetse, NYIRANDENDE atanyurwa, akazaregera irangizarubanza ryakozwe nabi.

Komisiyo irasaba Ubuyobozi bw'Akarere k'Impala, kwihutira gukemura icyo kibazo hakurikijwe ibyategetswe n'Urukiko rwaciye urubanza.

7. **Urubanza rwa MUKAGAKWANDI Marie.**

MUKAGAKWANDI Marie utuye mu Kagari ka Nyagishubi, Umurenge wa Kibirizi, Akarere ka Mudasomwa, Intara ya Gikongoro yagejeje kuri Komisiyo ikirego mu magambo kirebana n'uko Ubuyobozi bw'Akarere ka Mudasomwa, budashaka kurangiza urubanza n° RCA 0453/2/98 rwo ku wa 8 Kamena 2000 MUKAGAKWANDI yatsinzemo MUSABYIMANA Zabuloni mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro rurebana n'isambu.

Intumwa za Komisiyo zaganiriye inshuro nyinshi n'Ubuyobozi bw'Akarere ka Mudasomwa, zibusaba ko bwarangiza urwo rubanza n° RCA 0453/2/98, MUKAGAKWANDI agahabwa isambu yatsindiye.

Ku wa 25 Gashyantare 2004, intumwa za Komisiyo zagiye mu Karere ka Mudasomwa ntizashobora kubonana n'Umuyobozi w'ako Karere, zibonana n'Abayobozi b'Akarere Bungirije bashinzwe urubyiruko n'abagore, bavuga ko bagiye gukora ibishoboka MUKAGAKWANDI agahabwa ibyo yatsindiye.

Ku wa 27 Mata 2004, intumwa za Komisiyo zabonanye n'Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere, MUNYAMPENDA Célestin, abaha gahunda yo kugaruka ku wa 11 Gicurasi 2004, ntiyayubahiriza. Izo ntumwa zasubiyeyo ku wa 3 Kamena 2004, Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere yongera kuziha gahunda yo kubonanira i Kibirizi aho ikiburanwa kiri ku wa 18 Kamena 2004. Iyo tariki igeze, intumwa za Komisiyo zagiye ahari ikiburanwa, zisanga abarebwa n'icyo kibazo batarabimenyeshejwe ngo bitabe. Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere yahise azibwira ko ku wa 7 Nyakanga 2004 azajya kurangiza icyo kibazo. Ariko umwaka warangiye ikibazo kitarabonerwa igisubizo.

Komisiyo iranenga imikorere y'Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere ka Mudasomwa, MUNYAMPENDA Célestin, utaragaragaje ubushake bwo gukemura ikibazo cy'umuturage

ashinzwe kurengera, ntiyubahirize ibyemezo by'Inkiko ndetse na gahunda yatanze ubwe ntazubahirize.

Komisiyo irasaba Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage gukora ibishoboka byose iki kibazo kigakemuka.

8. **Urubanza rwa MUKAKARANGWA Véronique.**

Ku wa 23 Kamena 2004, MUKAKARANGWA Véronique utuye mu Kagari ka Cyamuganza, Umurenge wa Kibyagira, Akarere ka Mudasomwa, Intara ya Gikongoro yagejeje kuri Komisiyo ikibazo kirebana no kutarangirizwa urubanza yaburanye n'umugabo we.

MUKAKARANGWA Véronique yareze umugabo we HAZABUMUHANGA mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro, asaba *"ubutane bw'agateganyo"* (séparation de corps), urubanza ruhabwa n° RC 20945/02, rusomwa ku wa 13 Ukuboza 2003.

Muri iryo kiza ry'urubanza**,** ubutane bw'agateganyo MUKAKARANGWA yasabye yarabuhawe, Urukiko rutegeka ko : "MUKAKARANGWA na HAZABUMUHANGA bakomeza gufatanya kurera abana, kugabana ku buryo bungana umutungo wimukanwa bahahanye, HAZABUMUHANGA agaha MUKAKARANGWA indishyi zingana n'amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRw)". Ariko HAZABUMUHANGA ntiyubahirije imyanzuro y'Urukiko**.**

MUKAKARANGWA yasabye Komisiyo ko yamufasha, igasaba Ubuyobozi bw'Akarere ka Mudasomwa bukarangiza urwo rubanza kuko kugeza ubwo yashyikiririzaga ikirego cye Komisiyo bari baramurangaranye.

Ku wa 30 Kamena 2004, intumwa za Komisiyo zajyanye na MUKAKARANGWA ku Karere ka Mudasomwa zisobanura uko ikibazo giteye, zereka Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere ka Mudasomwa amabaruwa abiri Umuhesha w'Inkiko mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro yandikiye abayobozi b'ako Karere abasaba kurangiza urubanza. Ayo mabaruwa yanditswe ku matariki ya 23 Mata 2004 no ku wa 6 Gicurasi 2004.

Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere ka MUDASOMWA yemeye kuzajya mu Murenge wa Kibyagira ku wa 5 Nyakanga 2004 kurangiza urwo rubanza. Ku wa 8 Nyakanga 2004, MUKAKARANGWA yasubiye ku biro bya Komisiyo mu Ntara ya Gikongoro avuga ko nta cyo bamumariye.

Ku wa 8 Nyakanga 2004, intumwa za Komisiyo zasubiye kureba Umuhesha w'Inkiko mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro, azibwira ko azigirayo kurangiza urwo rubanza ku wa 20 Nyakanga 2004.

Komisiyo yamenye ko ku wa 20 Nyakanga 2004, Umuhesha w'Inkiko mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro yatangiye kurangiza urwo rubanza, MUKAKARANGWA agahabwa amafaranga ibihumbi bitanu (5000 FRw) ; Umuhesha w'Inkiko amuha gahunda yo kumuhesha amafaranga asigaye mu matariki yo hagati mu kwezi kwa Kamena 2004, icyo gihe cyageze Abahesha b'Inkiko baravuyeho, irangiza ry'urwo rubanza riba rirahagaze.

Komisiyo yongeye kugaya Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere ka Mudasomwa uburyo yitwaye muri iki kibazo.

9. **Urubanza rwa NTOYUMUTWA Joseph.**

Ku wa 21 Mutarama 2004, NTOYUMUTWA Joseph utuye mu Kagari ka Nyakirambi, Umurenge wa Cyobe, Akarere ka Mushubi, Intara ya Gikongoro yagejeje kuri Komisiyo ikibazo kijyanye no kutarangirizwa urubanza yatsindiye.

NTOYUMUTWA Joseph yaburanye na nyina NYIRATUZA Alivera urubanza n° RC 20/1/2003 mu Rukiko rwa Kanto ya Mushubi. Urwo rubanza rwasomwe ku wa 18 Kamena 2003, NTOYUMUTWA atsindira imirima itatu, ariko akavuga ko Abayobozi b'Akarere ka Mushubi badashaka kumurangiriza urubanza. Ibyo bigaragazwa n'amabaruwa atandukanye yandikiwe abayobozi b'ako Karere ka Mushubi :

- Ibaruwa n° 1417/07 yo ku wa 4 Kanama 2003, Umukuru w'Intara ya Gikongoro yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Mushubi, amusaba gusuzuma no gukemura icyo kibazo ;
- Ibaruwa n° 024/07.15/05 yo ku wa 9 Mutarama 2004, Umuyobozi w'Akarere ka Mushubi yandikiye Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Cyobe, amusaba kurangiza urwo rubanza ;
- Ibaruwa n° GR/06.04/03 (j) 7787 yo ku wa 9 Gashyantare 2004, Umuhesha w'Inkiko mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro yandikiye Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Cyobe, amusaba kurangiza urubanza rwa NTOYUMUTWA.

Ku wa 29 Kamena 2004, intumwa za Komisiyo zabonanye n'uwari wasimbuye Umuyobozi w'Akarere wari muri konji, zimubwira ikibazo cya NTOYUMUTWA, nawe yemera ko agiye kugikurikirana, akakirangiza vuba.

Ku wa 18 Ugushyingo 2004, intumwa ya Komisiyo yabonanye n'uwari wasimbuye Umuyobozi w'Akarere isanga ntakirakorwa.

Komisiyo iragaya uwo muyobozi ugaragaza ubushake buke mu gukemura ikibazo cya NTOYUMUTWA Joseph. Komisiyo kandi iranenga imikorere y'abayobozi bamwe ibuzemo ubufatanye hagati y'inzego no gukurikirana ko ibyemejwe byashyizwe mu bikorwa bigatuma NTOYUMUTWA ahera mu gihirahiro**.**

Komisiyo irasaba ko Ubuyobozi bw'Akarere ka Mushubi bukemura icyo kibazo nta yandi mananiza.

10. **Urubanza rwa KABAZAYIRE Suzanne.**

Ku wa 26 Mutarama 2004, KABAZAYIRE Suzanne utuye mu Kagari ka RUGARI, Umurenge wa GATORE, Akarere ka RUSUMO, Intara ya KIBUNGO yandikiye Komisiyo asaba kurenganurwa agahabwa ibyategetswe n'Urukiko rwa Kanto ya Rusumo mu rubanza n° R.C.145/R1/2003 rwaciwe ku wa 18 Kamena 2003.

KABAZAYIRE Suzanne yashakanye na HABIMANA Albert mu buryo bwemewe n'amategeko babyarana abana batanu. HABIMANA yaje kumuta yishakira undi mugore.

KABAZAYIRE Suzanne yatanze ikirego mu Rukiko rwa Kanto ya Rusumo gihabwa n° RC 145/R1/2003, asaba guhabwa uburenganzira ku mutungu w'urugo.

Urukiko rwakijije urubanza ku wa 18 Kamena 2003, rutegeka HABIMANA Albert : "gutanga amafaranga ibihumbi bitanu (5.000 FRw) buri kwezi guhera mu kwezi kwa Gicurasi 2001 akajya akurwa kuri konti ye iri muri U.C.T Kibungo, kwishyura buri kwezi amafaranga ibihumbi bibiri (2.000 FRw) y'ibirarane by'indezo y'abana yari afite no kuvuza abana be igihe barwaye hakoreshejwe agatabo k'ubwisungane bw'abakozi mu kwivuza (RAMA)".

HABIMANA Albert ntiyigeze yubahiriza ibyategetswe n'Urukiko. KABAZAYIRE Suzanne yitabaje Ubuyobozi bw'Akarere ka Rusumo kugira ngo ibyategetswe n'Urukiko rwa Kanto ya Rusumo bishyirwe mu bikorwa.

Ku wa 8 Gicurasi 2003, Umuyobozi w'Akarere ka Rusumo yandikiye HABIMANA Albert amusaba kwihutira kugeza ku cyicaro cya RAMA kiri i Kayonza agatabo ke ka RAMA kugira ngo abana bandikwemo. Ibindi byategetswe mu rubanza ntiyagira icyo abivugaho.

Nyuma yo gushyikirizwa ikibazo na KABAZAYIRE Suzanne, ku wa 5 Mata 2004, Komisiyo yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Rusumo ibaruwa n°CRDH/CPL/017/04 imusaba gufasha KABAZAYIRE kubona ibyo Urukiko rwa Kanto ya Rusumo rwemeje mu rubanza n° R.C.145/R1/2003.

Ku wa 28 Mata 2004,Umuyobozi w'Akarere ka Rusumo yamenyesheje Komisiyo ko KABAZAYIRE Suzanne yabonye ibyo yasabaga byose. KABAZAYIRE Suzanne yabonanye n'uhagarariye Komisiyo mu Ntara ya Kibungo ku wa 20 Gicurasi 2004, amwemerera ko ikibazo cye cyakemutse.

11. **Urubanza rwa NYIRAHUMURE Alphonsine.**

Ku wa 26 Mata 2004, NYIRAHUMURE Alphonsine utuye mu Kagari ka Shaburondo, Umurenge wa Gishali, Akarere ka Muhazi, Intara ya Kibungo, yagejeje kuri Komisiyo ikibazo cyo kudahabwa ibyo yatsindiye mu Rukiko.

NYIRAHUMURE Alphonsine na MUKAGIHANA Domitille baburanye, mu rubanza n° RCA 1181/R4/2002/KGO, bapfa imitungo y'ababyeyi babo. Urukiko rwari rwakijije ko bose batsindaguranye, bakaba rero baragombaga kugabana ingarigari, buri wese akabona ahe. Rwemeje ko hamwe n'abandi bava inda imwe, havuyemo MUKAGIHANA wamaze kubona umunani we w'inka bagabana amafaranga ibihumbi mirongo inanani (80.000 FRw) yari yagurishijwe inka ebyiri, buri ruhande rugahabwa amafaranga ibihumbi makumyabiri (20.000 FRw).

Ubuyobozi bw'Akarere bwaje kwaka NYIRAHUMURE umugabane we uhabwa BIZIMANA, umwana wa mukuru we. Mu igabana, NYIRAHUMURE avuga ko BIZIMANA yari yazunguye nyina akaba atibaza impamvu afata no mu kwe.

Ku wa 21 Gicurasi 2004, Komisiyo yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Muhazi ibaruwa n° CRDH/CPL/034/04, isaba kumenyeshwa icyaba cyarakozwe ku kibazo cya NYIRAHUMURE Alphonsine, ibaruwa ntiyasubijwe.

Ku wa 21 Nyakanga 2004, intumwa ya Komisiyo yagiye ku Karere gukurikirana icyo kibazo. Ubuyobozi bw'Akarere buyimenyesha ko Komisiyo ishinzwe kurwanya akarengane mu Karere yagiye aho ikibazo kiri maze ibagabanya hakurikijwe uko Urukiko rwabitegetse muri "Rutegetse" igika cya kabiri (2) ivuga ko " NYIRAHUMURE akomeza gucumbika mu rugo rwa se, ntawe umubuza amahoro, kugeza igihe cyo kuzagabana izo ngarigari".

Ku wa 18 Ukwakira 2004, intumwa ya Komisiyo yagiye kureba NYIRAHUMURE, ayisobanurira ko ikibazo cyarangiye akaba ari mu bye nta kindi kibazo.

N'ubwo urubanza rwatinze kurangizwa, Komisiyo irasanga Ubuyobozi bw'Akarere ka Muhazi aho bukimenyesherejwe na Komisiyo bwarihutiye kugikemura.

12. **Urubanza rwa MUKAMUTARA Jacqueline.**

Ku wa 30 Mutarama 2004, MUKAMUTARA Jacqueline utuye mu Kagari ka Tyazo, Umurenge wa Rusengesi, Akarere ka Gisunzu, Intara ya Kibuye yandikiye Komisiyo avuga ko yaburanye na UZABAKIRIHO amasambu atatu, mu rubanza n° R.C.027/R35/1996 rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kibuye ku wa 10 Ukwakira 1996 aratsinda, ariko ngo kuva urwo rubanza ruciwe ntirurarangizwa.

Ku wa 27 Kanama 1996, MUKAMUTARA Jacqueline yareze sebukwe SEBAHIMA mu Rukiko rwa Kanto ya Bwakira. Yamureze kumuhuguza imirima ine y'umunani y'umugabo we GATORANO, umwe muri iyo mirima urimo ishyamba. Urubanza rwahawe n° R.C. 027/R35/1996.

UZABAKIRIHO wabanye na GATORANO mu buryo butemewe n'amategeko, akamutungira muri iyo mirima, bakabyarana abana batatu yahatiwe kuburana muri urwo rubanza.

Urukiko rwa Kanto ya Bwakira rwakijije urwo rubanza ku wa 18 Ukwakira 1996 rwemeza ko «MUKAMUTARA Jacqueline na SEBAHIMA batsinze, SEBAHIMA atsindiye kuba nta ruhare yagize mu guhuguza imirima MUKAMUTARA Jacqueline, ko UZABAKIRIHO wahatiwe kuburana atsinzwe kuko yashatse guhuguza imirima MUKAMUTARA Jacqueline».

Ipererereza ryakozwe na Komisiyo ryasanze icyo kibazo inzego zagiye kukirangiza zaranyuranyaga n'uko urubanza rwaciwe, MUKAMUTARA akabyanga. Ibyo byagaragaye muri raporo yo ku wa 19 Werurwe 2003 Umuyobozi ushinzwe Politiki n'Ubutegetsi mu Ntara ya Kibuye, HAKIZIMANA J.B., yakoze kuri icyo kibazo, aho yagiye kurangiza urwo rubanza ntihitabweho uko rwaciwe.

Mu mwanzuro wa raporo ye, Umuyobozi ushinzwe Politiki n'Ubutegetsi mu Ntara ya Kibuye, HAKIZIMANA J.B. avuga ko «kuba MUKAMUTARA Jacqueline yitwaza ko yaburanye n'UZABAKIRIHO mu Rukiko rwa Kanto akamutsinda, atari byo byatuma afata ibyo yishakiye mu mutungo w'umugabo». Arongera akavuga ko «nta mpamvu n'imwe yatuma MUKAMUTARA Jacqueline akomeza kuvuga ko yanyazwe n'umugabo we kandi aho avuga atarigeze ahatunga ku buryo buzwi».

Ku wa 2 Gashyantare 2004, Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere ka Gisunzu, MUSABYIMANA Théophile, yabwiye intumwa za Komisiyo ko MUKAMUTARA Jacqueline adakwiye guhabwa ibyo yatsindiye byose kandi hari abana umugabo we yabyaranye n'undi mugore n'ubwo babanye mu buryo butemewe n'amategeko. Ndetse n'umuhuzabikorwa w'Umurenge, NDERABAKURA, niko yumva icyo kibazo. Komisiyo isanga icyo kibazo, kiramutse kibayeho, cyakurikiranwa n'Urukiko kuko kitareba ubuyobozi bw'Akarere.

Izo ntumwa zamusobanuriye ko agomba kurangiza urwo rubanza uko rwaciwe kuko abatsinzwe batajuriye naho ikibazo cy'abana kikazarangizwa n'inkiko. Yemeye kuzahuza impande zose zirebwa n'icyo kibazo akarangiza urubanza.

Ku wa 4 Ugushyingo 2004, mu rwego rwo gukurikirana icyo kibazo, intumwa za Komisiyo zasanze urwo rubanza rutararangizwa. MUKAMUTARA Jacqueline yazisobanuriye ko ubuyobozi bw'Akarere ka Gisunzu bwamuhaye gahunda yo kumukemurira ikibazo inshuro ebyiri ntibubikore. Uruhare runini ngo rukaba rugaragarira ku Muhuzabikorwa w'Umurenge wa Rusengesi, intumwa za Komisiyo zitashoboye kubona uwo munsi kuko yari yitabye Polisi ya Kibuye.

N'ubwo hari amabaruwa menshi yanditswe kugira ngo iki kibazo gikemuke, byagaragariye Komisiyo ko habaye ubushake buke mu kurangiza icyo kibazo buherereye ku Muhuzabikorwa w'Umurenge wa Rusengesi. Ibyo byerekanwa n'uko yari yemereye intumwa za Komisiyo ku wa 5 Gashyantare 2004, kurangiza urwo rubanza ntabikore. Byerekanwa kandi n'inyandiko yohererejwe n'inzego zimukuriye ngo arangize icyo kibazo ariko nabwo ntabikore :

- Ibaruwa n° 0836/07.17/03 yo ku wa 8 Ukuboza 2003 y'Umuyobozi w'Agateganyo w'Akarere ka Gisunzu, MUSABYIMANA Théophile, yandikiye Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Rusengesi amusaba kwihutisha kurangiza urubanza n° R.C.027/R35/1996 MUKAMUTARA Jacqueline yaburanye na UZABAKIRIHO mu Rukiko rwa Kanto ya Bwakira agatsinda ;
- Ibaruwa n° 103/07.17 yo ku wa 21 Mutarama 2004, Umukuru w'Intara ya Kibuye yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Gisunzu, agaha kopi Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Rusengesi amusaba kurangiza urubanza rwa MUKAMUTARA.

Komisiyo yamenye ko Umukuru w'Akarere ka Gisunzu yahaye MUKAMUTARA Jacqueline gahunda yo kujya kurangiza urwo rubanza 8 Ugushyingo 2004 ariko nabwo ntajyeyo.

Komisiyo irasanga Umuyobozi w'agateganyo w'Akarere ka Gisunzu, MUSABYIMANA Théophile, yarivuguruje mu magambo no mu ibaruwa yanditse akaba we n'Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Rusengesi, NDERABAKURA Mathias, bafite uruhare rutaziguye mu kurenganya

MUKAMUTARA. Ikindi kibazo gikomeye ni uko abo bayobozi bombi bafashe icyemezo cyo kuvuguruza ibyemezo by'unkiko.

Komisiyo irasaba Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage gukora ibishoboka iki kibazo kikarangira kandi aba bayobozi bagafatirwa ibyemezo.

13. **Urubanza rwa SEMINARI Djuma.**

Ku wa 19 Ukwakira 2003, SEMINARI Djuma utuye mu Kagari ka Rubona, Umurenge wa Kibirizi, Umujyi wa Kibuye, Intara ya Kibuye yagejeje kuri Komisiyo ikibazo cyerekeranye no kutarangirizwa urubanza n'Umuhesha w'Inkiko mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kibuye.

SEMINARI Djuma yareze MUNYANGANGO Japhet, NZANANA Emile na IYOMENYAKARE Amiel mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kibuye asaba kwishyurwa imodoka ya NYIRIBARAZA Augustin (SEMINARI Djuma amubereye se wabo) basahuye mu mwaka w'1994. Urubanza rwahawe n° RC 17/66/98, rukizwa ku wa 16 Mata 1999, SEMINARI Djuma ararutsinda. Urukiko rwategetse ko, ku giti cye, MUNYANGANGO Japhet ariha umuryango uhagarariwe na SEMINARI Djuma amafaranga miliyoni cumi n'eshatu ibihumbi magana atanu na mirongo itanu na birindwi na magana atanu (13.557.500 FRw) agizwe n'amafaranga akomoka ku kazi imodoka yakoraga n'indishyi y'akababaro. Kuva icyo gihe, urubanza ntirurarangizwa kandi rutarigeze rujuririrwa.

SEMINARI Djuma avuga ko habaye ibarura ry'umutungo wa MUNYANGANGO Japhet kugira ngo uzatezwe cyamunara, ariko ubu MUNYANGANGO Japhet ngo yaba yaratangiye kuwunyereza anawushyira ku bandi kugira ngo utazagurishwa kandi n'Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Kibirizi, KAYITARE Alexis, nawe ngo akaba abigiramo uruhare kuko bigurishwa abizi ntabibuze.

Ikindi SEMINARI Djuma avuga ni uko Umuhesha w'Inkiko mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kibuye, MUSABYIMANA M., abona yaragize ubushake buke mu kumurangiriza urubanza.

Icyagaragaye mu iperereza Komisiyo yakoze, ni uko SEMINARI Djuma afite impapuro zerekana ko yatsinze urubanza n'inyandikomvugo y'ifatira ry'umutungo wa MUNYANGANGO Japhet ngo utazagurishwa yo ku wa 27 Ugushyingo 2002.

Ku wa 10 Gashyantare 2004, intumwa za Komisiyo zabajije Umuhesha w'Inkiko mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kibuye impamvu atarangiza icyo kibazo. Yazibwiye ko yagiye guteza cyamunara ibintu bya MUNYANGANGO Japhet bikabura abaguzi hanyuma bigasubikwa.

Ku kibazo cy'ibintu MUNYANGANGO Japhet yaba agurisha kandi biri mu mutungo ugomba gutezwa cyamunara, yabasubije ko yabwiye SEMINARI Djuma ko niba ibyo bintu byarakozwe yamushyikiriza inyandiko y'ibyagurishijwe, ubundi ababigura n'ubigurisha bagashyikirizwa Parike. Komisiyo isanga ibyo bisobanuro bidahagije kuko Umuhesha w'Inkiko nawe afite inshingano zo kurinda no gukurikira kugira ngo ibizavamo ubwishyu bitarigiswa.

Iki kibazo cyo kutarangiza urubanza cyagejejwe ku buyobozi bw'Umujyi wa Kibuye n'ubw'Intara ya Kibuye ariko nticyakemuka.

Komisiyo nayo yasabye izo nzego kurangiza icyo kibazo, ntizagira icyo zigikoraho.

Ku wa 28 Ukwakira 2004, SEMINARI Djuma yashyikirije Umushinjacyaha wa Repubuklika mu Ntara ya Kibuye ikirego cy'ibintu byagurishijwe kandi byarafatiriwe.

Komisiyo irasanga muri icyo kibazo cya SEMINARI Djuma, abayobozi bashinzwe kukirangiza barabyangiriye nkana.

Komisiyo irasaba Minisiteri y'Ubutabera na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage gukora ibishoboka kugira ngo SEMINARI Juma arenganurwe kandi abafite uruhare mu idindizwa ry'icyo kibazo babihanirwe.

14. **Urubanza rwa MUHATSI Eustache.**

Ku wa 25 Gashyantare 2004, HAGENIMANA Primitiva utuye mu Kagari ka Nyakarambi, Umurenge wa Sanza, Akarere ka Budaha, Intara ya Kibuye yagejeje kuri Komisiyo ikibazo kirebana n'uko umubyeyi we, MUHATSI Eustache, atarangirizwa urubanza.

HAGENIMANA Primitiva avuga ko umubyeyi we, MUHATSI Eustache, yatsinze uwitwa KAYITABA Jean mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kibuye mu rubanza n° RCA 296/58/87 yasabyemo indishyi z'amafaranga ibihumbi bitandatu (6.000 FRw) z'ubwone bwo mu murima we.

Urubanza rwaciwe ku wa 14 Gicurasi 1988, kuva icyo gihe urwo rubanza ntirurarangizwa. HAGENIMANA akaba asaba ko bahabwa ibyo batsindiye hashize imyaka 16.

Ku wa 31 Ukwakira 2004, ubwo intumwa za Komisiyo zajyaga kumureba yazibwiye ko urubanza rutararangizwa, ko Komisiyo yo guca akarengane mu rwego rw'Intara ifatanyije n'Umuyobozi w'Intara yari yamuhaye gahunda ku wa 16 Kanama 2004 hanyuma ntiyaboneka kubera akazi kayitunguye mu Karere ka Rutsiro.

Komisiyo irasaba Ubuyobozi bw'Intara ya Kibuye gukemura iki kibazo vuba kuko irangizwa ry'uru rubanza ryadindijwe bikabije.

- **Ibindi bibazo byerekeranye n'imanza.**

1. **Urubanza rwa KAMABANO Frédéric.**

Ku wa 19 Mata 2004, KAMABANO Frédéric ubarizwa ku Kigo cy'Ishuri ribanza cya Gihundwe A, mu Mujyi wa Cyangugu yandikiye Komisiyo ibaruwa yayigezeho ku wa 12 Gicurasi 2004 asaba kurenganurwa mu rubanza n° RA 090/13.03.98 rwaciwe n'Ishami Risesa Imanza ry'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 6 Ugushyingo 2001. Yavugaga ko Umuvunyi Wungirije, NDASHIMYE Bernardin, yavuguruje ibyemezo by'Urukiko, agaha MUKAKOLONI Colette aho yamutsindiye.

Urubanza rwa KAMABANO Frédéric na MUKAKOLONI Colette rwatangiriye mu Rukiko rwa Kanto ya Kamembe kuri n° RC 73/97, KAMABANO aburana uburengere bw'ahari hubatse inzu MUKAKOLONI yanyujije impombo z'amazi n'ihuguza ry'ikibanza. Urubanza rwakijijwe ku wa 21 Kanama 1997, KAMABANO aratsindwa. KAMABANO ntiyishimiye imikirize y'urubanza, arujuririra mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Cyangugu kuri n° RCA 796/R2/97, rucibwa ku wa 23 Mata 1998, KAMABANO ararutsinda. Urukiko rwemeje ko igice cy'ikibanza cya KAMABANO kigizwe n'ubuso bw'aho inzu ye y'amatafari iri kongeraho aho MUKAKOLONI yitaga inzira ugejeje ku rukuta rw'inzu ya MUKAKORONI. Urubanza rwasabiwe iseswa mu Ishami Risesa Imanza ry'Urukiko rw'Ikirenga kuri n° RA 090/13.03.98, rucibwa ku wa 6 Ugushyingo 2001, KAMABANO atsindira MUKAKOLONI ubutaka buri hagati y'amazu yabo bufite ubugari bwa metero 2,5 kuri metero 13.

Ku wa 5 Werurwe 2002, urubanza rwarangijwe n'Umuhesha w'Inkiko mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Cyangugu, KAYIHURA Ephraim, nk'uko bigaragazwa n'inyandikomvugo y'irangizarubanza yakozwe uwo munsi, KAMABANO ahabwa ibyo yatsindiye. MUKAKOLONI yakomeje kwitabaza inzego zinyuranye kugira ngo ahabwe aho hantu yita inzira igana mu gikari cya «restaurant » ye.

Ku wa 24 Werurwe 2004, kuri Stade ya Cyangugu, mu nama y'abaturage yayobowe n'Umuvunyi Wungirije, NDASHIMYE Bernardin, KAMABANO na MUKAKOLONI basabye bombi ko babakiranura. Umuvunyi Wungirije aherekejwe n'Ubuyobozi bw'Umujyi wa Cyangugu yageze ahaburanwa maze hemezwa ko iyo nzira yahaguma, bishimangirwa mu ibaruwa y'Umuyobozi w'Umujyi wa Cyangugu n° 198/07.16/01 yo ku wa 30 Werurwe 2004.

Ku wa 15 Nzeri 2004, intumwa za Komisiyo zageze ahavugwa ikibazo zisanga nta cyatuma ibyemezo by'Urukiko bidashyirwa mu bikorwa.

Igihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yamenye ko KAMABANO yabonye ibyo yatsindiye.

Komisiyo yongeye kwibutsa inzego zose ndetse n'abantu ku giti cyabo ingingo y'140 y'Itegeko Nshinga, igika cyayo cya 5 kivuga ko « Ibyemezo by'ubucamanza bigomba gukurikizwa n'abo bireba bose, zaba inzego z'ubutegetsi bwa Leta cyangwa abantu ku giti cyabo. Ntibishobora kuvuguruzwa keretse binyuze mu nzira no mu buryo buteganywa n'amategeko ».

2. Urubanza rwa MUKANTWARI Dancile.

Ku wa 27 Gicurasi 2004, MUKANTWARI Dancile utuye mu Kagari ka Rwinkuba, Umurenge wa Rwintare, Akarere ka Bukunzi, Intara ya Cyangugu yagejeje ikirego kuri Komisiyo asaba ko yamufasha akarenganurwa kuko Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Rwintare yarangije urubanza n° R.C.A 4157/R10/2003 kandi yararusabiye iseswa.

MUKANTWARI Dancile yaburanye n'umugabo we, NDOREYABO Augustin, babanye mu buryo butemewe n'amategeko, urubanza n° R.C.4629/2002-R.C.A 4157/R10/2003 rw'imirima mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Cyangugu. Urwo rubanza rwaciwe ku wa 11 Ugushyingo 2003, Urukiko rutegeka MUKANTWARI Dancile gusubiza NDOREYABO umwe mu mirima ibiri baburanaga mu gihe ataratanga iminani y'abana babyaranye yarangiza kuyitanga agasubizwa ibye byose.

Ku wa 11 Mutarama 2004, MUKANTWARI Dancile yasabye iseswa ry'urwo rubanza mu Ishami Risesa Imanza ry'Urukiko rw'Ikirenga, avuga ko Umuyobozi w'Akarere yohereje ibaruwa isaba Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Rwintare kurangiza urwo rubanza.

Ku wa 14 Nzeri 2004, MUKANTWARI Dancile yongeye kwandikira Komisiyo avuga ko ku wa 11 Kanama 2004, Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Rwintare, RUGARAGAZA Théoneste, afatanyije n'Umuyobozi Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, TWAGIRAMARIYA Sophie, wari uhagarariye Akarere ka Bukunzi barurangije.

Nyuma y'ipererereza ryakozwe, Komisiyo yasanze urubanza n° RC 4629/2002-RCA 4157/R10/2003 rwa MUKANTWARI Dancile na NDOREYABO rwararangijwe n'Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Rwintare, Umuyobozi Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage nawe ahari.

Komisiyo irasanga MUKANTWALI Dancile yaravukijwe uburenganzira bwe ku mutungo kandi urubanza yaburanaga rwari rugikomeza.

Komisiyo irasaba Ubuyobozi bw'Akarere ka Bukunzi ko busubiza ibintu uko byari biri kugeza urubanza n° RCA 4157/R10/2003 rwasabiwe iseswa ruciwe burundu.

F. Ibirebana no gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu nkiko gacaca.

Mu mwaka w'2004, Komisiyo yakurikiranye iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca mu tugari 222 two mu Ntara zose no mu Mujyi wa Kigali. Muri icyo gikorwa, Komisiyo yakurikiranye iyubahirizwa ry'amategeko agenga inkiko Gacaca, iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'abarega n'abaregwa jenoside, ubw'abatangabuhamya bashinja n'abashinjura n'ubw'inyangamugayo.

Mu bibazo byakunze kugaragara mu mikorere y'Inkiko Gacaca, harimo kutubahiriza amategeko n'amabwiriza azigenga, gutera ubwoba abacitse ku icumu n'abafite ubushake bwo kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside, kutavugisha ukuri, gukora nabi kw'inyangamugayo no kwivanga kwa bamwe mu bayobozi mu mikorere y'Inkiko Gacaca.

- **Kutubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga Inkiko Gacaca**

Muri rusange, amategeko n'amabwiriza agenga Inkiko Gacaca arubahirizwa, ariko Komisiyo yasanze bamwe mu nyangamugayo, bitewe n'amasano bafitanye n'abashinjwa jenoside, barateshutse ku nshingano zabo bakababakingira ikibaba.

Mu nyangamugayo ubwazo, hari izishinjwa jenoside zitavanywe mu nteko, kandi itegeko rivuga ko abari mu nteko basimburwa iyo bakekwaho icyo cyaha.

*

* *

Kutubahiriza itegeko n° 40/2000 ryo ku wa 26 Mutarama 2001 ryagengaga gacaca n'amabwiriza n° 001/2003 yo ku wa 4 Mata 2003 yatanzwe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, biragaragarira mu mbonerahamwe ikurikirra :

		Umubare w'utugari n'ibibazo byabonetsemo					
Intara	**Umubare w'utugari twakuri-kiranywe**	**Kuburanisha mu buryo bunyuranyije n'itegeko**	**Kwima ijambo urisaba**	**Kutubahiriza amasaha yagenwe**	**Gukora batujuje umubare wagenwe n'itegeko**	**Kugumisha mu nteko umuntu washinjwe**	**Ifunga n'ifungura rinyuranyije n'itegeko**
Butare	4	2	0	0	2	0	0
Byumba	24	1	0	0	4	0	0
Cyangugu	27	0	1	0	2	2	2
Gisenyi	9	0	1	3	0	0	1
Gikongoro	11	0	0	0	0	1	0
Gitarama	33	0	0	0	1	0	0
Kibungo	37	0	0	0	4	1	0
Kibuye	28	0	0	0	2	3	3
Ruhengeri	18	1	0	0	2	0	1
Umujyi wa Kigali	10	0	0	0	0	0	0
Kigali Ngali	10	1	0	1	0	1	0
Umutara	11	0	0	1	0	0	1
Igiteranyo	**222**	**4**	**2**	**5**	**17**	**4**	**5**

Kutubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga Inkiko Gacaca bituma abashinja bavutswa uburenganzira bwo kumvikanisha ibirego byabo, bigatuma bacika intege bakareka kuvuga ibyabaye, abashinjwa nabo bakagumya kwidegembya.

- **Gutera ubwoba abacitse ku icumu n'abafite ubushake bwo kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside.**

Ku byerekeranye n'iterabwoba mu Nkiko Gacaca, Komisiyo yasanze icyo kibazo gikomeye kandi kigaragara henshi mu Rwanda mu buryo bunyuranye :

- **Iterabwoba ribera mu nteko**

Mu gihe inteko rusange yateranye abantu bo mu miryango y'abashinjwa jenoside bishyira hamwe bagaseka, bagahuma, bagatwama, bakanakwena abatanga ubuhamya bushinja.

Iri terabwoba ryagaragaye mu tugari 2 kuri 18 mu Ntara ya Ruhengeri, 5 kuri 28 mu Ntara ya Kibuye, 6 kuri 37 mu Ntara ya Kibungo, 3 kuri 27 mu Ntara ya Cyangugu, kamwe kuri 24 mu Ntara ya Byumba, kamwe kuri 4 mu Ntara ya Butare, 9 kuri 37 mu Ntara ya Kibungo, kamwe kuri 10 mu Ntara ya Kigali Ngali, na kamwe ku 10 mu Mujyi wa Kigali. Mu gihugu cyose tukaba Utugari 29 kuri 222 twakurikiranywe.

*

* *

- **Iterabwoba ribera aho batuye.**

Iterabwoba rikorerwa abatanga ubuhamya bushinja rigaragarira mu nyandiko zidasinye (tracts) zibabwira ko bazicwa nibakomeza gushinja, guhondagura inzugi n'amadirishya, gutera amabuye ku mazu no kuyatwika, konesha no kwangiza imyaka n'amashyamba, gukomeretsa no kwica.

Ibi bikorwa byose by'iterabwoba biragaragarira mu mbonerahamwe ikurikira :

Intara	Uturere	Gutwika amazu	Inyandiko zidasinye	Amagambo y'agashinyaguro	Gutera mu ngo	Konesha no kwangiza imyaka	Gutera amabuye ku mazu	Gukomeretsa no kwica amatungo	Gukomeretsa no kwica abantu
Butare	Kiruhura	0	0	2	10	0	1	10	1
	Umujyi wa Butare	0	0	1	2	1	0	0	1
	Umujyi wa Nyanza	0	0	0	1	0	0	0	0
	Nyamure	0	0	1	2	0	0	0	3
	Kibingo	0	0	0	0	0	0	0	1
	Nyakizu	2	0	0	0	0	0	0	0
	Save	0	0	1	5	0	0	0	0
	Maraba	0	0	0	0	0	0	0	0
Byumba	Rebero	0	0	1	0	0	0	0	0
	Humure	0	0	0	0	0	0	1	0
Cyangugu	Impala	0	1	2	0	0	0	0	0
	Umujyi wa Cyangugu	0	0	1	0	0	0	4	0
	Bukunzi	0	0	0	0	0	0	16	0
Gisenyi	Nyagisagara	0	0	0	0	0	0	0	1
	Kageyo	0	1	0	0	0	0	2	1
	Kayove	0	0	0	0	0	0	0	7
	Umujyi wa Gisenyi	0	0	0	2	0	0	1	0
	Mutura	0	0	1	0	0	0	0	0
	Cyanzarwe	0	0	2	0	0	0	0	0
	Nyamyumba	0	0	0	0	0	1	0	0
Gikongoro	Kaduha	0	0	0	0	0	1	0	4
	Nyaruguru	0	0	0	0	0	1	4	2
	Karaba	0	0	1	0	0	1	1	6
	Umujyi wa Gikongoro	1	0	1	0	0	1	1	0
Gitarama	Kayumbu	0	0	0	0	1	1	0	0
Kibungo	Cyarubare	0	0	1	0	0	4	0	5
	Kabarondo	0	0	0	0	0	0	0	1

Kibuye	Rutsiro	0	0	0	1	0	0	0	0
	Gisunzu	0	0	0	1	0	0	0	0
Ruhengeri	Bukonya	1	0	0	0	2	0	0	0
Umujyi wa	Kicukiro	1	0	0	0	1	0	0	0
Kigali	Kanombe	0	0	0	0	0	0	0	0
Kigali	Nyamata	0	0	1	0	0	0	0	3
Ngali	Shyorongi	0	0	0	0	0	2	1	0
	Buliza	0	0	1	1	0	0	0	0
	Gashora	0	0	0	0	0	1	0	0

Komisiyo yasanze iryo terabwoba rica intege abatanga ubuhamya bushinja, bigatuma bamwe bahitamo kubireka birtyo ukuri kwari gukenewe mu Nkiko Gacaca kukabura.

- **Kutavugisha ukuri no guceceka mu Nkiko Gacaca.**

Mu Nkiko Gacaca, byagaragariye Komisiyo ko bamwe mu nyangamugayo zigize inteko, bamwe mu batangabuhamya bafunguwe hakurikijwe Itangazo rya Perezidanse ya Repubulika ryo ku wa mbere Mutarama 2003 na bamwe mu baturage basanzwe batavugisha ukuri bagashinja gusa abapfuye n'abahunze cyangwa bakicecekera.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana ingero Komisiyo yashoboye kumenya :

Intara	**Umubare w'utugari twakurikiranywe**	**Kutavugisha ukuri kw'abagize inteko**	**Kutavugisha ukuri ku bafunguwe hakurikijwe Itangazo rya Perezidansi ya Repubulika**	**Kutavugisha ukuri ku baturage basanzwe**
Butare	4	0	1	0
Byumba	24	0	0	0
Cyangugu	27	0	1	0
Gisenyi	9	2	1	2
Gikongoro	11	0	0	0
Gitarama	33	0	0	0
Kibungo	37	3	2	3
Kibuye	28	2	4	6
Ruhengeri	18	5	0	6
Umujyi wa Kigali	10	0	0	2
Kigali Ngali	10	0	0	2
Umutara	11	0	0	1
Igiteranyo	**222**	**12**	**8**	**22**

- **Imikorere mibi y'inyangamugayo**

Mu Ntara zitandukanye z'Igihugu, Komisiyo yasanze imikorere mibi y'inyangamugayo yaragaragariye mu kubogamira ku bashinjwa kwa bamwe mu bagize inteko, gushyira abaregwa mu byiciro bidahwanye n'ibyaha bashinjwa, kudashyira abaregwa ku rutonde, gukangara abatangabuhamya no kuzuza amafishi nabi.

Imikorerere mibi iboneka kandi ku nyangamugayo zasimbuye izavuye kuri uwo murimo zikaba zitarahuguwe.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana intara zirangwamo iyo imikorere mibi :

Intara	Umubare w'utugari twakurikiranywe	Gushyira abaregwa mu cyiciro kidahuye n'ibyaha bashinjwa	Kudashyira ku rutonde abashinjwa	Kuzuza amafishi nabi	Gukangara abatangabuhamya
Butare	4	1	0	0	0
Byumba	24	1	0	0	1
Cyangugu	27	1	1	0	2
Gisenyi	9	0	0	0	0
Gikongoro	11	0	0	0	0
Gitarama	33	0	1	0	1
Kibungo	37	2	0	1	0
Kibuye	28	0	0	1	0
Ruhengeri	18	2	4	0	0
Umujyi wa Kigali	10	0	1	0	0
Kigali Ngali	10	0	0	1	0
Umutara	11	0	0	0	0
Igiteranyo	**222**	**7**	**7**	**3**	**4**

- **Kwivanga mu mikorere y'Inkiko Gacaca**

Kwivanga mu mikorere y'Inkiko Gacaca bikorwa na bamwe mu bayobozi baba bagamije gukingira ikibaba abaregwa, rimwe na rimwe bishingiye ku masano bafitanye.

Uko kwivanga kw'abayobozi mu mikorere y'Inkiko Gacaca kwabonetse mu kagari kamwe kuri 33 mu Ntara ya Gitarama, 2 kuri 28 mu Ntara ya Kibuye, 2 kuri 18 mu Ntara ya Ruhengeri, 2 ku 9 mu Ntara ya Gisenyi na kamwe kuri 11 mu Ntara y'Umutara. Mu gihugu hose ni utugari 8 kuri 222 twakurikiranywe.

G. Ibirebana no gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu matora.

Mu mwaka w'2004, Komisiyo yakurikiranye amatora anyuranye yabaye mu Ntara za Kibungo, Butare, Gikongoro, Kibuye, Umutara, Umujyi wa Kigali na Cyangugu**.**

Ayo matora yari agamije kuzuza inzego z'Inama Njyanama n'iza Komite Nyobozi, gutora abunzi mu mirenge yose, gutora Inama y'Igihugu y'Abagore n'inyangamugayo mu Nkiko Gacaca.

Muri icyo gikorwa, Komisiyo yari igamije kugenzura niba amatora aba mu mutekano no mu bwisanzure ; ko nta muntu uvutswa uburenganzira bwe bwo gutora no gutorwa igihe yujuje ibyo itegeko rigenga amatora riteganya cyangwa se agatora atabyemererwa n'amategeko. Harimo no kugenzura ko ibarura ry'amajwi rikorwa mu mucyo.

*

* *

Ayo matora yabaye mu buryo bukurikira :

- **Amatora yo kuzuza Komite Nyobozi n'Inama Jyanama mu turere n'imijyi.**

  - Ku wa 22, 23, 30 na 31 Werurwe 2004, mu Ntara ya Kibungo ;
  - Ku wa 22 na 23 Werurwe 2004, mu Ntara ya Butare hujujwe Inama Njyanama, naho ku wa 30 na 31 Werurwe 2004, huzuzwa Komite Nyobozi ;
  - Ku wa 10 na 13 Kanama 2004, mu Ntara ya Gikongoro ;
  - Ku wa 22 Werurwe 2004, mu Ntara ya Kibuye ;
  - Ku wa 6 Gicurasi 2004 no ku wa 30 Ugushyingo 2004, mu Mujyi wa Kigali ;
  - Ku wa 10 na 13 Kanama 2004, mu Ntara ya Cyangugu.

- **Amatora y'abunzi.**

  - Ku wa 13 Nyakanga 2004, mu Ntara ya Kibungo ;
  - Ku wa 12 Nyakanga 2004, mu Ntara ya Kibungo;
  - Ku wa 12 na 15 Nyakanga 2004, mu Ntara ya Gikongoro ;
  - Kuva ku wa 19 kugeza ku wa 23 Nyakanga 2004, mu Ntara y'Umutara ;
  - Ku wa 13 Nyakanga 2004, mu Mujyi wa Kigali ;
  - Ku wa 12 na 13 Nyakanga 2004, mu Ntara ya Cyangugu.

- **Amatora y'inyangamugayo mu nkiko Gacaca.**

  - Ku wa 19 Kamena 2004, mu Ntara ya Kibungo ;
  - Ku wa 20 Kamena 2004 2004, mu Ntara ya Butare.

- **Komite y'Inama Nkuru y'Abagore.**

  - Ku wa 12 na 15 Nyakanga 2004, mu Ntara ya Gikongoro ;
  - Ku wa 31 Werurwe 2004, mu Ntara ya Kibuye ;
  - Kuva ku wa 19 kugeza ku wa 23 Nyakanga 2004, mu Ntara y'Umutara ;
  - Ku wa 16 Nyakanga 2004, mu Mujyi wa Kigali ;
  - Ku wa 12,13,14 na 15 Nyakanga 2004, mu Ntara ya Cyangugu.

Muri rusange, mu ntara Komisiyo yakurikiranyemo igikorwa cy'amatora, yasanze cyaragenze neza kuko amatora yitabiriwe n'abantu benshi, agakorwa mu mutekano no mu bwisanzure, nta muntu uvukijwe uburenganzira bwe bwo kwiyamamaza, bwo gutora no gutorwa kandi ibarura ry'amajwi rikaba ryarakozwe mu mucyo.

H. Ibirego birebana n'imitungo.

Muri iki gice harimo ikirego kimwe cya BIREGEYA Boniface wahugujwe isambu ya se.

Ku wa 25 Ugushyingo 2002, BIREGEYA Boniface utuye mu Murenge wa Burega, Akarere ka Buliza, Intara ya Kigali Ngali, yandikiye Komisiyo ayisaba kumurenganura ku kibazo cy'isambu ya se, MAKUZA, wahoze atwara u Buliza igihe cy'ingoma y'Umwami Rudahigwa MUTARA III.

Iyo sambu iri mu Kagari ka Rusamanzuki, Umurenge wa Taba mu Karere ka Buliza. Igice kimwe cyayo kigaruriwe na NGIRABANZI, wahoze ari umugaragu wa MAKUZA, wapfuye akayisigamo umuhungu we, RWUBAHUKA Papiyasi. Ikindi gice cy'iyo sambu cyafashwe na NGERAGEZE Andereya nawe wapfuye ubu kikaba gituwemo n'umugore we, NYIRAMPONGANO bakunze kwita MPONGANO.

Nk'uko BIREGEYA Boniface abisobanura, iyo sambu yigaruriwe na NGIRABANZI hamwe na NGERAGEZE Andereya guhera mu mwaka w'1963 nyuma y'aho we n'abo bavukana, RUBIBI Innocent na MUKARUGAMBWA, bamenesherejwe bagahungira i Kigali.

Cyakora abo BIREGEYA Boniface ashinja kuba barabamenesheje bakigarurira isambu yabo siko babibona. NYIRAMPONGANO yemeza ko aho atuye umugabo we, NGERAGEZE Andereya, yahagabiwe na MAKUZA kubera ubucuti bari bafitanye. NYIRAMPONGANO avuga ko urugero rugaragaza ubwo bucuti ari uko ari MAKUZA wakwereye NGERAGEZE Andereya ubwo yarongoraga. RWUBAHUKA Papiyasi we yemeza ko se, NGIRABANZI, yahatswe na MAKUZA akaza kumugabira aho hantu atuye.

Mbere yo kugeza ikibazo cye kuri Komisiyo, BIREGEYA yitabaje izindi nzego za Leta, zigerageza kugishakira umuti n'ubwo cyadindiriye mu rwego rw'Akarere.

Ku wa 15 Werurwe 2001, mu Kagari ka Rusamanzuki, mu Murenge wa Taba, aho isambu ivugwa iherereye, habereye inama yize ku kibazo cya BIREGEYA n'abamubereye mu isambu. Muri iyo nama, abari muri iyo sambu bemezaga ko bagabiwe na MAKUZA, nyamara abaturage bari aho, barimo BAPFAKURERA, KAMASHARA na NKUNDIBIZA, bakabavuguruza bemeza ko uwagabiwe ari NGIRABANZI wenyine wahoze ari umugaragu wa MAKUZA, ibyo kuba NGERAGEZE yaragabiwe na MAKUZA ku mpamvu z'ubucuti bakabihakana.

Ku wa 15 Kamena 2001, uwahoze ayobora Intara ya Kigali Ngali, GASAMAGERA Wellars, yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Buliza, NAMBAJIMANA Zéphanie, amusaba gufatanya na njyanama y'Akarere akiyambaza n'abaturage bahatuye akarangiza byihutirwa ikibazo cya BIREGEYA.

Ku wa 28 Ugushyingo 2003, Perefe INYUMBA Aloyiziya wasimbuye Perefe GASAMAGERA Wellars ku buyobozi bw'Intara ya Kigali Ngali, nawe yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Buliza amusaba kumumenyesha imbogamizi yahuye nazo zituma ikibazo cya BIREGEYA kitarangira nyuma y'ibaruwa n° 194/07/12/07 yo ku wa 3 Werurwe 2003 yaherukaga kumwandikira amusaba kukirangiza.

Nyuma y'iperereza, Komisiyo yavuganye n'Umuyobozi w'Akarere ka Buliza, NAMBAJIMANA Zéphanie, ku kibazo cya BIREGEYA, ayibwira ko cyarangiye.

Ku wa 29 Nyakanga 2004, Komisiyo yagiye kwa BIREGEYA ayimenyesha ko ikibazo cye kizwe adahari, aje agasanga bamukatiye ahangana na metero mirongo ine n'indwi ku gice cy'isambu ituwemo na NYIRAMPONGANO kuko ahandi yahagabanyije abana be, ibyo rero we akaba atabyemera na gato.

Ku wa 13 Nzeri 2004, Komisiyo yasubiye i Buliza ibonana n'Umuyobozi w'Akarere bongera kuvugana ku kibazo cy'isambu ya BIREGEYA. Komisiyo yifuje kumenya icyakozwe n'Ubuyobozi bw'Akarere ayobora nyuma y'amabaruwa yanditswe n'Abayobozi b'Intara ya Kigali Ngali, GASAMAGERA Wellars na INYUMBA Aloyisiya, basaba kurangiza icyo kibazo.

Amaze kumva neza uko ikibazo giteye, Umuyobozi mushya w'Akarere ka Buliza yahanye na Komisiyo gahunda yo ku wa 16 Nzeri 2004 kugira ngo bazahurire mu Murenge wa Taba. Nk'uko bari babisezeranye, uwo munsi barahahuriye hari n'abaturage mirongo irindwi na batandatu bo muri uwo Murenge.

Nyuma yo kumva icyo abaturage banyuranye bavuga kuri icyo kibazo, hafashwe umwanzuro ko RWUBAHUKA Papiyasi afata igice se, NGIRABANZI, yari yaragabiwe na MAKUZA, aho yabohoje nyuma umuryango wa MAKUZA ukahasubirana. NYIRAMPONGANO we yasabwe kuva mu gice cy'isambu y'umuryango wa MAKUZA akajya mu isambu y'umugabo we iri ahitwa ku Kanunga. BIREGEYA yasabwe ko yarekera NYIRAMPONGANO inzu ye arabyemera, ndetse ku bushake bwe yemera kumuha agace k'isambu kegereye urugo rwe.

N'ubwo NYIRAMPONGANO atishimiye ibyagezweho muri iryo gabana, yasabye amezi atatu kugira ngo abanze asarure imyaka ye iri mu murima abone kwimuka.

Ku wa 7 Gashyantare 2005, BIREGEYA yashyikirije Komisiyo kopi y'imyanzuro yafatiwe muri uwo mubonano, atangaza kandi ko nta kibazo yongeye kugira nyuma kuko buri wese yubahirije ibyo yasabwaga.

N'ubwo Komisiyo isanga harabaye ubufatanye hagati y'ubuyobozi bwose mu kugira uruhare mu irangizwa rya kiriya kibazo, iranenga imyitwarire y'uwahoze ari umuyobozi w'Akarere ka Buliza, NAMBAJIMANA Zéphanie, kuko yagize uruhare mu itinda ry'iki kibazo.

I. Ibirego birebana n'uburenganzira bw'abana.

Muri iki cyiciro cy'ibirego, hagaragara ibibazo byo kuvutswa uburenganzira ku mutungo, uburenganzira ku burezi bw'abana n'imibereho myiza yabo muri rusange, bikozwe kenshi na kenshi n'abashinzwe kubarera nk'ababyeyi cyangwa abishingizi babo.

1. Igurisha ririmo uburiganya ry'inzu y'imfubyi za SEBAZUNGU Jean Bosco na MUSANINGARE Mariya.

Ku wa 3 Ugushyingo 2004, SEBAZUNGU Olivier, umunyeshuri mu ishuri ryisumbuye rya Bulinga, mu Ntara Gitarama akaba ahagarariye barumuna be, SEBAZUNGU Odila na SEBAZUNGU Olivène, yagejeje kuri Komisiyo ikibazo cye mu magambo ayisaba gukomeza kumufasha mu kibazo yayigejejeho ku wa 26 Ukuboza 2001kirebana n'inzu yabo yagurishijwe mu buryo bw'uburiganya.

Iki kibazo Komisiyo yakigaragaje mu buryo burambuye muri raporo yayo y'umwaka w'2002[10]. Komisiyo yari yasabye ko inkiko zajya zigira ubushishozi mu gutanga ibyemezo

[10] Raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2002, p 52-53.

by'ubuzungure n'iby'ubwishingizi bw'abana ndetse n'inzego zitanga za "mutations" ku mitungo zikajya zigira ubushishozi kugira ngo hirindwe uburiganya bukunze kugaragaramo. Komisiyo yari yasabye kandi Urukiko rw'Ikirenga cyane cyane Ishami rishinzwe ubuyobozi bw'inkiko gukurikirana icyo kibazo.

Ku wa 3 Ugushyingo 2004, SEBAZUNGU Olivier yabwiye Komisiyo ko iyo yageraga ku rukiko bamusubizaga inyuma bitwaje ko batakira abana. SEBAZUNGU Olivier yategereje kuzuza imyaka 21 abona kugaruka kubaza Komisiyo icyo akwiye gukora.

Mu ipereereza ryayo, Komisiyo yamenye ko ku wa 9 ukuboza 2004, aho gutumiza inama y'ubwishingizi yari isanzweho kugira ngo imurikire SEBAZUNGU Olivier umutungo w'ababyeyi be, Urukiko rw'Akarere ka Muhanga rwatanze icyemezo n° 17/2004 giha SEBAZUNGU Olivier ububasha bwo kuba umwishingizi wa barumuna be. Uru rukiko rwatanze icyemezo cy'ubwishingizi kandi icyemezo cya mbere cyari kitarakurwaho.

Komisiyo yongeye gusaba Urukiko rw'Ikirenga gukurikirana ikibazo cy'abo bana kugira ngo barenganurwe kandi ibyemezo byafashwe biteshwe agaciro.

Hashingiwe ku ngingo ya 28 y'Itegeko Nshinga, Komisiyo iributsa Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali, Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo n'Urukiko rw'Ikirenga ko bagombye kuba baragize icyo bakora kugira ngo barengere aba bana.

Komisiyo izakomeza gukurikirana iki kibazo.

2. Kudahabwa amafaranga y'ubwiteganyirize y'umubyeyi we kwa MANIRAHO Joséphine uhagarariwe na GAKWAYA Dieudonné.

Ku wa 6 Mutarama 2004, GAKWAYA Dieudonné utuye mu Kagari ka Akabacuzi, Umurenge wa Nyamagana, Akarere ka Gashonga mu Intara ya Cyangugu, yandikiye Komisiyo asaba ko mushiki we, MANIRAHO Joséphine, arenganurwa agahabwa amafaranga y'ubwiteganyirize y'umubyeyi wabo GAKWAYA Juvénal wapfuye.

GAKWAYA Juvénal yapfuye mu mwaka w'1997. Kuva mu mwaka w'1965 kugeza mu mwaka w'1994 (imyaka 29) yakoze akazi ka gisirikari.

Icyemezo cy'amavuko cyatanzwe n'Ubuyobozi bw'Akarere ka Gashonga ku wa 24 Mata 2004, kigaragaza ko mu mwaka w'2003, MANIRAHO Joséphine yari afite imyaka 17 kuko yavutse mu mwaka wa 1986. Ubwo GAKWAYA Dieudonné yagezaga ikirego kuri Komisiyo, MANIRAHO Joséphine yigaga ku kigo cy'ishuri ribanza rya Nyamagana mu mwaka wa gatandatu.

GAKWAYA Dieudonné yari yarasabiye MANIRAHO Joséphine amafaranga y'ubwiteganyirize ku biro by'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda mu Ntara ya Cyangugu, bamubwira ko nta mafaranga uwo mwana agomba guhabwa, kubera ko bakoze uburiganya bwo kumujyana mu ishuri kugira ngo ayahabwe. Impamvu batanga ikaba ari uko ikigero cye (imyaka afite) gitandukanye cyane n'umwaka yigamo.

Ku wa 5 Mata 2004, Komisiyo yandikiye uhagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda i Cyangugu, HATEGEKIMANA Jerôme, yifuza kumenya inzitizi zituma umwana avutswa uburenganzira bwe. Uwo muyobozi ntiyasubije.

Ku wa 9 Nyakanga 2004, Komisiyo yabonanye na HATEGEKIMANA Jerôme, ayibwirira ko MANIRAHO Joséphine nta mafaranga akwiye guhabwa kubera impamvu zavuzwe haruguru.

Ku wa 29 Ukwakira 2004, Komisiyo yongeye kubonana n'uhagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda i Cyangugu, imugaragariza ko nta mpamvu n'imwe ibona, yaba ishingiye ku itegeko, yatuma amafaranga y'ubwiteganyirize GAKWAYA Dieudonné asaba adahabwa umwana MANIRAHO Joséphine. Komisiyo yamugaragarije ko n'ubwo MANIRAHO Joséphine yaba atiga, imyaka ye imuha uburenganzira bwo guhabwa amafaranga y'ubwiteganyirize y'umubyeyi we.

Umubonano warangiye uhagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda i Cyangugu yemeye gukora iyo dosiye, yemera kandi ko uwo mwana azakomeza guhabwa ayo mafaranga igihe cyose azaba akiga kuko yakomeje amashuri akaba yiga mu ishuri ryisumbuye rya Gishoma.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yamenyeshejwe n'uhagarariye Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda i Cyangugu ko MANIRAHO Joséphine atarahabwa amafaranga y'ubwiteganyirize bw'umubyeyi we ku mpamvu z'uko ibyangombwa bitangwa n'Akarere bisabwa muri dosiye ye bituzuye.

Komisiyo iranenga imyitwarire y'ubuyobozi bw'Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi mu Ntara ya Cyangugu bwadindije ikibazo cy'uyu mwana bigatuma atinda guhabwa amafaranga y'ubwiteganyirize y'umubyeyi we.

Komisiyo izakomeza gukurikirana iki kibazo kugira ngo imenye ko uyu mwana yahawe ibyo yemererwa n'amategeko.

- **Uburyo bwihariye bwo gukurikirana uko uburenganzira bw'umwana bwubahirizwa.**

Muri iki gice, Komisiyo iragaragaza ibikorwa yagezeho mu birebana n'inshingano ihabwa n'ingingo ya 24 y'Itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa. Iyo ngingo ivuga ko Komisiyo igomba guteganya uburyo bwihariye bwo gukurikirana uko uburenganzira bw'umwana bwubahirizwa.

Muri urwo rwego, kuva ku wa 28 kugeza ku wa 30 Kamena 2004, ku Kibuye, Komisiyo yakoresheje inama nyunguranabitekerezo ku ishyirwaho ry'ihuriro ry'ubuvugizi bw'uburenganzira bw'umwana. Iyo nama yahuje inzego za Leta n'imiryango itandukanye bifite mu nshingano zabyo guteza imbere no kurengera uburenganzira bw'umwana.

Mu rwego rwo kunonosora ibyavuye mu nama yo ku Kibuye, ku wa 13 Ukuboza 2004, Komisiyo yongeye gukoresha inama yari igamije kurebera hamwe n'inzego zitandukanye uko haboneka ibya ngombwa ihuriro rikeneye kugira ngo ritangire gukora mu mwaka w'2005.

Muri iyo nama hemejwe burundu inzego n'imiryango igize ihuriro hamwe n'inshingano nkuru zaryo. Hemejwe kandi ko ubunyamabanga buhoraho bw'iryo huriro buzakorera muri Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu.

Inama yemeje ko iryo huriro rizaba rifite komite zirihagarariye kuva ku rwego rw'igihugu kugeza ku rw'Akarere.

Komisiyo iracyakomeza kunonosora uburyo bwihariye bwo gukurikirana uko uburenganzira bw'umwana bwubahirizwa.

J. Ibirego birebana n'uburenganzira ku murimo n'iyubahirizwa ry'amategeko agenga umurimo.

Ibirego Komisiyo yagejejweho byerekeye uburenganzira ku murimo n'iyubahirizwa ry'amategeko awugenga birebana n'ibibazo by'abakozi birukanwa ku kazi mu buryo budakurikije amategeko, ntibahabwe ibyo amategeko ateganya. Hari kandi abakozi birukanwa bagasanga abakoresha babo batarigeze babatangira umusanzu mu isanduku y'ubwiteganyirize bw'abakozi.

1. Ihagarikwa ku kazi rinyuranije n'amategeko rya RUGERO Jean Baptiste.

Ku wa 18 Ugushyingo 2003, RUGERO Jean Baptiste utuye mu Kagari ka Rwiri, Umurenge wa Byumba mu Mujyi wa Byumba, yagejeje kuri Komisiyo ikirego avuga ko yakoreye "Centre Diocésain de Pastorale" y'i Byumba, asezererwa ku wa 24 Ukwakira 2003, adahawe ibyo yemererwa n'amategeko. Muri ibyo harimo integuza y'iminsi cumi n'itanu, imperekeza, imishahara y'amezi atatu atahembwe, amafaranga ye yasigaye ku mishahara ya Kamena na Nyakanga 2003, amafaranga ahwanye na Konji atahawe y'umwaka w'2003 n'icyemezo cy'umukoresha wa nyuma. Yagaragaje kandi ko umukoresha we atigeze amutangira imisanzu mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi.

RUGERO avuga ko ku wa 28 Ukwakira 2003, yari yarashyikirije ikibazo cye Ubuyobozi bw'Umurimo mu Ntara ya Byumba, bukagaragaza ubushake buke bwo kukirangiza.

Ku wa 24 Ukuboza 2003, Komisiyo yavuganye n'Umugenzuzi w'Umurimo mu Ntara ya Byumba, IYAMUREMYE Daniel, kuri icyo kibazo, ayimenyesha ko RUGERO yahoze ari umukozi kuri "Centre Diocésain de Pastorale" i Byumba, akaza guhagarikwa kubera ko nta musaruro yatangaga. Yongeyeho ko mbere yo guhagarikwa ku kazi RUGERO yahawe integuza y'amezi atatu n'icyemezo cy'umukoresha wa nyuma, akaba atumva ikindi ashaka.

Ku wa 13 Mutarama 2004, RUGERO yamenyeshejwe ibyo Umugenzuzi w'Umurimo yatangarije Komisiyo avuga ko atabyemera, ko agiye kwiyambaza inkiko.

Abibwiwe n'Umugenzuzi w'Umurimo mu Ntara ya Byumba, umuyobozi wa "Centre Diocésain de Pastorale" i Byumba, Umubikira MUKABYAGAJU Epiphanie, yaje kumenya ko RUGERO agiye kuregera inkiko, yemera gutanga amafaranga ibihumbi magana abiri n'icyenda

na magana atanu (209.500 FRw) by'imperekeza, imishahara y'amezi atatu, konji atahembewe n'iminsi cumi n'itanu y'integuza.

Ku wa 8 Ukwakira 2004, impande zombi zabyemeranyijweho imbere y'Umugenzuzi w'Umurimo mu Ntara ya Byumba, zishyira umukono ku mwanzuro w'ubwumvikane.

N'ubwo bumvikanye bwose, biragaragara ko Umugenzuzi w'Umirimo mu Ntara ya Byumba yumvikanye n'ubuyobozi bwa "Centre diocésain de Pastorale" kugira ngo bavutse uburenganzira RUGERO Jean Baptiste.

Ikindi kandi, biragaragara ko RUGERO Jean Baptiste yakorewe akarengane kuko ikibazo cy'ubwiteganyirize bwe kitakemuwe.

2. **Kwirukanwa ku kazi binyuranije n'amategeko kwa ILIBAGIZA Marie Rose.**

Ku wa 5 Kamena 2003, ILIBAGIZA Marie Rose utuye mu Kagari ka Bungwe, Umurenge wa Rukoro mu Mujyi wa Ruhengeri, yandikiye Komisiyo asaba kurenganurwa kubera akarengane yakorewe n'umukoresha we "Ligue Rwandaise pour la Promotion et la Défense des Droits de l'Homme (LIPRODHOR)". Avuga ko yakoreye LIPRODHOR kuva muri Gicurasi 2001, agahagarikwa mu buryo budasobanutse muri Gashyantare 2003.

ILIBAGIZA Marie Rose avuga ko yarenganyijwe kuko yakoze icyo gihe cyose adateganyirizwa mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda kandi imisanzu ayikatwa ku mushahara, kuko atahembwaga umushahara ungana n'uw'abandi bakozi bakora akazi kamwe kandi bafite impamyabumenyi zo mu rwego rumwe. Avuga kandi ko umukoresha we yahagaritse kontaro ye mu buryo butemewe n'amategeko kandi yari kontaro y'igihe kidateganyijwe. Yongeyeho ko yirukanwe adahawe imperekeza n'icyemezo cy'umukoresha wa nyuma.

Ku wa 18 Ukwakira 2004, Komisiyo yabonanye n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa LIPRODHOR, UKIZEMWABO Florien, bavugana kuri icyo kibazo, ayigaragariza ko afite ubushake bwo kukirangiza. UKIZEMWABO Florien yasabye Komisiyo ko yazababera umuhuza.

Ku wa 24 Ukwakira 2004, imishyikirano hagati ya ILIBAGIZA Marie Rose na LIPRODHOR yarabaye bahujwe na Komisiyo, nk'uko byari byifujwe, LIPRODHOR ikaba yari ihagarariwe na Perezida wayo, GAHUTU Augustin, ari kumwe n'umujyanama wa LIPRODHOR mu by'amategeko, TURINDWANAMUNGU Jean Paul. Imishyikirano yarangiye bemeranyijwe ko LIPRODHOR igomba guha ILIBAGIZA Marie Rose amafaranga ibihumbi magana inani na mirongo itatu na bibiri (832.000 FRw) kubera akarengane yakorewe, akanahabwa icyemezo cy'umukoresha wa nyuma.

Ibyemezo by'iyo mishyikirano byashyizwe mu bikorwa ku wa 16 Ugushyingo 2004, LIPRODHOR iha ILIBAGIZA Marie Rose sheki ihwanye n'ayo mafaranga ibihumbi magana inani na mirongo itatu na bibiri (832.000 FRw) ahwanye n'ibihumbi magana abiri na makumyabiri na bitanu (225.000 FRw) y'ibirarane by'umushahara, ibihumbi mirongo itanu na bibiri (52.000 FRw) y'ubwiteganyirize bw'abakozi, ibihumbi magana atatu na mirongo icyenda (390.000 FRw) y'indishyi z'akababaro, ibihumbi ijana na mirongo itanu (150.000 FRw) by'ingendo na telefone yakoresheje akurikirana ikibazo cye n'ibihumbi cumi na bitanu (15.000 FRw) y'ubutumwa yagiyemo.

N'ubwo yishimira ko ikibazo cyarangiye mu buryo bw'imishyikirano, Komisiyo ntiyabura kunenga LIPRODHOR kuko yagombye kuba yarateganyirije ILIBAGIZA mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'abakozi aho kumuha amafaranga y'ubwiteganyirize bwe mu ntoki. Ikindi kigaragara ni uko, mu kumwishyura, LIPRODHOR itigeze ibariramo imigabane yagombaga, nk'umukoresha, kuba yaratangiye ILIBAGIZA mu Isanduku y'Ubwiteganyirize bw'Abakozi y'u Rwanda.

3. **Kudasubizwa mu kazi kwa bwana NGAMIJE Stérus.**

Ku wa 2 Nzeri 2003, NGAMIJE Stérus ubarizwa mu Kagari ka Kamutwa, Umurenge wa Kacyiru, Akarere ka Kacyiru mu Mujyi wa Kigali, yandikiye Komisiyo asaba ko yarenganurwa kuko yahagaritswe ku kazi mu buryo bunyuranije n'amategeko n'umukoresha we ELECTROGAZ.

NGAMIJE Stérus yatangiye akazi muri ELECTROGAZ ku wa 2 Nyakanga 1990 ahagarikwa mu kazi mu gihe cy'ukwezi kumwe adahembwa kuva ku wa 13 Ukwakira 2000 kugeza ku wa 10 Ugushyingo 2000 ubwo ELECTROGAZ yamwandikiye ibaruwa n° 11.07.025/4384/DRH–DIR/u.a imubwira yuko kuva ku wa 14 Ugushyingo 2000 ashyizwe mu maboko ya Minisiteri ishinzwe Abakozi ba Leta n'Umurimo.

NGAMIJE avuga ko intandaro yo kwirukanwa na ELECTROGAZ ari urwandiko abakozi yari ayoboye kuri "poste" ya ELECTROGAZ i Karongi ku Kibuye bandikiye ubuyobozi bukuru bwa ELECTROGAZ ku wa 22 Nzeri 2000, basobanura ibibazo bahura nabyo mu kazi kubera kutagira ibikoresho bya ngombwa. Ubuyobozi bwa ELECTROGAZ bwabifashe nk'icyaha gikomeye cyo gusebya ikigo bakorera, bityo abakozi bari barahawe akazi na ELECTROGAZ bamwe barirukanwa, NGAMIJE asubizwa Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo kuko ariyo yari yamuhaye akazi.

Mu iperereza ryayo, Komisiyo yasanze ubuyobozi bwa ELECTROGAZ bwemeza ko bwasubije NGAMIJE Stérus Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo bumushinja kuba yarayoboye imyivumbagatanyo yo kwica akazi kw'abakozi ba "poste" ya ELECTROGAZ y'i Karongi yayoboraga bakoze nyuma yo kwandika urwandiko ruteguza ubuyobozi bwa ELECTROGAZ ko nibutagira icyo bukora kugeza ku wa 22 Ukwakira 2000, butazagira uwo burenganya ku kizakurikiraho.

Ubuyobozi bwa ELECTROGAZ buvuga ko nyuma y'uko NGAMIJE ahamijwe icyaha, yabisabiye imbabazi. Mbere yuko iyo tariki igera, Ubuyobozi bwa ELECTROGAZ bwajyanye abandi bakozi i Karongi, bwirukana abari bafatanyije na NGAMIJE Stérus kwandika urwo rwandiko.

Ku wa 10 Ugushyingo 2000, ELECTROGAZ yandikiye NGAMIJE urwandiko n° 11.07.025/4384/DRH-DIR/u.a, igenera kopi Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo, imumenyesha ko, kuva ku wa 14 Ugushyingo 2000, azaba abarizwa muri iyo Minisiteri. Minisiteri nayo ntiyamwakiriye, ihita yandikira ELECTROGAZ ibaruwa yo ku wa 9 Mutarama 2001, iyimenyesha ko NGAMIJE yagombye guhanwa hakurikije amategeko agenga imihanire y'abakozi ba Leta.

Ku wa 18 Nzeri 2003, Komisiyo yandikiye Umuyobozi mukuru wa ELECTROGAZ ibaruwa n° CRDH/787/03, igira ngo bigire hamwe uburyo ikibazo cyarangizwa, ntiyasubiza.

Ku wa 5 Mata 2004, Komisiyo yandikiye Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya ELECTROGAZ ibaruwa n° CRDH/058/04 imusaba gufata umwanzuro kuri icyo kibazo bityo urengana akarenganurwa.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yavuganye na NGAMIJE Stérus ayimenyesha ko yaje kwiyambaza Urwego rw'Umuvunyi mu rwandiko yarwandikiye ku wa 5 Gashyantare 2004. Komisiyo yamenye kandi ko ELECTROGAZ yandikiye Umuvunyi imwizeza ko mu kwezi kumwe izaba yarangije ikibazo kiri hagati yayo na NGAMIJE Stérus.

Komisiyo yamenye ko ELECTROGAZ yahamagaye NGAMIJE Stérus kugira ngo bagirane imishyikirano irangiza icyo kibazo.

Komisiyo irishimira ko ubuyobozi bushya bwa ELECTROGAZ bwumvise iki kibazo, bukaba bwemera kugikemura.

K. Ibirego birebana n'uburenganzira ku bushyingiranwe.

1. Urubanza rwa MUKAYIRANGA Chantal.

Ku wa 25 Gicurasi 2004, MUKAYIRANGA Chantal ubarizwa mu Kagari ka Karangiro, Umurenge wa Kamembe, Umujyi wa Cyangugu, Intara ya Cyangugu yagejeje ikirego kuri Komisiyo asaba ko yakurikiranirwa akarengane kajyanye no kuba umugabo we UWITONZE Jean, Akarere k'Impala karamusezeranije n'undi mugore witwa NYIRANSABIMANA Jacqueline ku wa 11 Gashyantare 2004 kandi amasezerano y'ubushyingiranwe bafitanye yakorewe mu Mujyi wa Cyangugu agifite agaciro kuko urubanza rw'ubutane baburana mu nkiko rutararangira burundu.

MUKAYIRANGA Chantal na UWITONZE Jean baburanye urubanza rw'ubutane n° R.C. 3874/R9/2002 mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Cyangugu, rucibwa ku wa 24 Werurwe 2003, Urukiko rwemeza ubutane. Ababuranyi bombi bahise bajurira, imanza zabo zihabwa N° R.C.A 373/R1/2003 na R.C.A 393/R2/03 kandi zihurizwa hamwe mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Cyangugu.

Izo manza zaciwe ku wa 15 Ukuboza 2003, Urukiko rw'Ubujurire rwa Cyangugu rwemeza ubutane. MUKAYIRANGA Chantal avuga ko yahise asaba iseswa mu Rukiko rw'Ikirenga - Ishami Risesa Imanza - mu gihe urubanza rutaracibwa Ubuyobozi bw'Akarere k'Impala bwasezeranije umugabo we, UWITONZE Jean, n'undi mugore witwa NYIRANSABIMANA Jacqueline.

Ku wa 18 Kamena 2004, Komisiyo yandikiye Umuyobozi w'Akarere k'Impala yifuza kumenya iby'icyo kibazo asubiza mu ibaruwa yo ku wa 6 Nyakanga 2004 ifite n° 658/07.16/04 avuga ko Akarere k'Impala kasezeranije UWITONZE Jean na NYIRANSABIMANA Jacqueline ku wa 11 Gashyantare 2004 UWITONZE yerekanye icyemezo cyo ku wa 26 Nzeli 2003 cyatanzwe n'Ubuyobozi bw'Umujyi wa Cyangugu cyemeza ko ari ingaragu.

Ku wa 4 Kanama 2004, intumwa ya Komisiyo mu Ntara ya Cyangugu yabonanye n'abakozi b'Umujyi wa Cyangugu bashinzwe ibarura barimo NKUNDWANABENSHI Hassan watanze icyo

cyemezo, ibaza impamvu bemeje ko UWITONZE ari ingaragu kandi yarahasezeraniye na MUKAYIRANGA Chantal baburana ubutane mu nkiko. Basobanuye ko bagitanze bahereye ku byemezo by'abayobozi b'inzego z'ibanze byemezaga ko batandukanijwe n'Urukiko. Komisiyo isanga iki gisobanuro cyatanzwe atari cyo kuko niyo urubanza rwari kuba rwaraburanishijwe burundu, ntibari gusubira kuba ingaragu.

Kopi y'urubanza n° R.C.A 373/R1/2003-RCA 393/R2/03 rubatandukanya yometse ku ifishi ya UWITONZE Jean igaragaza ko rwaciwe ku wa 15 Ukuboza 2003 mu gihe icyemezo cyatanzwe ku wa 26 Nzeli 2003.

Komisiyo isanga kuba Ubuyobozi bw'Umujyi wa Cyangugu bwaratanze icyemezo cy'ingaragu urubanza rutaracibwa burundu, ngo uburenganzira bw'abashyingiranwe bugaragare ari ikosa rikomeye, ikaba isaba ubwo Buyobozi gukora ibishoboka ntihagire inyungu za MUKAYIRANGA Chantal zibangamirwa mu gihe hategerejwe ko urubanza ruri mu Rukiko rw'Ikirenga rucibwa burundu.

2. **Urubanza rwa SHUMBUSHO Protogène.**

Ku wa 14 Mutarama 2004, SHUMBUSHO Protogène utuye mu Kagari ka Kidashira, Umurenge wa Bugungu, Akarere k' Impala, Intara ya Cyangugu yandikiye Komisiyo avuga ko Akarere k'Impala kanze kumusezeranya na NATETE Béatrice kubera ko aterekana ibizatunga abana batatu yabyaranye na NYIRANAMBAJIMANA Dative babanye mu buryo butemewe n'amategeko.

Nyuma y'iperereza, Komisiyo yandikiye Umuyobozi w'Akarere k'Impala ibaruwa n° CRDH/098/04 yo ku wa 6 Gicurasi 2004 yifuza kumenya imiterere y'icyo kibazo.

Mu gukurikirana icyo kibazo, ku wa 8 Nzeri 2004, intumwa ya Komisiyo yabonanye n'Umuyobozi w'Akarere avuga ko ikibazo cyakemutse. SHUMBUSHO Protogène yerekanye ibizatunga abana yari yarabyaranye na NYIRANAMBAJIMANA Dativa, bahita bamusezeranya na NATETE Béatrice ku wa 28 Kamena 2004.

Komisiyo iranenga abakozi bo mu biro by'indangamimerere mu Karere k'Impala kuko babangamiye uburenganzira bwo gushyingiranwa n'uwo umuntu yifuza bashingiye ku bibazo byari gukemurwa n'izindi nzego mu bundi buryo.

L. Ikirego kirebana n'umuntu waciwe ikirenge no kwa muganga, i Gatagara, atabanje kubimenyeshwa.

Ku wa 22 Werurwe 2004, SHUMBUSHO Garasiyani ukomoka mu Kagari ka Nyarutovu, Akarere ka Gashonga mu Ntara ya Cyangugu yandikiye Komisiyo ayigezaho akarengane yagiriwe ku wa 21 Ugushyingo 2003 n'ibitaro by'abamugaye bya Gatagara byamuciye ukuguru bitabimumenyesheje kandi yari yagiye kukugoroza.

Ku wa 5 Mata 2004, Komisiyo yandikiye ubuyobozi bw'ibitaro bya Gatagara isaba ibisobanuro birambuye kuri iki kibazo.

Mw'ibaruwa yabwo yo ku wa 13 Gicurasi 2004, ubuyobozi bw'ibitaro bya Gatagara bwasubije ko SHUMBUSHO yaciwe akaguru kuko babonaga ari bwo buryo bwonyine bushoboka bwo kumufasha mu burwayi bwe, kandi ko biteguye gutanga ibisobanuro kuri icyo kibazo.

Ku wa 18 Kamena 2004, Komisiyo yagiye i Gatagara ivugana na Furere NGENDAHIMANA Célestin uyobora icyo kigo kuri icyo kibazo, yongera kwemeza ko SHUMBUSHO yaciwe akaguru kuko ari bwo buryo bwonyine bwashobokaga bwo kumufasha mu kibazo cye. Icyo cyemezo kikaba cyarafashwe n'inzobere mu buvuzi bw'amagufa, Dogiteri Philippe, ukorera umuryango "Médecins sans vacances" wo mu Bubiligi.

Kubera uburemere bw'icyo kibazo, ku wa 9 Nzeri 2004, Komisiyo yasubiye i Gatagara, yongera kuganira na Furere NGENDAHIMANA Célestin, ayibwira ko SHUMBUSHO yabanje kumenyeshwa iby'uko agiye kubagwa, akaba ari ko byari bisanzwe bigenda ku barwayi bose baza babagana. Yongeyeho ko hashyizweho ifishi ku buryo ugiye kubagwa wese azajya abanza agasinya ko abyemeye.

Komisiyo yavuganye n'ubuyobozi bw'ikigo cya Gatagara bwemera ko Komisiyo yabufasha kubuhuza na SHUMBUSHO kugira ngo bakemure ikibazo mu bwumvikane, byananirana bikazakizwa n'inkiko.

3.5. GUSURA AHAFUNGIYE ABANTU NO KUREBA KO UBURENGANZIRA BWABO BWUBAHIRIZWA (ingingo ya 3[g]).

Mu rwego rwo gushaka kumenya ibibazo biri muri kasho na gereza byerekeranye n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwo gufungirwa ahantu hatunganye, gusurwa, kugaburirwa, kuvurwa n'ibindi bijyanye n'imibereho yabo muri rusange, Komisiyo yasuye kasho na gereza zo mu ntara za Kibungo, Kibuye, Butare, Gikongoro, Ruhengeri, Gisenyi, Cyangugu na Byumba. Muri gereza na kasho zasuwe harimo iza gisivire n'iza gisirikare nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira :

3.5.1. Kasho na gereza za gisivire zasuwe.

Intara	Kasho na gereza zasuwe	Igihe zasuriwe
Kibungo	Kasho ya Kabarondo	Ku wa 19 na 24 Mata, ku wa 31 Gicurasi, ku wa 21 na 29 Nyakanga, ku wa 21 na 30 Nzeri 2004
	Kasho ya Mugesera	Ku wa 19 na 24 Mata, ku wa 21 na 31 Nzeri 2004
	Kasho ya Muhazi	Ku wa 19 na 24 Mata, ku wa 21 na 31 Nzeri 2004
	Kasho ya Rukira	Ku wa 19 na 24 Mata, ku wa 21 na 29 Nyakanga, ku wa 21 na 31 Nzeri 2004
	Kasho ya Rusumo	Ku wa 19 na 24 Mata, ku wa 21 na 30 Nzeri 2004
	Kasho ya Nyarubuye	Ku wa 19 na 24 Mata, ku wa 21 na 29 Nyakanga, ku wa 21 na 31 Nzeri 2004
	Kasho ya Kigarama	Ku wa 19 na 24 Mata, 21 na 29 Nyakanga, ku wa 21 na 31 Nzeri 2004
	Kasho y'Umujyi wa Rwamagana	Ku wa 19 na 24 Mata, ku wa 21 na 31 Nzeri 2004

	Kasho y'Umujyi wa Kibungo	Kuwa 19 na 24 Mata, ku wa 21 na 29 Nyakanga 2004
	Kasho ya Cyarubare	Kuwa 19 na 24 Mata, ku wa 21 na 29 Nyakanga 2004
	Kasho ya Kayonza	Ku wa 31 Gicurasi, ku wa 21 na 29 Nyakanga 2004
	Kasho ya Murindi	Ku wa 31 Gicurasi, ku wa 21 na 31 Nzeri 2004
	Kasho ya Mirenge	Ku wa 31 Gicurasi, ku wa 21 na 29 Nyakanga, ku wa 21 na 31 Nzeri 2004
Kibuye	Kasho ya Mabanza	Ku wa 26 Mata 2004
	Kasho ya Gisunzu	Ku wa 26 Mata 2004
	Kasho ya Nyange	Ku wa 26 Mata 2004
	Kasho ya Rutsiro	Ku wa 31 Werurwe 2004
	Kasho ya Rusenyi	Ku wa 22 Mata 2004
	Kasho y'Itabire	Ku wa 2 Gicurasi no ku wa 7 Nyakanga 2004
Butare	Kasho ya Sitasiyo ya Polisi y'Umujyi wa Butare	Ku wa 20 Nzeri 2004
	Kasho ya Sitasiyo ya Polisi ya Huye.	Ku wa 23 Ukwakira 2004
	Gereza ya Karubanda	Ku wa 13 Ukwakira 2004
Ruhengeri	Kasho ya Sitasiyo ya Polisi mu Mujyi wa Ruhengeri	Ku wa 28 Gashyantare no ku wa 30 Mata 2004
	Kasho ya Kinigi	Ku wa 27 Mata 2004
	Kasho ya Cyeru	Ku wa 30 Mata 2004
	Kasho ya Bugarura	Ku wa 20 Nyakanga 2004
	Kasho ya Nyamugari	Ku wa 23 Nyakanga 2004
	Kasho ya Kidaho	Ku wa 6 Nyakanga 2004
	Gereza ya Ruhengeri	Ku wa 23 Mutarama 2004
Gikongoro	Kasho ya Sitasiyo ya Polisi ya Gikongoro	Ku wa 8 Mutarama, ku wa 10 Werurwe, ku wa 4 Gicurasi, ku wa 7 Nyakanga no ku wa 22 Nzeri 2004
	Kasho ya Mudasomwa	Ku wa 30 Nzeri 2004
	Kasho ya Sitasiyo ya Polisi ya Munini mu Karere ka Nyaruguru	Ku wa 13 Gicurasi 2004
	Kasho ya Kinyamakara n'iya Karaba	Ku wa 1 Ukwakira 2004
	Gereza ya Gikongoro.	Ku wa 10 Gashyantare, ku wa 5 na 15 Ukwakira 2004
Gisenyi	Kasho ya Vunga	Ku wa 29 Gicurasi 2004
	Kasho ya Ramba	Ku wa 8 Nyakanga 2004
	Kasho za Kabaya, Gaseke na Kayove	Ku wa 18,19 na 23 Kanama 2004
	Kasho ya Cyanzarwe	Ku wa 22 Nyakanga 2004
	Kasho ya Ngororero	Ku wa 27 Nyakanga 2004
	Kasho ya Kanama	Ku wa 15 Nzeri 2004

	Kasho ya Nkamira	Ku wa 16 na 17 Nzeri 2004
Cyangugu	Kasho ya Gisuma	Ku wa 26 Kanama 2004
	Kasho ya Gafunzo	Ku wa 27 Kanama 2004
	Kasho Sitasiyo ya Polisi y'i Kamembe	Ku wa 14 Nzeri 2004
	Kasho za Nyakabuye na Karengera	Ku wa 22 Nzeri 2004

Muri rusange ibyagaragaye muri ayo makasho n'amagereza, ni uko abafungwa basurwa, bakavuzwa iyo barwaye. Abafungiwe muri kasho batungwa n'imiryango yabo naho abafungiye muri gereza bakagaburirwa na Leta.

Muri ayo makasho n'amagereza, hari abanyururu benshi bafungiwe mu byumba bito bikanatuma isuku iba nke. Urugero ni Gereza ya Cyangugu aho ibyumba biraramo umubare w'abantu usumba uwo byagenewe kwakira. Iyo gereza ifite n'igice gishakaje shitingi zashaje ku buryo kiva iyo ari mu gihe cy'imvura.

Hari kandi kasho zifungirwamo abantu kandi zitashyizweho n'ababifitiye ububasha. Urugero ni nka kasho ziri ku biro by'Imirenge ya Mahama mu Karere ka Nyarubuye, Rubona na Ndamira mu Mujyi wa Kibungo no mu Murenge wa Nyakariro mu Karere ka Bicumbi mu Ntara ya Kigali Ngali.

3.5.2. **Kasho na gereza za gisirikare zasuwe.**

Intara	Kasho na gereza	Igihe zasuriwe
Kigali Ngali	Kasho za Kigali Ngali	Ku wa 13 Gicurasi 2004
Umujyi wa Kigali	Kasho ya Polisi ya Gisirikare ya Kanombe na Gereza ya Gisirikare ya Mulindi.	Ku wa 10 Weruwe 2004
Gitarama	Kasho ya Gitarama.	Ku wa 9 Werurwe 2004 no ku wa 15 Mata 2004
Kibuye	Kasho ya Kibuye	Ku wa 16 na 17 Mata 2004
Cyangugu	Kasho ya Cyangugu	Ku wa 21 Mata 2004
Gikongoro	Kasho ya Gikongoro	Ku wa 22 Mata 2004
Butare	Kasho ya Butare	Ku wa 22 Mata 2004
Ruhengeri	Kasho ya Ruhengeri	Ku wa 26 Mata 2004
Gisenyi	Kasho ya Gisenyi	Ku wa 27 Mata 2004
Byumba	Kasho ya Byumba	Ku wa 28 Mata 2004
Umutara	Kasho ya Nyagatare	Ku wa 3 Gicurasi 2004

Muri rusange nta bibazo byerekeranye n'imibereho byagaragaye muri Kasho na Gereza za Gisirikare. Komisiyo yasanze ariko hari aho abasirikare n'abasivire bafungiwe hamwe, ikaba isaba ko batandukanywa.

3.6. GUSABA GUKURIKIRANA MU NZEGO Z'UBUCAMANZA UWO ARI WE WESE WAKOZE IBIKORWA BIHUTAZA UBURENGANZIRA BWA MUNTU (ingingo ya 3[i].

Ku birebana n'iyi nshingano, ishingiye ku bibazo yagejejweho cyangwa ibyo yakurikiranye ibyibwirije, Komisiyo yagiye ishyira ahagaragara abantu ku giti cyabo cyangwa se abitwaje imyanya y'ubuyobozi bagaragayeho ibikorwa bihutaza uburenganzira bwa muntu. Ku bibazo bimwe na bimwe Komisiyo yandikiye inzego z'ubutabera n'iza Polisi y'Igihugu izisaba gukurikirana abagize uruhare mu guhungabanya uburenganzira bwa muntu. Urugero ni nk'ikibazo kirebana n'abagize uruhare mu bwicanyi n'urugomo byakorewe abacitse ku icumu n'abagaragaje ubushake mu kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside mu Ntara ya Gikongoro na Butare. Nyuma y'ipererereza yakoze, Komisiyo yasabye inzego z'ubutabera kwihutira gukurikirana no guhana by'intangarugero abagize uruhare muri ubwo bwicanyi.

Ikindi ni uko mu myanzuro ku birego yagejejweho ikanabikurikirana mu mwaka w'2004, Komisiyo yasabye inzego z'ubutabera n'iza Polisi y'Igihugu gukurikirana abantu bagize uruhare mu guhohotera abaturage.

Inshingano ya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ivugwa mu ngingo ya 3 (i) y'Itegeko n° 37/2002 ryo ku wa 31 Ukuboza 2002 rishyiraho Komisiyo ku byerekeye kurenganura umuturarwanda wavukijwe uburenganzira bwe binyujijwe mu nzego z'ubucamanza, igarukira gusa ku "*gusaba gukurikirana mu nzego z'ubucamanza uwo ari we wese wakoze ibikorwa bihutaza uburenganzira bwa muntu*".

Ku bijyanye kandi no kurenganura uwo ari we wese wavukijwe uburenganzira bwe, ingingo y'177 (3°) y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 iha Komisiyo inshingano irushijeho gusobanuka kuko rivuga ko Komisiyo ifite inshingano yo "*gukora ipererereza kw'ihungabanywa ry'uburenganzira bwa muntu no kuregera inkiko zibishinzwe*".

Komisiyo yatekereje ku ishyirwa mu bikorwa ry'iyo nshingano isanga bisaba ihindurwa ry'amategeko anyuranye ariho ubu kugira ngo ahuzwe n'iyo ngingo y'Itegeko Nshinga. Mu rwego rwo kugenzura niba uwo mwanzuro yari yafashe uhuje n'ukuri koko, yiyambaje abahanga mu by'amategeko batatu :

- Abarimu babiri, umwe wo muri Kaminuza y'u Rwanda n'umwe wo muri Kaminuza Yigenga ya Kigali.
- Avoka umwe wo mu Rugaga rw'Abavoka bo mu Rwanda.

Abo bose uko ari batatu, buri wese yohererejwe inyandiko imusaba kwerekana uburyo Komisiyo yashyira mu bikorwa inshingano ihabwa n'Itegeko Nshinga yo kuregera inkiko.

Abo bahanga barashubije, buri wese ku giti cye, bose bahuriza kw'ihindurwa ry'amwe mu mategeko ariho ubu kugira ngo ahuzwe n'iyo nshingano iteganywa n'Itegeko Nshinga.

Amategeko y'ingenzi basanze agomba guhinduka mu ngingo zayo nkeya ni aya akurikira :

1. Mu Itegeko n° 13/2004 ryo ku wa 17 Gicurasi 2004 ryerekeye Imiburanishirize y'Imanza z'Inshinjabyaha, hahinduka :

- **Ingingo ya 2, igika cya 2 :**

«Ikirego cy'ikurikiranabyaha ni ikirego gitangwa mu izina rya rubanda, imbere y'inkiko ziburanisha imanza z'inshinjabyaha, kigamije guhana umuntu wahamwe n'icyaha. **Icyo kirego gikurikiranwa n'ubushinjacyaha**».

- **Ingingo ya 10** :

«Ikirego cy'indishyi gishobora gutangwa n'uwangirijwe n'icyaha wese. Ashobora kuba ari umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi yaba ikigo cya Leta cyangwa icy'abikorera ku giti cyabo. **Ariko, amashyirahamwe aharanira kurengera abakorerwa ibikorwa by'ihohoterwa yashyizweho mu buryo bwemewe n'amategeko, ashobora kurega mu mwanya w'uwahohotewe, amuburanira indishyi kubera ibikorwa byakozwe**.

2. Itegeko n° 18/2004 ryo ku wa 20 Kamena 2004 ryerekeye Imiburanishirize y'Imanza z'Imbonezamubano, iz'Ubucuruzi, iz'Umurimo niz'ubutegetsi, hahindurwa :

- **Ingingo ya 12 :**

«Buri rukiko ruburanisha mu rwego rwa mbere ruregerwa rwandikiwe ikirego cyangwa kivuzwe mu magambo **n'urega ubwe, umwunganira cyangwa undi muntu yabihereye ububasha**».

3. Itegeko n° 03/97 ryo ku wa 19 Werurwe 1997 rishyiraho urugaga rw'Abavoka mu Rwanda :

- **Ingingo ya 50 :**

«Abavoka bonyine nibo bafite uburenganzira bwo kuburanira imbere y'inkiko, uretse ibyo amategeko ateganya ukundi. Avoka afite ububasha bwo kuburana imbere y'inkiko atagombye kwerekana ko hari uwamutumye, keretse iyo itegeko risaba ubutumwa bwihariye. **Cyakora, uburana ashobora kwiburanira ku giti cye, cyangwa akaburanirwa n'uwo bashakanye, umubyeyi we cyangwa se uwo bafitanye isano, babifitiye icyemezo cyanditse cyemewe by'umwihariko n'umucamanza ; uburana ashobora no kuburanirwa n'umurera cyangwa umuhagarariye mu buryo bwemewe n'amategeko ».**

4. Itegeko n° 37/2002 ryo ku wa 31 Ukuboza 2002 rihindura kandi ryuzuza itegeko n° 04/99 ryo ku wa 12/03/1999 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu :

*

* *

- **Ingingo ya 3 (i) :**

«**gusaba gukurikirana mu nzego z'ubucamanza uwo ari we wese wakoze ibikorwa bihutaza Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu**».

- **Ingingo ya 4 ter :**

«Abagize Komisiyo bafite ububasha bw'ubugenzacyaha buhoraho ku ifasi yose y'u Rwanda igihe bari mu mirimo yabo. Iyo bibaye ngombwa umukozi wa Komisiyo ahabwa ububasha bw'ubugenzacyaha abisabiwe na Perezida wa Komisiyo mu nzego zibishinzwe. »

Komisiyo imaze kubona urwo rutonde rw'amategeko agomba guhinduka kugira ngo inshingano ihabwa n'Itegeko Nshinga yo kuregera Inkiko ishobore gushyirwa mu bikorwa, yasanze icyo gitekerezo ari cyo nayo yari yarafashe, cyane cyane ko n'ubusanzwe iyo hagiyeho Itegeko Nshinga rishya guhindura amategeko yari asanzweho kugira ngo ahuzwe na ryo ari ibintu biba biteganyijwe.

N'ubwo itegeko rishyiraho Komisiyo ari ryo risoza urutonde rw'amategeko yagombye guhinduka rwagaragajwe, Komisiyo isanga ihindurwa ry'iryo tegeko ari ryo rikwiye kuzabanza kugira ngo rihuzwe n'Itegeko Nshinga, no kugira ngo ibikenewe byose ngo Ingingo ya 177 (3°) y'Itegeko Nshinga ishyirwe mu itegeko rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo, bityo iyo nshingano iri mu Itegeko Nshinga igashyirwa muri iryo tegeko kandi igasobanurwa bihagije.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, imirimo yo gutegura imbanzirizamushinga y'iryo tegeko ikorwa na Minisiteri y'Ubutabera ifatanyije na Komisiyo iri hafi kurangira.

Ishingiye kuri ibyo bisobanuro, Komisiyo iboneyeho gusaba Inteko ishinga Amategeko kwakira neza icyo cyerekezo cyo guhindura amategeko no kuzagishyira mu bikorwa igihe nikigera.

3.7. GUFATANYA NA KOMISIYO Z'IBINDI BIHUGU ZISHINZWE UBURENGANZIRA BWA MUNTU, AMASHYIRAHAMWE AKORERA MU GIHUGU N'IMIRYANGO MPUZAMAHANGA MU BIKORWA BYO KUBAHIRIZA NO GUTEZA IMBERE UBURENGANZIRA BWA MUNTU (ingingo ya 3 [j]).

Mu rwego rwo kungurana ibitekerezo ku buryo uburenganzira bwa muntu bwarindwa kandi bugatezwa imbere, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakurikiranye ibikorwa by'inama zinyuranye zagiye zitegurwa zikanaterwa inkunga na Komisiyo z'Uburenganzira bwa Muntu n'imiryango binyuranye. Bitewe n'akamaro k'inama zimwe na zimwe, byabaye ngombwa ko Komisiyo igira izo ikurikirana ikoresheje amafaranga yo ku ngengo y'imari igenerwa na Leta.

- **Ubufatanye n'izindi Komisiyo z'uburenganzira bwa muntu.**

Kuva ku wa 19 kugeza ku wa 20 Gashyantare 2004, Komisiyo yakurikiranye inama ku burenganzira n'ubwisanzure mu gutanga ibitekerezo (liberté d'expression) yabereye i Pretoria muri Afurika y'Epfo. Iyo nama yateguwe na Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu

n'ubw'Abaturage ifatanyije n'umuryango witwa "Article 19", yari igamije kwigira hamwe ukuntu uburenganzira bwo kwerekana ibitekerezo, uburenganzira bw'itangazamakuru n'uburenganzira bwo kubona amakuru byakubahirizwa mu bihugu bya Afurika. Mu myanzuro y'iyo nama, Komisiyo isanga abaturage bakwiye gukangurirwa uruhare rw'uburenganzira bw'itangazamakuru mu nyungu zabo. Isanga kandi inzego za Leta zikwiye gukangurirwa inshigano y'itangazamakuru mu bihugu bigendera ku mategeko no ku mahame ya demokarasi. Komisiyo isanga na none itangazamakuru rikwiye gukangurirwa ko ubwigenge butavuga kwigira icyigenge.

Ku wa 24 na 25 Gashyantare 2004, ku butumire bwa Komite Mpuzabikorwa ya Komisiyo Nyafurika z'Uburenganzira bwa Muntu, mu nama yabereye i Johannesbourg muri Afurika y'Epfo, Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda, nk'imwe mu zigize iyo Komite Mpuzabikorwa, yafatanyije n'izindi mu kwiga uburyo hashyirwaho ubunyamabanga buhoraho bw'iyo Komite. Hizwe kandi ibirebana n'imikoranire ya Komite n'izindi nzego zaba nyafurika cyangwa mpuzamahanga ziharanira uburenganzira bwa muntu. Abari mu nama bize no ku kirangantego cy'ubunyamabanga bwa Komite. Mu bintu n'ibindi, haganiriwe ku ruhare rw'uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco no ku birebana n'ubusugire n'icyubahiro bya muntu n'iby'igihugu.

Kuva ku wa 6 kugeza ku wa 18 Mata 2004, intumwa za Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburengazira bwa Muntu zakurikiranye inama mpuzamahanga ya 60 ya Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu y'Umuryango w'Abibumbye yabereye i Genève mu Busuwisi. Ku wa 7 Mata 2004, Intumwa za Komisiyo zakurikiranye umuhango wo kuzirikana jenoside yabaye mu Rwanda wari wateguwe na Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu y'Umuryango w'Abibumbye. Muri uwo muhango Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye yagaragaje ko amahanga agomba kwemera uruhare rwayo muri jenoside yabaye mu Rwanda, akemera ko hari icyo yagombaga gukora kugira ngo babuze ko iba cyangwa bayihagarike igitangira. Yanatanze gahunda y'ibikorwa byo kurwanya jenoside inzego zose z'Umuryango w'Abibumbye zigomba gushyira mu bikorwa.

Mu gihe cy'iyo nama, intumwa ya Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda yavuzemo ijambo imbere y'inama rusange, yibanda ku kugaragaza intambwe igihugu kimaze gutera mu guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu. Yasabye ko amahanga yagira uruhare mu gukemura ibibazo biterwa n'ingaruka za jenoside, harimo gutera inkunga yashyirwa mu kigega cyo gufasha abacitse ku icumu no gutera inkunga porogaramu ziteza imbere imibereho myiza y'abanyarwanda n'imiyoborere myiza.

Mu gihe cy'iyo nama na none, intumwa za Komisiyo zagiye mu nama ya 15 ya Komite Mpuzamahanga Ishinzwe guhuza ibikorwa bya za Komisiyo z'Uburenganzira bwa Muntu z'Ibihugu. Izo ntumwa zanakurikiranye inama ya 4 y'Inama y'Ubutegetsi y'Ishyirahamwe rya za Komisiyo z'ibihugu bivuga ururimi rw'igifaransa, Komisiyo y'u Rwanda nayo ikaba iri muri iyo nama y'ubutegetsi.

Kuva ku wa 29 kugeza ku wa 30 Mata 2004, ku butumire bwa Komisiyo y'igihugu cya Kenya ishinzwe Uburenganzira bwa Muntu, Komisiyo yakurikiranye inama ku mushinga w'amasezerano mpuzamahanga y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye abantu bafite ubumuga yabereye i Nairobi muri Kenya. Uretse Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda, izindi komisiyo zitabiriye iyo nama n'iz'ibihugu bya Kenya, Uganda, Tanzaniya na

Etiopiya. Uwo mushinga ufite umwihariko kuko utangaza uburenganzira mu by'imbonezamubano na politiki, uburenganzira mu by'ubukungu, umuco n'amajyambere by'abantu bafite ubumuga.

Kuva ku wa 8 kugeza ku wa 22 Gicurasi 2004, ku butumire bw'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bwa Muntu, intumwa za Komisiyo zakurikiranye amahugurwa ajyanye n'ukuntu inzego za Leta zashyira mu bikorwa ibyifuzo by'inzego zishinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'Amasezerano mpuzamahanga (Organes des Traités) yabereye mu gihugu cy'u Busuwisi. Intumwa za Komisiyo zagejeje ku bari muri ayo mahugurwa uko gahunda y'ibikorwa y'imyaka itatu, ku birebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyifuzonama byavuye mu nzego z'Umuryango w'Abibumbye zishinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'amasezerano mpuzamahanga, yaba iteye ku rwego rw'igihugu.

Kuva ku wa 16 kugeza ku wa 19 Gicurasi 2004, Komisiyo yatumiwe mu nama ya mbere y'isi ku burenganzira bwa muntu yabereye i Nantes mu Bufaransa. Ingingo z'ingenzi zaganiriweho zari zerekeranye n'iterabwoba rikorwa n'ibyihebe (terrorisme), ivangura n'ibyo rigaragariramo byose hamwe n'ubukene. Abari mu nama basanze ivangura n'ubukene bigomba kurwanywa kugira ngo agaciro ka muntu karusheho gushinga imizi n'urwitwazo rw'ibyiheye bikora iterabwoba rushire. Abari mu nama basanze kandi nta mpamvu n'imwe ishobora gusobanura iterabwoba uretse gufata bugwate demokarasi n'uburenganzira bwa muntu.

Kuva ku wa 21 Gicurasi kugeza ku ya 4 Kamena 2004, Komisiyo yakurikiranye inama isanzwe ya 35 ya Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage yabereye i Banjul muri Gambiya. Mu byo iyo nama yibanzeho by'ingenzi harimo gusuzuma raporo z'ibihugu zashyikirijwe Komisiyo Nyafurika, ikibazo cyo gushyira umukono ku masezerano ashyiraho urukiko nyafurika rw'uburenganzira bwa muntu no kuyemeza mu mategeko ya buri gihugu, ikibazo cy'impunzi n'icy'abavanywe mu byabo muri Afurika, ibirebana no gushyira umukono no kwemeza amasezerano nyafurika arengera uburenganzira bw'umugore na raporo zihariye ku byo buri komiseri muri Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'abaturage yakoze. Intumwa ya Komisiyo yafashe ijambo mu izina rya za Komisiyo z'ibihugu zishinzwe uburenganzira bwa muntu zifite stati y'ubunyamuryango ashima ubufatanye buri hagati ya za Komisiyo na Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage. Yibukije ko ibihugu bya Afurika bidafite za Komisiyo zikurikije amahame yiswe ay'i Paris bikwiye kwihutira kuzishyiraho kandi n'aho ziri ubwigenge bwazo bugakomeza gushyigikirwa. Intumwa ya Komisiyo y'u Rwanda yagaragaje ko ikibazo cy'Abatwa cyasobanuwe nabi muri iyi nama ko kigomba kwitabwaho nk'ikibazo cy'abandi Banyarwanda bose bahuje ibibazo by'imibereho, byo kwiga, by'ubutaka buto n'ibindi. Ikibazo cyabo ntikigomba gukemurwa hashingiwe ko biyita abasangwabutaka ngo baba barageze mu Rwanda mbere y'abandi. Muri iyo nama kandi, Komiseri MUKIRYA NYANDUGA Tom yatanze raporo yihariye kuri za gereza n'uburyo imfungwa zifashe muri Afurika. Yavuze ko mu bihugu yasuye harimo u Rwanda akaba muri gereza yasuye harimo n'iya Gitarama aho yasanze ibintu bikorwa nk'uko bikwiriye, ko kandi imfungwa zidafashwe nabi n'ubwo ari nyinshi kubera jenoside yabaye mu Rwanda.

Kuva ku wa 14 kugeza ku wa 17 Nzeri 2004, Komisiyo yakurikiranye inama mpuzamahanga ya 7 ya za Komisiyo z'Ibihugu z'Uburenganzira bwa Muntu yabereye i Séoul muri Koreya y'epfo. Iyo nama yari igamije gushakira hamwe uko iterabwoba rikorwa n'ibyihebe (terrorisme) ryarwanywa, hagaragazwa ububisha bwaryo mu kubangamira amahame ya demokarasi. Ikindi iyo nama yagaragaje, ni uko uburenganzira mu rwego rw'ubukungu, imibereho

myiza, umuco n'amajyambere bugomba kwitabwaho by'umwihariko kuko biri mu mpamvu zimwe z'urwitwazo rw'iryo terabwoba, kandi ubwo burenganzira butubahirijwe ntabwo isi yagera ku mahoro n'amajyambere. Hanagaragajwe uruhare rwa za Komisiyo z'Ibihugu zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu mu bihe by'intambara n'iterabwoba. By'umwihariko izo Komisiyo zikwiye kwita ku burenganzira bw'umugore kuko ari bwo buhungabanywa cyane mu bihe nk'ibyo. Muri iyo nama Komisiyo y'u Rwanda yatanzemo ikiganiro ku burenganzira bw'umugore n'intambwe bumaze gutera mu Rwanda.

Kuva ku wa 18 kugeza ku wa 21 Ukwakira 2004, ku butumire bwa Komisiyo y'Ubumwe bwa Afurika, intumwa za Komisiyo zakurikiranye inama ya mbere ya za Komisiyo z'Uburenganzira bwa Muntu zo ku mugabane wa Afurika yabere Addis-Abeba muri Etiyopiya. Iyo nama yateguwe n'Urwego rushinzwe ibya Politiki rw'Ubumwe bw'Afurika rufatanyije n'ibiro by'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bwa Muntu biri Addis-Abeba. Iyo nama yari igamije gushishikariza za Komisiyo z'Ibihugu zishinzwe Uburenganzira bwa Muntu kurushaho kunoza imikorere yazo n'imikoranire n'izindi Komisiyo, inzego za Leta n'izikorera ku giti cyazo. Ibi bikaba bigamije ko Komisiyo zo ku mugabane wa Afurika zirushaho kuzuza inshingano zazo kuko bikozwe gutyo byaba ari inzira igana ku mahoro imiyoborere myiza, demokarasi n'iterambere.

Kuva ku wa 23 kugeza ku wa 30 Ugushyingo 2004, Komisiyo yakurikiranye inama isanzwe ya 36 ya Komisiyo Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage yabereye i Dakar muri Sénegal. Iyo nama yari igamije kureba ubufatanye buri hagati ya za Komisiyo z'uburenganzira bwa muntu n'imiryango itegamiye kuri Leta, gusuzuma raporo z'ibihugu ku burenganzira bwa muntu, ishyirwaho ry'Urukiko Nyafurika rw'Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage. Iyo nama yize kandi ku kibazo cy'igihano cy'urupfu, ku mibereho y'abafunze n'imiterere y'aho bafungiye, uburyo bafunzwemo n'icyakorwa kugira ngo uburenganzira bwabo burusheho kubahirizwa. Haganiriwe kandi ku kibazo cy'iterabwoba (terrorisme) n'uburenganzira bwa muntu. Intumwa ya Komisiyo y'u Rwanda yagaragarije abari muri iyo nama intambwe u Rwanda rumaze gutera mu birebana no kubahiriza uburenganzira bwa muntu.

- **Ubufatanye n'amashyirahamwe akorera mu Rwanda.**

Komisiyo yakomeje gufatanya n'amashyirahamwe akorera mu Rwanda aharanira kurengera no guteza imbere uburenganzira bwa muntu. Ubwo bufatanye bwagaragariye mu mahugurwa, mu bikorwa byo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca, mu birebana no kungurana ibitekerezo no mu bikorwa byo kwizihiza iminsi ngarukamwaka y'uburenganzira bwa muntu.

- **Amahugurwa :**

Hari amahugurwa yategurwaga n'iyo miryango Komisiyo igatumirwa mu kuyunganira itangamo ibiganiro birebana n'uburenganzira bwa muntu. Ayo mahugurwa ni nk'ayateguwe na HUGURUKA n'ayateguwe n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru. Hari kandi n'amahugurwa yateguwe na Komisiyo igatumiramo ayo mashyirahamwe. Ayo ni nka CLADHO na LDGL.

- **Gukurikirana ibikorwa by'Inkiko Gacaca :**

Mu rwego rwo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca, Komisiyo yafatanije n'andi mashyirahamwe afite icyo gikorwa mu nshingano zayo. Komisiyo ikaba ari yo ihuza ibikorwa by'imiryango n'amashyirahamwe bikurikirana imirimo y'Inkiko Gacaca.

- **Gukurikirana inama nyunguranabitekerezo zateguwe n'indi miryango :**

Komisiyo yakurikiranye inama nyunguranabitekerezo y'iminsi ibiri yateguwe n'ihuriro CCOAIB ku mutekano w'abatangabuhamya mu Nkiko Gacaca yabereye i Kigali.

- **Ibikorwa byo kwizihiza iminsi ngarukamwaka y'uburenganzira bwa muntu.**

Mu rwego rwo kwizihiza umunsi mukuru w'uburenganzira bwa muntu uba ku wa 10 Ukuboza, Komisiyo yafatanyije n'impuzamashyirahamwe CLADHO mu gutegura ibirori mu rwego rw'igihugu byabereye mu Ntara ya Kigali Ngali.

- **Ubufatanye n'imiryango mpuzamahanga.**

Muri iki gice, haragaragaramo ibikorwa byaranze ubufatanye hagati ya Komisiyo n'imiryango mpuzamahanga yaba ikorera mu Rwanda cyangwa ifite icyicaro mu mahanga.

Umuryango w'Ibihugu Bihuriye ku Rurimi rw'Igifaransa watumiye Komisiyo mu gikorwa cyo gukurikirana amatora y'abagize inteko ishinga amategeko ya Guinée Bissau. Intumwa ya Komisiyo yakurikiranye icyo gikorwa kuva ku wa 21 Werurwe kugeza ku wa 3 Mata 2004. Byagaragariye intumwa ya Komisiyo ko mu rwego mpuzamahanga Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu y'u Rwanda ikomeje kugirirwa icyizere, kumenyekana no kwitabazwa nk'urwego rufite ubumenyi mu bikorwa byo gukurikirana amatora.

Ikigo gishinzwe Uburenganzira bwa Muntu na Demokarasi cy'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana cyatumiye Komisiyo mu mahugurwa yabereye i Cotonou muri Bénin kuva ku wa 10 kugeza ku wa 25 Nyakanga 2004 ku birebana n'uburenganzira bwa muntu na demokarasi.

Umuryango Utegamiye kuri Leta "Kituo cha Katiba" ukorera mu bihugu bigize Akarere ka Afurika y'Iburasirazuba watumiye Komisiyo mu nama yabereye Arusha mu gihugu cya Tanzaniya kuva ku wa 12 kugeza ku wa 13 Ugushyingo 2004 ku birebana na Komisiyo z'Uburenganzira bwa muntu n'inshingano zazo mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba. Komisiyo z'ibihugu bigize ako karere zunguranye ibitekerezo zinagezanyaho amakuru ku mikorere yazo no ku byo zimaze kugeraho. Komisiyo y'u Rwanda yatanze ikiganiro ku birebana n'uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco, igaragaza uburyo Komisiyo zigomba guteza imbere no kurinda ubwo burenganzira. Yagaragaje ko Komisiyo zigomba gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta mu birebana no guteza imbere uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco.

Komisiyo yakomeje ubufatanye na serivisi y'Abadage ishinzwe amajyambere (DED) mu bikorwa bijyanye no kwigisha no gukangurira abaturarwanda uburenganzira bwa muntu.

Mu mwaka w'2004, Komisiyo yakomeje ubufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana (UNICEF) bushingiye ku guteza imbere uburenganzira bwa muntu binyuze mu gushyiraho ihuriro ry'ubuvugizi ku burenganzira bw'umwana.

Komisiyo yakomeje ubufatanye n'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi bushingiye ku bikorwa by'umushinga ukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu nkiko Gacaca uwo muryango uteramo inkunga Komisiyo.

Komisiyo yakomeje ubufatanye n'Ishami y'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bwa Muntu bushingiye ku mushinga RWA/02/001. Iryo shami ryateye inkunga amahugurwa ku birebana n'amasezerano mpuzamahanga y'uburenganzira bwa muntu n'uko yashyirwa mu bikorwa yagiwemo n'umwe mu bagize Komisiyo n'abakozi batatu. Ayo mahugurwa yabereye i Genève mu gihugu cy'Ubusuwisi yibanze ku masezerano mpuzamahanga ku burenganzira bw'umwana. Ubwo bufatanye bwanashingiye ku butumire mu nama ya Komite mpuzabikorwa ya za Komisiyo z'ibihugu zishinzwe uburenganzira bwa muntu iba buri mwaka no mu nama y'iryo shami iba buri mwaka. Iri shami kandi ryateye inkunga Komisiyo mu mahugurwa yakurikiranywe n'abakozi bayo babiri ku birebana n'umusogongero ku burenganzira bwa muntu, gukora amaperereza, igenzura no gukora raporo ku ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu yabereye mu Rwanda no muri Kenya.

Usibye ubufatanye bushingiye ku kungurana ibitekerezo ku buryo uburenganzira bwa muntu bwarindwa bukanatezwa imbere, Komisiyo yaranzwe kandi n'ubufatanye bushingiye ku butwererane no ku mikoranire y'inzego.

- **Ubufatanye na za Ambasade.**

Ambasade y'Ubwongereza yateye inkunga Komisiyo mu birebana n'amahugurwa agamije kongerera ubushobozi abakozi bayo. Hahuguwe abakozi bo ku cyicaro cya Komisiyo n'abakorera mu Ntara, bahugurwa mu birebana n'uburenganzira bwa muntu mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco no ku bijyanye no gukurikirana ibimenyetso no kubishakisha.

Ibiro by'Ubutwererane bya Ambasade y'Ubusuwisi byakomeje ubutwererane na Komisiyo mu bikorwa byo guteza imbere uburenganzira bwa muntu no kongerera ubushobozi abakozi bayo, by'umwihariko, mu mahugurwa ku burenganzira bwa muntu yari agenewe abayobozi b'ibanze. Yateye kandi inkunga Komisiyo mu birebana n'amahugurwa y'abakozi bayo babiri ku birebana n'uburenganzira bwa muntu yabereye i Strasbourg mu gihugu cy'Ubufaransa.

- **Ubufatanye bushingiye ku mikoranire y'inzego.**

  - **Ubufatanye n'inzego za Leta.**

- **Perezidansi ya Repubulika.**

Mu rwego rwo gutegura inama mpuzamahanga y'Akarere k'Ibiyaga Bigari ku mahoro n'amajyambere, iyoborwa na Perezidansi ya Repubulika ku ruhande rw'u Rwanda, Komisiyo iyobora itsinda rishinzwe kwiga ibijyanye n'imibereho myiza, ubutabazi n'uburenganzira bwa muntu. Itsinda Komisiyo iyobora rigizwe na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu,

Urwego rw'Umuvunyi, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Minisiteri ifite imibereho myiza y'Abaturage mu nshingano zayo, CLADHO na AMUR. Iyo nama igamije kugera ku masezerano y'amahoro n'ay'ubufatanye kugira ngo ibihugu by'aka karere bizagere ku majyambere arambye.

- **Inteko ishinga Amategeko.**

Ubufatanye n'Inteko ishinga Amategeko bwagaragariye mu gutanga ibitekerezo ku mishinga y'amategeko. Bwagaragariye kandi mu kugeza kuri iyo Nteko raporo ya Komisiyo y'ibikorwa by'umwaka w'2003 na gahunda y'ibikorwa byayo by'umwaka w'2004. Ubwo bufatanye kandi bwagaragariye ku mubonano wabaye hagati ya Komisiyo na Komisiyo ya Sena ishinzwe ububanyi n'amahanga, ubutwererane n'umutekano bavugana ku buremere bw'ibyaha by'ubwicanyi, urugomo n'ubugizi bwa nabi n'ingaruka zabyo ku mutekano w'abantu n'ibyabo.

- **Urukiko rw'Ikirenga.**

Ubufatanye hagati ya Komisiyo n'Urukiko rw'Ikirenga bwashingiye ku biteganywa n'Itegeko Nshinga rishyira Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu mu Nama Nkuru y'Ubucamanza. Komisiyo yakurikiranye imirimo kandi itanga ibitekerezo muri iyo Nama igihe cyose yateranye. Komisiyo kandi yanahuguye mu bijyanye n'uburenganzira bwa muntu abacamanza bose bari batangiye akazi.

- **Minisiteri y'Ubutabera.**

Ibisabwe na Minisiteri y'Ubutabera, Komisiyo yitabiriye igikorwa cyo guhugura abunzi bari batoranyijwe kugira ngo nyuma nabo bazahugure abandi. Icyo gikorwa cyabaye mu Rwanda hose. Komisiyo kandi yatumiwe na Minisiteri y'Ubutabera mu nama zinyuranye. Twavuga nk'inama zahuje abakurikirana imirimo y'inkiko gacaca. Komisiyo yatanze kandi umukozi uhoraho ufatanya n'abakozi bo muri Minisiteri y'Ubutabera mu bwanditsi bw'ikinyamakuru Inkiko Gacaca. Ku butumire bwa Minisiteri y'Ubutabera, Komisiyo yitabiriye imirimo y'inama nyunguranabitekerezo ku itegurwa rya « Plan stratégique » ku butabera y'iyo Minisiteri.

- **Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage.**

Komisiyo yagiranye ubufatanye na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage mu birebana no gutegura porogaramu y'uburere mbonera gihugu, Komisiyo ikaba ari Perezida Wungirije wa Komite Nyobozi muri icyo gikorwa. Ubwo bufatanye kandi bwagaragariye mu mahugurwa y'abayobozi b'inzego z'ibanze Komisiyo igiramo uruhare itanga inyigisho ku burenganzira bwa muntu.

- **Minisiteri y'Uburezi, Ubumenyi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi.**

Komisiyo yakomeje kugirana ubufatanye na Minisiteri y'Uburezi, Ubumenyi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi, mu birebana no kwinjiza uburenganzira bwa muntu mu nyigisho z'amashuri yisumbuye. Komisiyo yagiranye ubufatanye n'iyo Minisiteri mu rwego rwo guhugura abashinzwe amasomo n'abarimu bahagarariye amashuri nderabarezi ntangarugero (TTC) bo mu gihugu bose.

- **Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango.**

Ku birebana n'ubufatanye na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Komisiyo yatumiwe mu nama zinyuranye zirebana n'uburenganzira bw'abana n'ubw'abagore. Komisiyo yafatanyije n'iyo Minisiteri mu myiteguro yo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'abagore, inafatanya n'iyo Minisiteri mu gushyiraho ihuriro ku buvugizi bw'uburenganzira bw'umwana. Komisiyo yafatanyije kandi n'iyo Minisiteri gutegura raporo ku burenganzira bw'umwana yashyikirijwe Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe Uburenganzira bw'Umwana muri Gicurasi 2004.

- **Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco na Siporo.**

Ku birebana n'ubufatanye na Minisiteri y'Urubyiruko, Umuco na Siporo, Komisiyo yatumiwe mu nama nyunguranabitekerezo ku itegeko rigena inshingano, imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside. Komisiyo ifatanya n'iyo Minisiteri mw'itegurwa ry'icyumweru cy'icyunamo mu rwego rw'igihugu no mw'itegurwa ry'umunsi wo kwibuka jenoside.

- **Minisiteri y'Itanganzamakuru muri Minisiteri y'Intebe.**

Ku butumire bwa Minisiteri y'Itanganzamakuru muri Minisiteri y'Intebe, Komisiyo yitabiriye amahugurwa ku mahame y'itangazamakuru rikoranye ubuhanga. Harebewe hamwe ihuriro ry'amategeko n'amahame by'itangazamakuru, hanonosorwa gahunda y'ingamba (plan stratégique) yateganyijwe n'iyo Minisiteri. Komisiyo yagiye kandi itumirwa mu nama zinyuranye zijyanye n'itangazamakuru.

- **Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge.**

Ku butumire bwa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakomeje gutanga ibiganiro ku burenganzira bwa muntu mu ngando zinyuranye zateguwe n'iyo Komisiyo. Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yafatanyije n'iyo Komisiyo gutegura inama nkuru y'abana mu rwego rw'igihugu.

- **Komisiyo y'Igihugu yo Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abavuye ku Rugerero**.

Ku butumire bwa Komisiyo y'Igihugu yo Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abavuye ku Rugerero, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakomeje gutanga ibiganiro binyuranye ku burenganzira bwa muntu mu ngando z'abavuye ku rugerero n'iz'abari abacengezi.

- **Komisiyo y'Igihugu ishinzwe kurwanya SIDA.**

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, yafatanyije na Komisiyo y'Igihugu ishinzwe kurwanya SIDA mw'itegurwa rya gahunda y'ibikorwa bigamije kurwanya SIDA. Komisiyo yitabira kandi inama zinyuranye zigamije kurwanya SIDA.

- **Parike Nkuru.**

Ubufatanye hagati ya Komisiyo na Parike Nkuru bwashingiye ku biteganywa n'Itegeko Nshinga rishyira Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu mu Nama Nkuru ya Parike. Komisiyo yakurikiranye inama z'urwo rwego itanga n'ibitekerezo ku ngingo zabaga ziri kuri gahunda y'ibyigwa. Komisiyo yatumiwe kandi mu nama yo gutegura ingamba z'igihe kirekire (plan stratégique) z'urwo rwego.

- **Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca.**

Ubufatanye hagati ya Komisiyo n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca bwagaragariye mu guhugura inyangamugayo mu Nkiko Gacaca mu bijyanye n'uburenganzira n'inshingano z'umuturage. Komisiyo kandi ifitanye ubufatanye n'urwo rwego mu gikorwa cyo gukurikirana imikorere y'inkiko Gacaca ikanayiha raporo y'ibyo yakurikiranye. Komisiyo yatumiwe mu nama zinyuranye itanga ibitekerezo ku migendekere myiza y'inkiko Gacaca.

3.8. KONGERERA UBUSHOBOZI KOMISIYO.

Mu rwego rwo kongera ubushobozi bwayo, hakozwe amahugurwa y'abagize Komisiyo n'abakozi bayo haba mu gihugu cyangwa mu mahanga.

- **Amahugurwa yabereye mu Rwanda.**

Kuva ku wa 5 kugeza ku wa 9 Mutarama 2004, i Kigali, hahuguwe abakozi ba Komisiyo mirongo itatu ku bijyanye no kwigisha no gukangurira abantu uburenganzira bwa muntu.

Kuva ku wa 16 kugeza ku wa 20 Gashyantare 2004, i Kigali, hahuguwe abakozi ba Komisiyo mirongo itatu na babiri ku buryo bushya bwo guhugura abantu nabo babifitemo uruhare (méthodologie de formation participative).

Kuva ku wa 22 kugeza ku wa 25 Werurwe 2004, i Kigali, abakozi ba Komisiyo makumyabiri na batanu bahawe amahugurwa ajyanye n'uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco.

Kuva ku wa 26 kugeza ku wa 30 Werurwe 2004, i Kigali, habaye amahugurwa agenewe abakozi ba Komisiyo ku bijyanye no gukurikirana ibimenyetso no kubishakisha. Aya mahugurwa akaba yaritabiriwe n'abantu makumyabiri na batanu.

Abakozi babiri ba Komisiyo bakurikiranye amahugurwa hakoreshejwe uburyo bugezweho bwo kwigisha abantu bari kure. Bahawe amasomo atandukanye ku burenganzira bwa muntu cyane cyane mu bijyanye no gushaka ibimenyetso, gutara no gutangaza amakuru kw'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu.

*

* *

- **Amahugurwa mu mahanga.**

Kuva ku wa 8 kugeza ku wa 22 Gicurasi 2004, umwe mu bagize Komisiyo n'abakozi bayo batatu bakurikiranye amahugurwa yabereye i Genève mu gihugu cy'Ubusuwisi ku birebana n'amasezerano mpuzamahanga ku burenganzira bw'umwana.

Kuva ku wa 11 kugeza ku wa 13 Ugushyingo 2004, umwe mu bagize Komisiyo yakurikiranye amahugurwa ku birebana no kurwanya iyicarubozo no gukurikirana ifunga ry'agateganyo yabereye i Kampala mu gihugu cya Uganda.

Kuva ku wa 5 kugeza ku wa 30 Nyakanga 2004, Komisiyo yohereje i Strasbourg mu gihugu cy'u Bufaransa abakozi babiri bakurikiranye amasomo ku bijyanye n'Amategeko Mpuzamahanga arebana n'uburenganzira bwa muntu.

Kuva ku wa 12 kugeza ku wa 23 Nyakanga 2004, Komisiyo yohereje umukozi wayo mu mahugurwa yabereye i Cotonou (Bénin) muri Kaminuza ya Abomey-Calavi, akaba yarahuguwe mu birebana n'uburenganzira bwa muntu mu by'imbonezamubano na politiki.

Kuva ku wa 11 kugeza ku wa 22 Kanama 2004, Komisiyo yohereje abakozi bayo babiri i Nairobi (Kenya) mu Kigo gishinzwe Kwigisha Uruhare rw'Abagore muri Demokarasi (Education Center for Women in Democracy) bahugurwa mu bijyanye n'uburinganire n'iterambere ry'abagore.

*

* *

IV. RAPORO Y'IMIKORESHEREZE Y'IMARI.

4.1. IRIBURIRO.

Raporo y'imikoreshereze y'imari mu mwaka w'2004 yerekana amafaranga Komisiyo yemerewe n'itegeko rishyiraho ingengo y'imari y'umwaka w'2004, amafaranga Komisiyo yahawe, yari ateganyijwe mu ngengo y'imari y'umwaka w'2004, amafaranga Komisiyo yahawe n'abaterankunga n'amafaranga Komisiyo yakoresheje. Iyi raporo igaragaza imikoreshereze y'imari ya Komisiyo kuva ku wa 1 Mutarama kugeza ku wa 31 Ukuboza 2004.

Nk'uko bigaragara muri raporo y'umwaka w'2003, umwaka warangiye Komisiyo ifite ibirarane bingana na miliyoni makumyabiri n'eshanu n'ibihumbi magana ane na mirongo irindwi na bitanu na magana arindwi na mirongo itatu n'icyenda (**25.475.739 FRw**). Aya mafaranga agizwe ahanini na fagitire Komisiyo itashoboye kwishyura ku ngengo y'imari y'umwaka w'2003.

Amafaranga Komisiyo yagenewe na Leta y'u Rwanda ku ngengo y'imari isanzwe y'umwaka w'2004 angana na miliyoni magana arindwi na mirongo ine n'ebyiri n'ibihumbi ijana na mirongo inani na magana cyenda na mirongo itatu na rimwe (**742.180.931 FRw**).

Amafaranga Komisiyo yahawe ni miliyoni magana atandatu na mirongo itandatu n'icyenda n'ibihumbi mirongo ine n'umunani na magana atandatu na mirongo itatu n'atatu (**669.048.633 FRw**).

Amafaranga Komisiyo yakoresheje ni miliyoni magana atandatu na cumi n'icyenda n'ibihumbi magana atandatu na mirongo itatu n'umunani na magana atandatu na mirongo itanu (**619.638.650 FRw**).

Mu mwaka w'2004, Komisiyo yatewe inkunga ingana n'amafaranga miliyoni magana abiri mirongo ine n'eshanu ibihumbi magana atatu mirongo itanu na bitanu na magana arindwi na mirongo inani n'abiri (**245 355 782 FRw**).

Ku wa 31 Ukuboza 2004, Komisiyo yari ifite amafaranga itarakoresha yahawe ku ngengo y'imari isanzwe ya Leta angana na miliyoni mirongo ine n'icyenda ibihumbi magana ane n'icyenda na magana cyenda na mirongo inani n'atatu (**49.409.983 FRw**).

*

* *

4.2. IMIKORESHEREZE Y'AMAFARANGA KOMISIYO YAHAWE NA LETA MU MWAKA W'2004.

Imikoreshereze y'amafaranga Komisiyo yahawe na Leta ku ngengo y'imari isanzwe ya Leta mu mwaka w'2004 igaragarira mu mbonerahamwe ikurikira ikanumvikana neza mu bisobanuro biyiherekeje.

Inyito	Amafaranga yemewe n'itegeko	Amafaranga yatanzwe	Amafaranga yakoreshejwe	Amafaranga atarakoreshejwe cyangwa yarenze mu mwaka w'2004
IBIRARANE		**10 951 596***	**25 475 739**	**-14 524 143**
1. IBIGENDA KU BAKOZI N'ABAKOMISERI	**379 137 624**	**325 307 339**	**301 710 901**	**23 596 438**
2. IMIKORERE YA BURI MUNSI				**0**
2.1. Ibikoresho byo mu biro	15 358 708	14 078 816	13 517 393	**561 423**
2.2. Amazi n'amashanyarazi	2 000 000	1 833 333	3 647 783	**-1 814 450**
2.3. Lisansi na mazutu	30 073 008	27 566 924	36 430 368	**-8 863 444**
2.4. Ibikoresho bya tekiniki	1 175 515	1 077 555	4 064 367	**-2 986 812**
2.5. Ibikoresho bya siporo	4 931 000	4 520 083	394 500	**4 125 583**
2.6. Ibikoresho byo kwigisha	2 282 795	2 092 562	1 328 900	**763 662**
2.7. Ibindi bikoresho binyuranye	500 000	458 333	2 560 595	**-2 102 262**
2.8. Gufata neza no gusana imiyoboro y'ibyuma kabuhariwe mu kubara	2 500 000	2 291 667	1 256 002	**1 035 665**
2.9. Gufata neza no gukoresha imodoka	14 000 000	12 833 333	33 109 303	**-20 275 970**
2.10. Gufata neza no gukoresha amapikipiki	2 000 000	1 833 333	820 485	**1 012 848**
2.11. Gufata neza no gukoresha ibikoresho byo mu biro	1 200 000	1 100 000	6 175 904	**-5 075 904**
2.12. Gukodesha amazu y'ibiro	80 100 000	73 425 000	70 033 778	**3 391 222**
2.12. Gufata neza no gukoresha ibyuma bya tekiniki	5 808 000	5 324 000	4 878 400	**445 600**
2.13. Gufata neza inyandiko zishyinguwe	1 920 940	1 760 862	0	**1 760 862**
2.14. Ingendo mu mahanga	10 704 480	9 812 440	7 623 461	**2 188 979**

2.15. Ingendo mu gihugu	2 223 040	2 037 787	539 200	**1 498 587**
2.16. Ubutumwa mu gihugu	28 308 865	25 949 793	19 194 200	**6 755 593**
2.17. Ubutumwa mu mahanga	42 504 150	38 962 138	25 539 934	**13 422 204**
2.18. Uburinzi	6 836 199	6 266 516	5 947 200	**319 316**
2.19. Gukodesha ibyumba by'inama	200 000	183 333	211 852	**-28 519**
2.20. Ifatabuguzi ry'ibinyamakuru	925 000	847 917	1 409 154	**-561 237**
2.21. Kugura ibitabo	6 904 000	6 328 667	1 745 400	**4 583 267**
2.22. Gucapisha inyandiko	17 213 528	15 779 067	16 481 733	**-702 666**
2.23. Amatangazo n'ibiganiro kuri radiyo	1 850 514	1 696 305	2 589 322	**-893 018**
2.24. Gusakaza amakuru	59 895	54 904	15 000	**39 904**
2.25. Amahugurwa n'ibiganiro mbwirwaruhame	11 221 124	10 286 030	10 619 124	**-333 094**
2.26. Kwakira abakomiseri, abakozi n'abashyitsi	2 475 000	2 268 750	4 042 200	**-1 773 450**
2.27. Kwizihiza iminsi y'uburenganzira bwa muntu	2 000 000	1 833 333	2 888 625	**-1 055 292**
2.28. Guhugura abakomiseri n'abakozi	8 351 250	7 655 313	1 148 800	**6 506 513**
2.29. Amafaranga y'iposita	2 329 790	2 135 641	323 584	**1 812 057**
2.30. Amafaranga ya telefone, fax na internet	20 453 381	18 748 933	24 534 048	**-5 785 115**
2.31. Andi mafaranga y'iposita	726 000	665 500	47 742	**617 758**
2.32. Ibihembo ku mirimo yihariye	1 573 000	1 441 917	4 264 072	**-2 822 155**
2.33. Gusemura inyandiko mu ndimi	4 615 800	4 231 150	2 709 000	**1 522 150**
2.34. Ubwishingizi bw'ibinyabiziga	4 970 000	4 555 833	5 624 943	**-1 069 110**
2.35. Siporo no kwidagadura	3 258 000	2 986 500	578 750	**2 407 750**
2.36. Kwifashisha inzobere	16 269 500	14 913 708	420 000	**14 493 708**
2.37. Iperereza	1 838 400	1 685 200	0	**1 685 200**
2.38. Gutegura ingengo y'imari	1 382 425	1 267 223	1 212 627	**54 596**
IGITERANYO (S/TOTAL)	**363 043 307**	**332 789 698**	**317 927 749**	**14 861 949**
IGITERANYO CYA BYOSE (GRAND TOTAL)	**742 180 931**	**669 048 633**	**619 638 650**	**49 409 983**

Aho biturutse : Inyandiko z'ibaruramari za Komisiyo mu mwaka w'2004.

**Amafaranga y'ibirarane by'ubukode bw'inzu y'amezi abiri Komisiyo yishyuriwe na MINECOFIN.*

Ibisobanuro ku mbonerahamwe y'imikoreshereze y'amafaranga Komisiyo yahawe na Leta.

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, ku wa 31 Ukuboza 2004, Komisiyo yari ifite amafaranga miliyoni mirongo ine n'icyenda n'ibihumbi magana ane n'icyenda na magana cyenda na mirongo inani n'atatu (**49.409.983 FRw**) itakoresheje.

Kugeza mu Ukuboza 2004, Komisiyo yari yarahawe amafaranga y'imikorere ya buri munsi (frais de fonctionnement) y'amezi icyenda gusa.

Bitewe n'uko Minisiteri y'Ibikorwa Remezo itashoboye kugurira Komisiyo imodoka zo gusimbura izishaje, Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi yahaye Komisiyo amafaranga miliyoni mirongo ine n'icyenda ibihumbi magana atandatu na makumyabiri n'icyenda na magana atanu na mirongo ine n'atandatu (**49.629.546 FRw**) ahwanye n'amafaranga y'imikorere ya buri munsi y'amezi y'Ukwakira n'Ugushyingo, akaba ari yo mafaranga yari kuri konti umwaka urangiye yari agenewe kugura imodoka.

Ku wa 31 Ukuboza 2004, Komisiyo yari ifite fagitire zitishyuye zingana n'amafaranga miliyoni mirongo itatu n'eshanu n'ibihumbi mirongo ine na birindwi na magana atatu na mirongo itatu n'atandatu (**35.047.336 FRw**).

Muri rusange iyi mbonerahamwe iragaragaza ko ku mirongo imwe n'imwe hagiye hasaguka amafaranga, ku yindi akarenga.

Ku bigenda ku bakomiseri n'abakozi, amafaranga atakoreshejwe angana na miliyoni makumyabiri n'eshatu ibihumbi magana atanu na mirongo cyenda na bitandatu na magana ane na mirongo itatu n'umunani (**23.596.438 FRw**). Aya mafaranga agizwe n'ayagiye asaguka ku mirongo imwe n'imwe y'ibigenda ku bakozi aba atakoreshejwe kubera ko nta mpamvu zatumye ayo mafaranga asohoka. Urugero ni nk'amafaranga ateganyirizwa umuryango w'umukozi wapfuye cyangwa wapfushije, hari kandi amafaranga y'abakozi batagikora muri Komisiyo kandi yakomeje kuza ku mishihara y'umwaka, hari kandi n'amafaranga y'umushahara w'umukomiseri wamaze umwaka atarasimburwa yakomeje kuza.

Amazi n'amashanyarazi byatwaye amafaranga menshi kubera ikibazo cy'ibura ry'amashanyarazi mu gihugu hose bityo hakifashishwa imashini itanga amashanyarazi icanira inzu Komisiyo ikoreramo bigatwara mazutu nyinshi.

Amafaranga ya lisansi na mazutu yabaye menshi kubera ko imodoka za Komisiyo zishaje zigakoresha lisansi na mazutu byinshi hakaba n'ikibazo cy'ibiciro byagiye bizamuka buri gihe.

Ibikoresho bya tekiniki byarengeje amafaranga yari ateganyijwe kubera ko byabaye ngombwa ko Komisiyo igura ibyuma bizana ubuhehere (climatiseurs) byo gushyira mu byumba bimwe bibamo ubushyuhe bukabije harimo no gukingira icyuma gihuza (serveur) ibyuma kababuhariwe mu kubara bya Komisiyo.

Mu rwego rwo guteza imbere siporo ku bakomiseri n'abakozi, Komisiyo yari yasabye amafaranga yo kugura ibikoresho n'imyambaro bya siporo (2.5.). Ku mafaranga yatanzwe hagiye hakoreshwaho make kubera ko atashoboye kubonekera rimwe ngo agurwemo ibyari biteganyijwe.

Umurongo w'ibindi bikoresho binyuranye (2.7.) uteganyirizwa amafaranga make ariko ugakoreshwaho amafaranga menshi kubera ko ubarirwamo utuntu twose tugurwa tudateganyijwe mu mirongo yemewe n'ingengo y'imari.

Gufata neza no gukoresha imodoka za Komisiyo byatwaye amafaranga menshi cyane. Nk'uko byasobanuwe muri raporo y'umwaka ushize, gukoresha imodoka byatwaye amafaranga menshi kubera ko imodoka zaguzwe mu mwaka wa 1999 ubu zishaje, hakiyongeraho imiterere y'akazi gakorerwa kenshi mu misozi, bigatuma zijyanwa mu ma garaje kenshi.

Gufata neza no gukoresha ibikoresho byo mu biro (2.4.) byatwaye amafaranga menshi kubera ko ibyo bikoresho bishaje. Ibyinshi birengeje imyaka ine kandi ubundi byaragenewe uburambe bw'imyaka itatu, ibyo ni nk'imashini kabuhariwe mu kubara (ordinateurs) n'imashini zitubura inyandiko (photocopieuses).

Nta mafaranga yakoreshejwe ku murongo ujyanye no gufata neza inyandiko zishyinguwe kubera ko nyuma y'imyaka itanu Komisiyo imaze, inyandiko zishyingurwa zikiri nke kandi n'isomero ryayo rikaba ari rishya.

Amafaranga y'ubutumwa (2.16.) n'ingendo mu mahanga (2.17.) ntiyakoreshejwe yose. Ibi byatewe n'uko Komisiyo itabiriye inama zimwe na zimwe mpuzamahanga zerekeye uburenganzira bwa muntu bitewe n'imirimo yihutirwaga mu gihugu.

Amafaranga yo ku ngengo y'imari ya Leta yari agenewe kugura ibitabo (2.22.) ntiyakoreshejwe yose bitewe n'uko, mu mwaka w'2004, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bwa Muntu ryahaye inkunga Komisiyo yo kugura ibitabo

Amafaranga y'iposita (2.29.) yakoreshejwe ari make kubera ko akazi ka Komisiyo gakorwa kaba gakeneye itumanaho ryihuse bikaba ngombwa ko hakoreshwa telefone, fagisi n'itumanaho rigezweho (Internet) akaba ari yo mpamvu uyu murongo wakoreshejweho amafaranga menshi. Nk'uko byasobanuwe muri raporo z'imyaka ishize, ubu buryo bw'itumanaho burifashishwa cyane haba mu gukurikirana ibirego, gukora amaperereza, gutegura inama zikorwa, kuvugana n'abaterankunga, guhererekanya inyandiko hakoreshejwe ikoranabuhanga rigezweho no gukorana n'indi miryango yo mu mahanga ishinzwe kurinda no guteza imbere uburenganzira bwa muntu.

Amafaranga yo kwifashisha inzobere (2.36) yakoreshejwe ari make kubera ko imbaraga nyinshi zashyizwe mu bikorwa byo kurinda, kwigisha no gukangurira Abanyarwanda uburenganzira bwa muntu, bityo ubushakashatsi ku nsanganyamatsiko zinyuranye zerekeye uburenganzira bwa muntu ntibwakorwa kandi ayo mafaranga ari cyo yari agenewe.

N'ubwo amafaranga yari ateganyijwe ku murongo w'ingengo y'imari urebana n'iperereza (2.37.) yari make, ntabwo yakoreshejwe kubera ko amafaranga ajyanye n'uwo murimo yabariwe mu butumwa mu gihugu.

*

* *

4.3. AMAFARANGA KOMISIYO YAHAWE N'ABATERANKUNGA N'IMIKORESHEREZE YAYO.

Mu mwaka w'2004, Komisiyo yahawe n'abaterankunga amafaranga angana na miliyoni magana atatu na cumi n'imwe n'ibihumbi magana ane na mirongo icyenda na bitanu na magana arindwi na mirongo irindwi na rimwe (**311.495.771 FRw**).

Imbonerahamwe n'imikoreshereze y'inkunga zahawe Komisiyo mu mwaka w'2004

Umuterankunga	Icyo inkunga igenewe	Amafaranga yagenewe iyo nkunga	Amafaranga yatanze mu mwaka 2004	Amafaranga yakoreshejwe	Amafaranga atakoreshejwe
Umuryango w'Ubumwe bw'ibihugu by'Iburayi	Gukurikirana imirimo y'Inkiko Gacaca	541 168 998	211 085 917	203 465 545	7 620 372
Ubutwererane n'igihugu cy'Ubusuwisi	Amahugurwa	115 625 800	73 317 908	71 440 457	1 877 451
Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana	Guteza imbere Uburenganzira bw'Abana	7 016 360	7 016 360	6 948 795	67 565
Serivisi y'Ubudage ishinzwe Amajyambere*	Guteza imbere uburenganzira bwa muntu	20 075 586	20 075 586	20 075 586	0
YOSE HAMWE		683 886 744	311 495 771	301 930 383	9 565 388

Aho biturutse : Ibitabo by'ibaruramari bya Komisiyo na raporo z'imishinga.
**Serivisi y'Ubudage ishinzwe Amajyambere niyo yicungira inkunga igenera Komisiyo.*

Ibisobanuro ku mikoreshereze y'amafaranga Komisiyo yahawe n'abaterankunga

Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi wahaye Komisiyo inkunga ingana n'amafaranga miliyoni magana abiri na cumi n'imwe ibihumbi mirongo inani na bitanu na magana cyenda na cumi n'arindwi (**211.085.917 FRw**)**.** Aya mafaranga yakoreshejwe mu mushinga wo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca. Uwo mushinga watangiye mu Ugushyingo 2002 ukaba uzakomeza no mu mwaka w'2005.

Imbonerahamwe y'imikoreshereze y'amafaranga y'umushinga wo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca.

Inyito	Amafaranga yagenywe	Amafaranga yatanzwe	Amfaranga yakoreshejwe	Amafaranga yasigaye
1. Gukurikirana imikorere y'inkiko gacaca	207 018 529	184 095 676	184 035 951	59 725
2. Amahugurwa n'inama z'abakozi	17 598 000	14 606 340	10 728 390	3 877 950
3. Kwifashisha inzobere	2 000 000	1 000 000	1 000 000	0

4. Gusakaza amakuru mu byagezweho	3 700 000	0	0	0
5. Inama yo gutangaza ibyagezweho	5 000 000	0	0	0
6. Ubwishingizi bw'abakozi	2 500 000	2 500 000	2 500 000	0
7. Gukoresha amamodoka n'amapikipiki	11 720 000	8 883 901	5 201 204	3 682 697
YOSE HAMWE	**249 536 529**	**211 085 917**	**203 465 545**	**7 620 372**

Aho biturutse : Raporo y'umushinga.

Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana (UNICEF) ryateye inkunga Komisiyo mu rwego rw'inama zo gushyiraho ihuriro ry'ubuvugizi bw'uburenganzira bw'abana. Amafaranga Komisiyo yahawe kuri icyo gikorwa ni miliyoni indwi ibihumbi cumi na bitandatu na magana atatu na mirongo itandatu (**7.016.360 FRw**).

Ibiro by'Ubutwererane bw'Ubusuwisi mu Rwanda byateye inkunga Komisiyo mu mushinga watangiye muri Nzeri 2003 wo guhugura abacamanza, abayobozi b'inzego z'ibanze n'abunzi mu birebana n'uburenganzira bwa muntu mu ntara zose z'igihugu. Amafaranga yatanzwe mu mwaka w'2004 ni miliyoni mirongo irindwi n'eshatu ibihumbi magana atatu na cumi na birindwi na magana cyenda n'umunani (**73.317.908 FRw**). Amafaranga yasigaye azakoreshwa mu mahugurwa azumvikanwaho n'impande zombi.

Indi nkunga yahawe Komisiyo yari iyo gushyigikira Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Amajyambere rusange n'Imibereho myiza y'Abaturage.

Imbonerahamwe y'imikoreshereze y'inkunga y'Ibiro by'Ubutwererane bw'Ubusuwisi mu Rwanda.

Inyito	Amafaranga yateganyijwe ku mushinga wose	Amafaranga yateganyijwe mu mwaka wose	Ayatanzwe mu mwaka w'2004 twongeyeho ayasigaye mu mwaka w'2003	Amafaranga yakoreshejwe	Amafaranga atarakoreshejwe
I. Umushinga wo gushyigikira amahugurwa k'uburenganzira bwa muntu					
1. Amahugurwa	66 313 300	53 050 640	44 787 908	36 479 618	8 308 290
2. Guhuza Ibikorwa	20 760 000	3 840 000	3 840 000	4 666 413	- 826 413
3. Ubugenzuzi bwo hanze	1 000 000	800 000	1 000 000	600 000	400 000
4. Ibitari biteganyijwe	0	0	0	2 141 926	- 2141 926
YOSE HAMWE	**88 073 300**	**57 690 640**	**49 627 908**	**43 887 957**	**5 739 951**

II. Umushinga wo guhugura abagize komite nyobozi z'imirenge n'abunzi					
1. Amahugurwa y'abagize Komite nyobozi z'imirenge n'abunzi	27 552 500	23 690 000	23 690 000	27 552 500	- 3 862 500
YOSE HAMWE	**27 552 500**	**23 690 000**	**23 690 000**	**27 552 500**	**- 3 862 500***
IGITERANYO CYA YOSE	**115 625 800**	**81 380 640**	**73 317 908**	**71 440 457**	**1 877 451**

Aho biturutse : Raporo z'umushinga.

**Amafaranga Komisiyo yishyuye ku ngengo y'imari isanzwe ikazayasubizwa n'Ibiro by'Ubutwererane bw'Ubusuwisi.*

Serivisi y'Ubudage ishinzwe Amajyambere (DED) yateye inkunga Komisiyo mu bikorwa bijyanye n'amahugurwa no guteza imbere Uburenganzira bwa Muntu. Amafaranga yakoreshejwe ni miliyoni makumyabiri ibihumbi mirongo irindwi na bitanu na magana atanu na mirongo inani n'atandatu (**20.075.586 FRw**).

*

* *

V. UMWANZURO RUSANGE, IBYIFUZONAMA N'IBITEGANYIJWE MU MWAKA W'2005.

5.1. UMWANZURO RUSANGE.

Muri rusange, mu mwaka w'2004 Komisiyo yaranzwe n'ibikorwa binyuranye bijyanye n'inshingano nkuru zayo zo guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa muntu. Nk'uko bigaragara muri iyi raporo, ibikorwa byagezweho na Komisiyo bishingiye ku nshingano ihabwa n'itegeko n° 37/2002 ryo ku wa 31 Ukuboza 2002. Ibikorwa bikubiye muri iyi raporo byibanze ku ngingo zikurikira :

a) gukangurira no kwigisha abaturage b'ingeri zose ibyerekeranye n'uburenganzira bwa muntu ;

b) gutanga ibitekerezo ibisabwe cyangwa ibyibwirije ku mishinga y'amategeko yerekeye ibibazo by'uburenganzira bwa muntu ;

c) gushishikariza inzego za Leta zibishinzwe kwemeza amasezeramo mpuzamahanga yita ku burenganzira bwa muntu no kuyinjiza mu mategeko igihugu kigenderaho ;

d) gukurikirana ibibazo birebana n'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu, byaba ibyo Komisiyo igejejweho cyangwa yimenyeye ;

e) gusura ahafungiye abantu no kureba ko uburenganzira bwabo bwubahirizwa ;

f) gusaba gukurikirana mu nzego z'ubucamanza uwo ari we wese wakoze ibikorwa bihutaza uburenganzira bwa muntu ;

g) gufatanya na Komisiyo z'ibindi bihugu zishinzwe uburenganzira bwa muntu, amashyirahamwe akorera mu gihugu n'imiryango mpuzamahanga mu bikorwa byo kubahiriza no guteza imbere uburenganzira bwa muntu.

Usibye izi nshingano ihabwa n'itegeko riyishyiraho, hari indi nshingano Komisiyo ihabwa n'itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa. Iryo tegeko riteganya, mu ngingo yaryo ya 24, ko Komisiyo igomba guteganya uburyo bwihariye bwo gukurikirana uko uburenganzira bw'umwana bwubahirizwa.

a. Ibijyanye no gukangurira no kwigisha abaturage b'ingeri zose ibyerekeranye n'uburenganzira bwa muntu.

Kugira ngo abaturarwanda bashobore kurengera uburenganzira bwabo n'ubw'abandi, ni ngombwa ko babanza kubumenya. Ni muri urwo rwego, mu mwaka w'2004, Komisiyo yihatiye kwigisha no gukangurira ingeri zinyuranye z'abaturarwanda ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu. Harimo abayobozi b'inzego z'ibanze, abashinzwe umutekano nk'abapolisi na « Local Defence Forces », abanyeshuri n'abarimu, abanyamadini, abacamanza, abunzi n'abantu bahurijwe mu ngando cyangwa bibumbiye mu mashyirahamwe anyuranye. Usibye kandi bene izo nyigisho,

ikiganiro cya Komisiyo kinyura kuri Radio Rwanda buri wa gatanu cyakomeje kugira uruhare mu gukangurira abanyarwanda ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu muri rusange.

Mu bindi bikorwa mu rwego rwo guteza imbere uburenganzira bwa muntu, Komisiyo yizihije iminsi ngarukamwaka y'uburenganzira bwa muntu iboneraho gutanga ubutumwa bukangurira abaturarwanda ibijyanye n'uburenganzira bwihariye bwabaga buzirikanwa kuri uwo munsi. Ubwo butumwa bwagiye busomwa kuri Televiziyo y'Igihugu na Radiyo, mu cyangwa bukandikwa ku bitambaro bimanikwa ahantu hahurira bantu benshi, ubundi bwagiye bunyuzwa mu nyandikompine zabigenewe.

b. Ibijyanye no gutanga ibitekerezo ku mishinga y'amategeko.

Muri iki gikorwa ikiba kigamijwe ni ukugenzura niba mu mishinga y'amategeko nta ngingo zirimo zishobora kubangamira uburenganzira bwa muntu. Ni muri urwo rwego mu mwaka w'2004 Komisiyo yatanze umusanzu w'ibitekerezo ku mushinga w'Itegeko-Ngenga rigena Imikoreshereze n'Imicungire y'Ubutaka mu Rwanda no ku mbanzirizamushinga y'itegeko rishyiraho Komisiyo yo kurwanya jenoside.

c. Gushishikariza inzego za Leta zibishinzwe kwemeza amasezerano mpuzamahanga y'uburenganzira bwa muntu.

Komisiyo yakomeje gushishikariza inzego za Leta zibishizwe kwemeza amasezerano mpuzamahanga y'uburenganizra bwa muntu u Rwanda rutaremeza cyangwa rutarashyira mu mategeko yarwo. Komisiyo, ibicishije kuri Minisiteri y'ububanyi n'amahanga, yagaragarije Leta y'u Rwanda amasezerano akwiye gushyirwaho umukono (p. 28).

d. Gukurikirana ibibazo birebana n'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu.

Mu mwaka w'2004, Komisiyo yakurikiranye ibibazo birebana n'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu ishingiye ku birego yagejejweho cyangwa yibwirije gukurikirana bitewe n'uburemere bwabyo. Mu bibazo Komisiyo yagejejweho, ibyinshi muri byo birebana n'ifata n'ifunga bidakurikije amategeko, ibyemezo by'inkiko bitubahirizwa, imanza zitinda n'izitarangizwa, ibangamirwa ry'uburenganzira ku mutungo, uburenganzira bw'umwana n'ibibazo birebana n'uburenganzira ku murimo n'iyubahirizwa ry'amategeko awugenga.

Komisiyo yakurikiranye kandi iby'ihohoterwa ry'abacitse ku icumu rya jenoside n'abagaragaje ubushake mu kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside, inakurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu matora anyuranye yabaye mu mwaka w'2004.

- **Ibijyanye n'ifata n'ifunga bidakurikije amategeko.**

Mu bibazo Komisiyo yakurikiranye bijyanye n'ifata n'ifunga bidakurikije amategeko, ibyinshi muri byo birebana n'abantu bafatwa bagafungwa bakamara kuri sitasiyo za polisi igihe kirekire kirenze igiteganywa n'amategeko (amasaha mirongo irindwi n'abiri) badashyikirizwa parike

cyangwa ngo bagezwe imbere y'inama y'abacamanza. Muri uru rwego kandi Komisiyo yakiriye ibirego by'abantu bafungwa n'abayobozi b'inzego z'ibanze batabifitiye ububasha.

Komisiyo irongera kwibutsa ko ifata n'ifunga bidakurikije amategeko ari byo ntandaro yo kumara igihe kinini haburanwa « procédures » aho kuburana icyaha nyir'izina kugira ngo ukuri kujye ahagaragara.

- **Ikibazo cyo gukomeza gufungwa igihano cyararangiye.**

Ikindi kibazo cyagaragaye ahantu hamwe ni ugukomeza gufungwa igihano cyararangiye biturutse ku muyobozi wa gereza. Aha Komisiyo ikaba yishimira ko ugereranyije n'imyaka yashize ibibazo nk'iki byagabanutse mu magereza ku buryo bugaragara, ikaba isaba ariko ko byacika burundu, ababigizemo uruhare bakabihanirwa bakanishyura indishyi k'uwo bakomeje gufunga kandi yararangije igihano.

- **Ibyemezo by'inkiko bitubahirizwa.**

Nk'uko byari byagaragajwe muri raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2003, hari abantu basuzugura ibyemezo by'inkiko. No mu mwaka w'2004, Komisiyo yakurikiranye ibirego bishingiye ku byemezo by'inkiko bidashyirwa mu bikorwa. Mu babifitemo uruhare hakaba harimo ubushinjacyaha bwanga gufungura abantu baba barekuwe by'agateganyo n'inama y'abacamanza kandi itegeko riteganya ko n'ubwo parike yaba yajuriye uregwa agomba kurekurwa ; aha naho Komisiyo isanga abashinjacyaha batubahiriza ibyemezo by'inkiko bakwiye guhanwa kimwe n'abandi bantu bose bica amategeko nkana.

Mu bandi batubahiriza ibyemezo by'inkiko harimo abayobozi b'inzego z'ibanze babivuguruza uko bishakiye, bikaba bigaragara ko batarumva ko icyemezo cy'urukiko kiba cyahindutse itegeko nk'uko ingingo y'140 y'Itegeko Nshinga ibiteganya. Ibibazo byinshi by'ubu bwoko byakunze kugaragara mu Ntara z'Umutara, Byumba, Gikongoro na Cyangugu. Komisiyo ikaba isanga inzego zibishinzwe zigomba guhagurukira icyo kibazo zigashishikariza abayobozi b'inzego z'ibanze kurenganura abaturage bayobora bubahiriza ibyemezo biba byafashwe n'inkiko, ababirengaho bakabihanirwa.

- **Imanza zitinda.**

Komisiyo yakurikiranye ibirego bishingiye ku manza zitinda kuburanishwa cyangwa zigasubikwa kenshi bigatuma uruhande rwareze n'urwarezwe zikomeza kumva ko zirengana. Ibyinshi muri ibi bibazo birebana n'imanza zari zarashyikirijwe icyahoze ari Urukiko Rusesa Imanza ubu zikaba zirobanurwa n'Urukiko rw'Ikirenga. Komisiyo irizera ko ivugurura ry'inzego z'ubutababera ryatangiye gushyirwa mu bikorwa rizakemura ibibazo nk'ibi by'itinda ry'imanza ryari ryarabaye akarande mu myaka yashize ; Komisiyo ikaba yaragiye ibyamagana muri raporo zayo. Komisiyo irasanga abahesha b'inkiko bari bakwiye gukurikiranwa igihe batarangiza inshingano zabo.

- **Imanza zitarangizwa n'izirangizwa uko zitaciwe.**

Komisiyo yakurikiranye ibirego bijyanye n'imanza zitarangizwa cyangwa zikarangizwa uko zitaciwe. Muri ibyo birego hari abatsindira imitungo ariko kugira ngo babone ibyo batsindiye bikaba ingorabahizi. Rimwe na rimwe iryo rangizwa ry'imanza ritambamirwa na bamwe mu bayobozi. Ibibazo nk'ibi biracyagaragara henshi n'ubwo bwose Komisiyo itahwemye kubyamagana mu myaka yashize.

Komisiyo isanga ari ikibazo gikwiye guhagurukirwa, ikanibutsa ko iyo ubutabera burangiza neza kandi vuba imanza zaciwe byerekana ko igihugu kigendera ku mategeko. Kutarangiza imanza bituma abaturage bagana inkiko ngo zibarenganure bagenda bata icyizere bafitiye ubutabera bigahesha isura mbi ubutabera muri rusange kandi bidaturutse ku nzego z'ubutabera ubwazo.

- **Iyicwa n'urugomo bigirirwa abacitse ku icumu n'abagaragaje ubushake bwo kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside.**

Mu bibazo bikomeye Komisiyo yakurikiranye harimo n'ibijyanye n'iyicwa ry'abacitse kw'icumu n'abagaragaje ubushake bwo kuvugisha ukuri ku byabaye muri jenoside. Ibikorwa nk'ibyo byagaragaye cyane mu Ntara za Gikongoro na Butare. Mu mapereresa yakoze, Komisiyo yasanze buriya bwicanyi bugamije gukomeza jenoside no gucecekesha abashaka kuvugisha ukuri ku byabaye muri icyo gihe. Mu ma raporo yihariye Komisiyo yagiye igeza ku nzego nkuru z'igihugu, yamaganye buriya bwicanyi n'urugomo, isaba inzego z'umutekano n'iz'ubutabera gufata ingamba zihamye zo kuburwanya. Komisiyo irishimira ko inzego z'umutekano n'iz'ubutabera zabihagurukiye, abicanyi n'abakekwaho ubwicanyi bagafatwa kandi imanza zabo zikaba zihutishwa.

- **Gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca no mu matora.**

Mu rwego rw'ibikorwa bijyanye no gukurikirana uko uburenganzira bwa muntu bwubahirizwa, Komisiyo yakurikiranye imirimo y'Inkiko Gacaca hagamijwe kureba uko uburengazira ku rubanza ruboneye bwubahirizwa haba ku ruhande rw'abaregwa jenoside ndetse n'abiciwe. Buri gihembwe Komisiyo yagiye igeza ku Rwego rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca raporo igaragaza uko uburenganzira bwa muntu bwubahirizwa muri ziriya nkiko.

Mu rwego rwo gukurikirana uko uburenganzira mu bya politiki bwubahirizwa, mu mwaka w'2004, Komisiyo yakurikiranye amatora yabaye mu gihugu yaba ay'abagize Komite z'abunzi, ayo kuzuza inama njyanama na komite nyobozi z'uturere n'imijyi, inyangamugayo mu Nkiko Gacaca n'abagize Inama y'Igihugu y'Abagore. Muri icyo gikorwa, Komisiyo yari igamije kugenzura uko uburengazira mu gutora uwo wishakiye no kwiyamamaza bwubahirizwa kuri buri muturage. Muri rusange, Komisiyo yasanze ayo matora yaragenze neza kubera ko amategeko ayagenga yubahirijwe kandi ayo matora akaba yaritabiriwe n'abantu benshi.

- **Ibibazo birebana n'imitungo.**

Mu bibazo bijyanye n'uburenganzira ku mutungo bwite, Komisiyo yakurikiranye ibirebana n'amakimbirane ashingiye ku masambu agenda atera ubwumvikane buke mu miryango. Iki kibazo kikaba kiboneka mu bice binyuranye by'igihugu. Komisiyo isanga iki kibazo gikwiye gukemurwa n'inzego z'ubuyobozi, kikabonerwa igisubizo mu buryo burambye.

- **Uburenganzira ku murimo.**

Ibibazo byakurikiranywe birebana n'abantu basezererwa ku mirimo badahawe ibyo amategeko abagenera nk'imperekeza, icyemezo cy'umukoresha wa nyuma cyangwa kwishyurwa za konji batafashe. Ibindi bibazo bijyanye n'abakoresha badateganyiriza abakozi babo, byaba ngombwa ko birukanwa bagahabwa amafaranga mu ntoki, bityo bakavutswa uburenganzira bwo guteganyirizwa izabukuru hamwe n'imiryango yabo. Komisiyo irasaba ko abakoresha bajya baha abakozi babo ibiteganywa n'amategeko agenga umurimo n'ubwiteganyirize.

- **Uburenganzira bw'umwana.**

Mu bibazo bihutaza uburenganzira bw'umwana, Komisiyo yakurikiranye ibirego by'abana b'impfubyi kuri ba nyina bagatereranwa na ba se, hari kandi abana b'impfubyi ku babyeyi bombi bariganywa umutungo na bene wabo cyangwa abashinzwe kubarera n'ababuzwa kwiga.

Komisiyo iributsa ko, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 27 y'Itegeko Nshinga, ababyeyi bose bafite inshingano yo kurera abana babyara ntibabatererane kabone n'ubwo baba bafite imyitwarire mibi. Ikindi kigomba kumvikana ni uko ababyeyi batererana abana babo bagomba kubihanirwa nk'uko biteganywa n'ingingo ya 380 y'Igitabo cy'amategeko ahana akaba ari ni inshingano ya Leta yo gushyiraho gahunda ihamye yo kurera abo bana.

e. Gusura ahafungiye abantu no kureba ko uburenganzira bwabo bwubahirizwa.

- **Isurwa rya za kasho na gereza.**

Mu bijyanye n'isurwa rya Kasho na gereza, muri rusange, Komisiyo yasanze imibereho igenda irushaho kuba myiza muri ibyo bigo bifungirwamo ugereranyije n'ibibazo byavugwagamo mu myaka yashize haba iby'umubare munini w'abafungwa mu mazu mato, iby'isuku ndetse n'amafunguro. Byagaragariye ariko Komisiyo ko abasiviri bagifunganwa n'abasirikare.

Komisiyo irasanga kandi ahantu hose hemewe gufungirwa hagomba kumenyekana, hagatangazwa mu Igazeti ya Leta.

f. Gusaba gukurikirana mu nzego z'ubucamanza uwo ari we wese wakoze ibikorwa bihutaza uburenganzira bwa muntu.

Ishingiye ku mapererereza yakoze ku bibazo binyuranye by'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu, Komisiyo yagiye igaragaza ababifitemo uruhare ndetse ku bibazo bimwe na bimwe

igasaba inzego za Parike n'iz'ubucamanza kubakurirana. By'umwihariko, Komisiyo irateganya gutangira ubwayo kurega mu nzego za Parike n'iz'ubucamanza abantu bahutaza uburenganzira bwa muntu mu gihe ingingo zimwe z'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza zagaragajwe muri iyi raporo zizaba zahinduwe.

g. Ibirebana no guteza imbere Komisiyo.

Mu mwaka w'2004 ibikorwa bijyanye no guteza imbere Komisiyo byibanze ahanini mu guhugura abagize Komisiyo n'abakozi bayo, baba abakorera ku cyicaro cyayo cyangwa abakorera mu Ntara. Muri rusange ayo mahugurwa yari agamije guha abagize Komisiyo n'abakozi bayo ubumenyi bwisumbuye mu bijyanye n'uburenganzira bwa muntu kugira ngo barusheho kurangiza, mu buryo bunoze, inshingano yabo yo guteza imbere no kurinda uburenganzira bwa muntu.

5.2. IBYIFUZONAMA.

Muri rusange Komisiyo isanga Leta y'u Rwanda yarateye intambwe ishimishije mu kubaka igihugu kigendera ku mategeko cyubahiriza uburenganzira bwa muntu. Ariko kandi, ishingiye ku birego yakiriye mu mwaka w'2004 hamwe n'ibyo yakurikiranye ibyibwirije, Komisiyo isanga hamwe na hamwe hakirangwa ibikorwa bihutaza uburenganzira bwa muntu. Ni yo mpamvu igejeje ku nzego nkuru z'igihugu by'umwihariko n'abaturarwanda muri rusange ibyifuzonama binyuranye bijyanye n'ihutazwa ry'uburenganzira bwa muntu Komisiyo yakurikiranye mu mwaka w'2004.

Kuri Perezida wa Repubulika, Inteko ishinga amategeko, Guverinoma n'Urukiko rw'Ikirenga.

- Gukemura ikibazo cy'ifata n'ifunga ridakurikije amategeko rivutsa abakekwaho ibyaha uburenganzira bwabo no gushishikariza za Parike na Sitasiyo za Polisi kubahiriza amategeko y'ifata n'ifunga ;

- Gukangurira abayobozi b'inzego z'ibanze kumva ko nta burenganzira bafite bwo gufata no gufunga abakekwaho icyaha kuko hari izindi nzego zibishinzwe ;

- Guha amahugurwa abayobozi b'inzego z'ibanze kugira ngo bashobore gukemura ibibazo by'abaturage neza ;

- Gufatira ibihano abashinjacyaha n'abayobozi b'inzego z'ibanze batubahiriza ibyemezo by'inkiko kuko bihesha isura mbi ubutabera muri rusange ;

- Gufata ingamba zihamye zituma irangizwa ry'imanza rishyirwa mu bikorwa nta yandi mananiza kugira ngo ibyemezo by'inkiko bigire agaciro no guhana abayobozi batubahiriza ibyemezo by'inkiko ;

- Gukangurira Parike na Polisi y'Igihugu kwandika mu bitabo byabugenewe abafunzwe kandi igihe bimuwe n'aho bimuriwe bikandikwa muri ibyo bitabo, bikamenyeshwa imiryango yabo ;

- Guha Sitasiyo za Polisi y'Igihugu, Parike n'inkiko ibikoresho bya ngombwa bikenewe bituma barangiza inshingano zabo abaturage batagombye gusiragira ;

- Gufata ingamba zihamye zatuma ubuharike bucika mu gihugu kuko bugira ingaruka mbi ku burenganzira bw'umwana, ubw'umugore n'ubw'umuryango. ;

- Gushishikariza abakoresha bose kubahiriza amategeko agenga umurimo, guteganyiriza abakozi babo no guhana abatabyubahiriza ;

- Guhana abayobozi bagaragayeho guhohotera abaturage bashinzwe kuyobora no kurengera ;

- Gukomeza umurego mu kubungabunga umutekano w'abacitse kw'icumu n'abafite ubushake bwo kuvugisha ukuri mu Nkiko Gacaca bigaragara ko mu Ntara zimwe z'igihugu bicwa bakanahohoterwa no guhana abayobozi babifitemo uruhare cyangwa bagaragaje uburangare mu kibazo nk'icyo gikomeye.

Ku baturarwanda bose.

- Kurushaho kumenya uburenganzira n'inshingano bya muntu.

- Gukomeza kugana Komisiyo, bayigezaho ibibazo n'ibitekerezo bijyanye n'uburenganzira bwa muntu ;

- Kugeza ibibazo ku nzego zifite inshingano yo kubikemura mbere yo kubigeza kuri Komisiyo ;

- Kwirinda kugeza kuri Komisiyo ibirego by'ibinyoma cyangwa bidafite ishingiro ;

- Kurinda no kurengera uburenganzira bwabo n'ubw'abandi ;

- Kwanga no kurwanya akarengane n'umuco wo kudahana.

5.3. **IBIKORWA BITEGANYIJWE MU MWAKA W'2005.**

- **Mu rwego rwo guteza imbere uburenganzira bwa muntu.**

Mu bijyanye no guteza imbere uburenganzira bwa muntu, mu mwaka w'2005, Komisiyo irateganya ibikorwa by'ingenzi bikurikira :

- Gutegura integanyanyigisho ku burenganzira bwa muntu ;

- Kwigisha abarimu n'abanyeshuri, abacungagereza, abahesha b'inkiko, urubyiruko rwibumbiye mu mashyirahamwe n'izindi ngeri z'abaturarwanda ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu ;

- Gukangurira abaturarwanda kwirinda no kurwanya ivangura no kubasobanurira amategeko akumira akanahana ivangura n'ibikorwa bigize icyaha cya jenoside ;

- Gukomeza gukangurira abaturarwanda muri rusange ibijyanye n'uburenganzira bwa muntu binyujijwe mu biganiro binyuzwa kuri za radiyo na televisiyo byo mu Rwanda ;

- Kwizihiza iminsi mpuzamahanga ngarukamwaka ijyanye n'uburenganzira bwa muntu no kugeza ku baturarwanda ubutumwa bujyanye na yo ;

- Gusakaza amasezerano mpuzamahanga arebana n'uburenganzira bwa muntu ;

- Gukora ubushakashatsi ku miterere y'uburenganzira bwa muntu mu Rwanda ;

- Gukomeza gutanga ibitekerezo ku mishinga y'amategeko.

- **Ibijyanye no kurinda uburenganzira bwa muntu.**

Mu bikorwa bijyanye no kurinda uburenganzira bwa muntu, Komisiyo irateganya ibikorwa by'ingenzi bikurikira mu mwaka w'2005 :

- Kwakira no gusesengura ibirego byerekeye ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu haba mu by'imbonezamubano na politiki, ubukungu, imibereho myiza, umuco, amajyambere n'ibijyanye n'ibidukikije ;

- Gushyiraho uburyo bwihariye bwo kugenzura uko uburenganzira bw'umwana bwubahirizwa ;

- Gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu muri za gereza na kasho ;

- Gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu Nkiko Gacaca ;

- Gukurikirana ibibazo by'umutekano w'abacitse kw'icumu n'abatangabuhamya mu Nkiko Gacaca ;

- Kwibutsa inzego za Leta zibifitiye ububasha kwemeza amasezerano mpuzamahanga arebana n'uburenganzira bwa muntu ;

- Kuregera inkiko na parike abantu bahungabanya uburenganzira bwa muntu.

- **Ibijyanye no guteza imbere Komisiyo.**

Mu bijyanye no guteza imbere Komisiyo, ibikorwa by'umwaka w'2005 bizibanda mu gutegura amahugurwa agenewe abakozi n'abagize Komisiyo. Ayo mahugurwa azibanda ahanini ku nyigisho ku burenganzira bwa muntu, ku ikoranabuhanga n'andi mahugurwa agendanye n'inshingano zihariye mu mirimo yabo ya buri munsi.